

REPUBLIC OF RWANDA

SUPREME COURT P.o. Box. 2197 KIGALI www.judiciary.gov.rw



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 3 - 2019 Nyakanga, 2019



RWANDA LAW REPORTS

Law Report, V. 3 - 2019 July, 2019





ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 3 - 2019 Nyakanga, 2019



RWANDA LAW REPORTS

Law Report , V. 3 - 2019 July, 2019



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

IKINYARWANDA

ISHAKIRO

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI	iii
IRIBURIRO	vii
IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO	viii
INYITO	viii
AMATEGEKO YASHINGIWEHO	ix
IMANZA ZIFASHISHIJWE	xi
AMAGAMBO MPINE	xii
Re MUGISHA	1
NISHIMWE v. MUGENGA N'UNDI	73
MUKARWEGO N'ABANDI v. NGIRIYABANDI	95
ARLCOM Ltd N'UNDI v. ECOBANK RWANDA Ltd	113
NYIRANJANGWE v. BPR Ltd N'ABANDI	133
UBUSHINJACYAHA v. DUSABIMANA	157
UBUSHINJACYAHA v. SIBOMANA	175

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI

ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

MWIHOREZE Claudine

KOMITE YEMEZA IMANZA

Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse: Perezida wa Komite

Umucamanza mu Rukiko

rw'Ubujurire

Dr. MUHIRE G. Yves : Visi Perezida wa Komite

Umwalimu muri

Kaminuza y'u Rwanda

Dr. KARIMUNDA M. Aimé : Perezida w'Urukiko

rw'Ubujurire

NDAHAYO Xavier : Perezida w'Urukiko Rukuru

RUTAZANA Angeline : Visi Perezida w'Urukiko

Rukuru rw'Ubucuruzi

NGENDAKURIYO Alice : Umwanditsi wa Komite,

Umugenzuzi w'Inkiko

BAGABO Faustin : Avoka mu Rugaga

rw'Abavoka

BWIZA N. Blanche : Umugenzuzi w'Inkiko

GIRANEZA Clémentine : Umucamanza mu Rukiko

Rwisumbuye

HABARUREMA Jean Pierre : Umushinjacyaha ku

Rwego rw'Igihugu

KALIWABO Charles: Umucamanza

w'Urukiko rw'Ubujurire

Dr. KAYIHURA Didas : Umuyobozi wa ILPD

KIBUKA Jean Luc : Umucamanza mu Rukiko

Rukuru rw'Ubucuruzi

Lt. col. MADUDU A. Charles : Umucamanza mu Rukiko

Rukuru rwa Gisirikare

MUREREREHE Saouda : Umucamanza mu Rukiko

Rukuru

BUNYOYE Grace : Umushinjacyaha ku rwego

rw'Igihugu

KABIBI Specioza : Intumwa ya Leta

RUKUNDAKUVUGA F. Regis : Umucamanza mu Rukiko rw'

Ikirenga

UWANTEGE Yvette : Perezida w'Urukiko

Rwisumbuye

IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Nkuko bisanzwe, Urwego rw'Ubucamanza runejejwe no gutangaza nomero ya gatatu y'Icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko mu mwaka wa 2019.

Dukomeje kubashimira, ko mudahwema kutugezaho ibitekerezo byanyu, munatwereka aho mwifuzako hanozwa kurushaho. Ibi bizatuma turushaho kubagezaho Icyegeranyo gikozwe neza kandi gifitiye akamaro abantu b'ingeri zitandukanye bahura n'ibibazo by'amategeko mu mwuga wabo.

Muri iyi nomero y'Icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko murasangamo, imanza zirindwi (7) harimo rumwe (1) rwerekeranye n'imiburanyishirize, mu gihe izindi esheshatu (6) ari izi zikurikira: imanza ebyiri (2) z'ubucuruzi, imanza ebyiri (2) nshinjabyaha, urubanza rumwe mbonezamubano n'urundi rumwe (1) rurebana n'ikirego gisaba kwemeza ko itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga.

Tuboneyeho kubibutsa ko imanza ziri muri iki cyegeranyo ziboneka no kurubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga ruborohereza kubona urubanza mukeneye mu buryo bwihuse, munyuze kuri http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do.

Prof. RUGEGE Sam Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO

Iki cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire zikoreshwa hakurikijwe inyito ivugwa hasi.

INYITO

Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo: [2019] 3 RLR

AMATEGEKO YASHINGIWEHO

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 4,10,15,17,18,38,41,97,98 niya 10811
Itangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu ryo 1948, ingingo ya 1911
Amasezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira mu by'Imbonezamubano na Politiki, ingingo ya 1911
Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Ingingo ya 9, 147 niya 153
Ingingo ya 1498
Itegeko $N^{\circ}68/2018$ ryo ku wa $30/08/2018$ riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ingingo ya 2, igika cya 1, agace ka 5.176
Itegeko N°30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 85 na 165
Itegeko №54/2011 ryo ku wa 14/12/2011 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera11
Itegeko Nº17/2010 ryo ku wa 12/5/2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda, ingingo ya 36135
Itegeko N°10/2009 ryo ku wa 14/5/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa, ingingo ya 19 n'iya 24135

IMANZA ZIFASHISHIJWE

European Court of Human Rights, Handyside v. United Kingdom, Judgment of 7 Dec. 1976, Series A No. 24
Joseph Burstyn, Inc. v. Wilson, U.S. Supreme Court, 343 U.S. 495 (1952)12
Joseph Shine v Union of India 2018 SCC Online SC1676 delivered on 27 September, 201812
Re Uwinkindi, RS/INCONST/PEN0005/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 22/02/201312
Ubushinjacyaha v. Ndungutse, RPA0042/14/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 02/06/2017160
Ubushinjacyaha v. Nyirahabimana, RPA0229/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 19/09/2014160
UN Human Rights Committee, Communication N°414/1990, Mika Miha v. Equatorial Guinea, Views adopted on 8 July 199412

AMAGAMBO MPINE

 Inyungu – Inyungu zisanzwe n'iz'ubukererwe – Mu gihe uwahawe inguzanyo atabashije kwishyura kandi yaratanze ingwate yishingira inguzanyo, inyungu zisanzwe n'iz'ubukererwe ntizikwiye gukomeza kubarwa. ARLCOM Ltd N'UNDIV. ECOBANK RWANDA Ltd.
Amategeko agenga ibimenyetso — Inyandiko ihinnye y'urubanza - Inyandiko ihinnye y'urubanza si incarubanza, ariko ni ikimenyetso kidashidikanywaho ko habaye urubanza hagati y'ababuranyi kandi yerekana icyemezo cyarufashwemo. MUKARWEGO N'ABANDI v. NGIRIYABANDI95
Kwemera icyaha — Buri gihe kwemera icyaha ntibiba ikimenyetso ntakuka gihagije cyashingirwaho mu kwemeza ko uregwa ahamwa n'icyaha akurikiranyweho — Kuba uregwa yemera icyaha ubundi akagihakana bishyira inshingano ku Bushinjacyaha zo gutanga ibindi bimenyetso bishyigikira ukwemera icyaha k'uregwa. UBUSHINJACYAHA v. DUSABIMANA
Ibimenyetso – Gukekwaho icyaha – Kuba uregwa n'uwahohotewe (victim) bari basanzwe bafitanye amakimbirane ntago ubwabyo byafatwa nk'ikimenyetso gihamya icyaha. UBUSHINJACYAHA v. SIBOMANA
Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano – Ubujurire – Kurega uwo mwari mufatanije urubanza – Kugirango umuntu arege undi mu

bit my	jurire, agomba kug ashoboka kugira ii vari mufatanyije u SHIMWE v. MU	nyungu ukuri rubanza. mu	kirana mu b nkiko zibar	oujurire ku nza.	wo
Igi kib baı	aburanyi benshi he hari ababura buranwa, ubujurir ndi, n'iyo baba bat SHIMWE v. MU	nyi benshi e bw'umwe taje mu rubar	basangiye bugira ing nza	inyungu garuka no	ku ku
cya nta	ubanza rwabaye n amaze gufatwaho kuka n'ikosa, riko U KARWEGO N'	icyemezo sorwa nuko i	mu ruba urwo rubanz	nza rwaba za rukurwa	aye ho.
w'ige rw ite: risl w'	Gutesha agad Inkiko yarateje magaciro rya abagenagaciro, ni shwa agaciro – Ite hyiraho kandi igenagaciro ku ni ningo ya 36	cyamunara teshejwe i impamvu iti geko Nº17/20 rikagena	ingwate a agaciro uma cyamu 010 ryo ku imikorere	ashingiye n'Urwe nara yakoz wa 12/5/20 y'umwi	ku ego we 010 uga
NY	/IRANJANGWE ABANDI				
Un bir icy bya abo	Nshinga — Ibiko nushingamategeko nwe bibangamira raha gihanishwa aba bifitanye isano o byangirije kuba b regera indishyi cya	ashobora inyungu rus igihano cy'i o n'amasezer oakoresha n'i	gufata ibik sange akage gifungo ka ano kandi i nzira y'imb	torwa bim ena ko big abone nub byo ntibibi onezamuba	we ize wo uza ano

Re MUGISHA1
Ingaruka z'igihano cy'igifungo ku muryango – Ingaruka z'igihano cy'igifungo ku muryango ntizikwiye gushingirwaho havanwaho ingingo ziteganya icyo gihano, kuko igihano cy'igifungo gitangwa hagamijwe gutanga urugero rutuma abantu batishora mu byaha, kigamije guhana, kugorora no kwigisha. Re MUGISHA
Ubwisanzure bw'umuryango — Ubwisanzure bw'umuryango ntabwo ari ugukora icyo buri wese ashaka, gishobora kubangamira umudendezo n'umutekano w'abagize umuryango — Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 18. Re MUGISHA
Ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kugaragaza ibitekerezo — Kubijyanye n'ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kugaragaza ibitekerezo, umuntu afite uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo ku mihango y'idini, ibimenyetso, n'ibikoresho by'imihango yaryo ndetse nubwo gushaka nugukwirakwiza amakuru n'ibitekerezo mu ruhame birebana niryo idini akaba yanabinenga, apfa kudakora ibibujijwe n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga. Re MUGISHA
Kureka ikirego kirebana n'icyaha cy'ubusambanyi – Uwahemukiwe ashobora gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho

akareka ikirego cye – Kureka urubanza cyangwa irangiza ryarwo bigira ingaruka no kuwakoranye icyaha n'uregwa.

Re MUCISHA

Re MUGISHA1
Gutandukanya abantu — Gutandukanya abantu ubwabyo ntabwo ari ivangura cyangwa kutareshyeshya abantu imbere y'amategeko, bishobora gukorwa iyo hari impamvu igaragara irengera abari mu cyiciro cy'abanyantege nke,iyo mpamvu igomba kuba igaragarira buri wese (objective justification or legitimate objective) kandi bikaba biri mu rugero urebye uburyo bwakoreshejwe mu kugera ku ntego cyangwa ikigamijwe. Re MUGISHA
Gutanga ibitekerezo no gutangaza amakuru ku bikorwa n'abayobozi – Kugaragaza ibitekerezo no gutangaza amakuru ku bikorwa n'abayobozi, bushimangira ihame rya demokarasi ryo gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano ku byo abayobozi bakorera abaturage Re MUGISHA
Ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kugaragaza ibitekerezo – Amakuru cyangwa ibitekerezo byemewe gutangazwa ntibigomba gusa kuba ari ibishimisha ubuyobozi cyangwa bidafite abo bibangamiye, ahubwo ibitanogeye ubutegetsi na bamwe mu baturage bikwiye kwemerwa kuko iyo hatari ibitekerezo binyuranye, ubworoherane no gutekereza byagutse, demokarasi iba idashoboka.
Re MUGISHA 1

IMANZA ZISABA GUKURAHO AMATEGEKO ANYURANYIJE N'ITEGEKO NSHINGA

Re MUGISHA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INCONST/SPEC00002/2018/SC (Rugege, P.J., Kayitesi Z, Mutashya, Kayitesi R na Cyanzayire, J.) 24 Mata 2019]

Itegeko Nshinga — Ibikorwa bibangamira inyungu rusange — Umushingamategeko ashobora gufata ibikorwa bimwe bimwe bibangamira inyungu rusange akagena ko bigize icyaha gihanishwa igihano cy'igifungo kabone nubwo byaba bifitanye isano n'amasezerano kandi ibyo ntibibuza abo byangirije kuba bakoresha n'inzira y'imbonezamubano baregera indishyi cyangwa iyubahirizwa ry'amasezerano.

Itegeko Nshinga — Ingaruka z'igihano cy'igifungo ku muryango — Ingaruka z'igihano cy'igifungo ku muryango ntizikwiye gushingirwaho havanwaho ingingo ziteganya icyo gihano, kuko igihano cy'igifungo gitangwa hagamijwe gutanga urugero rutuma abantu batishora mu byaha, kigamije guhana, kugorora no kwigisha.

Itegeko Nshinga — Ubwisanzure bw'umuryango — Ubwisanzure bw'umuryango ntabwo ari ugukora icyo buri wese ashaka, gishobora kubangamira umudendezo n'umutekano w'abagize umuryango — Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 18.

Itegeko Nshinga — Ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kugaragaza ibitekerezo — Kubijyanye n'ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kugaragaza ibitekerezo, umuntu afite uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo ku mihango y'idini, ibimenyetso, n'ibikoresho by'imihango yaryo ndetse nubwo gushaka nugukwirakwiza amakuru n'ibitekerezo mu ruhame

birebana niryo idini akaba yanabinenga, apfa kudakora ibibujijwe n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga.

Itegeko Nshinga – Kureka ikirego kirebana n'icyaha cy'ubusambanyi – Uwahemukiwe ashobora gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye – Kureka urubanza cyangwa irangiza ryarwo bigira ingaruka no kuwakoranye icyaha n'uregwa.

Itegeko Nshinga — Gutandukanya abantu — Gutandukanya abantu ubwabyo ntabwo ari ivangura cyangwa kutareshyeshya abantu imbere y'amategeko, bishobora gukorwa iyo hari impamvu igaragara irengera abari mu cyiciro cy'abanyantege nke,iyo mpamvu igomba kuba igaragarira buri wese (objective justification or legitimate objective) kandi bikaba biri mu rugero urebye uburyo bwakoreshejwe mu kugera ku ntego cyangwa ikigamijwe.

Itegeko Nshinga — Gutanga ibitekerezo no gutangaza amakuru ku bikorwa n'abayobozi — Kugaragaza ibitekerezo no gutangaza amakuru ku bikorwa n'abayobozi, bushimangira ihame rya demokarasi ryo gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano ku byo abayobozi bakorera abaturage

Itegeko Nshinga — Ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kugaragaza ibitekerezo — Amakuru cyangwa ibitekerezo byemewe gutangazwa ntibigomba gusa kuba ari ibishimisha ubuyobozi cyangwa bidafite abo bibangamiye, ahubwo ibitanogeye ubutegetsi na bamwe mu baturage bikwiye kwemerwa kuko iyo hatari ibitekerezo binyuranye, ubworoherane no gutekereza byagutse, demokarasi iba idashoboka.

Incamake y'ikibazo: Nyuma y'uko hatangajwe mu Igazeti ya Leta Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, Me Mugisha yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga asaba urwo Rukiko kwemeza ko ingingo ya 233, 236, 136, 138, 154 n'iya 139 ziryo tegeko zinyuranije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu ngingo zaryo za 15, 18 na 38. Akomeza avuga ko izo ngingo zisabirwa kuvanwaho ziri mu byiciro bibiri: icyiciro cya mbere kigizwe n'ingingo eshatu iya 154, 233 n'iya 236 naho icyiciro cya kabiri nacyo kikaba kigizwe n'ingingo eshatu iya 136,138 n'iya 139.

Intumwa ya Leta yatanze inzitizi yo kutakira ikirego ku mpamvu z'uko urega nta nyungu afite zo kugitanga. Ku wa 18/03/2018, Urukiko rwafashe icyemezo kuri iyo nzitizi, rwemeza ko afite inyungu yo gutanga ikirego gisaba kwemeza ko ingingo z'itegeko zinyuranyije n'Itegeko Nshinga kandi kubera uburemere bw'ibibazo biri muri uru rubanza Urukiko rwasabye ko abantu n'ibigo cyangwa imiryango itegamiye kuri Leta bifuza gutanga ibitekerezo muri uru rubanza nk'inshuti z'urukiko (Amicus Curiae) kandi babifitiye ubumenyi babisaba, mubabisabve Urukiko rwemeza ko ARI (Ihuriro ry'Abanyamakuru n'abandi bakora mu itangazamakuru mu Rwanda), Impuzamiryango PRO-FEMMES / TWESE HAMWE n' Ishuli ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda (School of Law), aribo bagomba kwitaba urukiko mu iburanisha ry'uru rubanza nk'inshuti z'urukiko.

Ku ngingo urega yashyize mu cyiciro cya kabiri arizo iya 136 iteganya ko umuntu wese washyingiwe ukorana imibonano mpuzabitsina n'uwo batashyingiranywe, aba akoze icyaha ,138 iteganya ko umuntu ubana nk'umugabo n'umugore n'uwo batashyingiranywe umwe muri bo cyangwa bombi bafite uwo bashyingiranywe, aba akoze icyaha n'iya 139 iteganya ko umwe

mu bashyingiranywe uta urugo rwe mu gihe kirenze amezi abiri (2) nta mpamvu zikomeye akihunza ibyo ategetswe, aba akoze icyaha, Urega avuga ko izo ingingo zinyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, kuko ziteganya igihano cy'igifungo kuri umwe mu bashakanye, wahamijwe icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke cyangwa se guta urugo, kandi umuryango udashobora kurengerwa cyangwa ngo ugire ubwisanzure, umwe mu bawugize afunze ,cyane cyane ko ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga iha Leta inshingano yo gushyiraho amategeko n'inzego bikwiye mu kurengera umuryango, ariyo mpamvu basanga ibikorwa by'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo kuba byarashyizwe mu mategeko ahana atari uburyo bukwiye mu rwego rwo kurengera umuryango. Akomeza avuga ko ibiteganywa muri izo ngingo byagombye kuba mu mategeko mbonezamubano, bishingiye ku masezerano y'abantu babiri hagati yabo.

Intumwa ya Leta yo ivuga ko hari ibikorwa byinshi bifatwa ko ari ibyaha ku isi kandi bishingiye ku masezerano kandi ko ibyaha by'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo ari ibikorwa bibi bishobora kugira ingaruka kuri rubanda nyamwinshi, ku gaciro ka muntu, ku ndangagaciro z'igihugu n'abenegihugu bagenderaho akaba ari imyitwarire itandukanye n'imyitwarire myiza, n'imyifatire mbonezabupfura bitesha umuntu agaciro, ariyo mpamvu Leta iba igomba kubyinjiramo mu rwego rwo kubihana no kubikumira.

PRO-FEMMES / TWESE HAMWE ivuga ko izo ingingo zitakurwaho kuko byatuma ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo bifatwa nkaho byemewe kandi byagira ingaruka zikomeye zisenya umuryango nyarwanda ku buryo nta muryango utekanye wakongera kubaho, kuko uba wavukijwe umudendezo kandi ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga iha Leta inshingano yo

kurengera umuryango kuko ariwo shingiro kamere ry'imbaga y'abanyarwanda.

Ishuli ry'amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda rivuga ko kuba ishyingirwa rishingiye ku bushake bukomoka ku rukundo, bugamije gushinga urugo, mu gihe ubwo bushake cyangwa urukundo bitagihari kugeza aho umwe mu bashakanye afata icyemezo cyo kutubahiriza isezerano yahaye mugenzi we, inkiko nshinjabyaha atarizo zagakwiye gukemura icyo kibazo ahubwo ko cyagakemuwe n'inkiko mbonezamubano kuko ari nazo zahawe inshingano yo kuburanisha cyangwa gukemura ibibazo by'umuryango kandi ko guteganya igihano cy'igifungo ku busambanyi, ubushoreke no guta urugo, bituma abagize umuryango batumvikaka, ntibite ku nshingano zo kurera abana no kubishyurira amashuli, ku buryo bigera aho uwahemukiwe ahatirwa gutanga imbabazi.

Kubirebana n'icyiciro kigizwe n'ingingo ya 154, 233 na 236, ingingo ya 154, iteganya ko umuntu wese usebya mu ruhame imihango y'idini, ibimenyetso byaryo n'ibikoresho by'imihango yaryo akoresheje ibikorwa, amagambo, ibimenyetso, inyandiko, amarenga cyangwa ibikangisho abigiriye aho imihango y'idini igenewe gukorerwa cyangwa isanzwe ikorerwa, aba akoze icyaha. Urega avuga ko ibiteganywa n'iyi ngingo bidasobanutse neza ku buryo ishobora gukoreshwa nabi mu gukurikirana uwakoze ibyo bikorwa kandi ko bibangamira uburenganzira bw'itangazamakuru no kugaragaza ibitekerezo no gutanga ibitekerezo ku madini n'imikorere yayo kuko abanyamakuru kugira bavuga ku madini kugirango batinya icyo badakurikiranwa.

Kuri iyo ingingo, Intumwa ya Leta ivuga ko kuba bimwe mu biri muri iyo ngingo bidasobanutse atari impamvu yatuma itegeko cyangwa iyo ngingo yose ivaho, ahubwo ko ryasobanurwa. Naho Ihuriro ry'Abanyamakuru n'abandi bakora mu itangazamakuru mu Rwanda (ARJ) ivuga ko iyo ingingo yirengagiza uburenganzira bw'abantu ku myemerere y'abantu, ku buryo ibyo iteganya byatuma abantu badatanga ibitekerezo ku myemerere y'abantu ahubwo ko umuntu cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi, wakumva ko itangazamakuru cyangwa umunyamakuru yamuharabitse, yakwiyambaza inzira y'imbonezamubano kugira ngo arenganurwe. Ishuli ryigisha amategeko muri Kaminuza y'u Rwanda ryo rivuga ko iyo ngingo idasobanura idini icyo aricyo ndetse n'aho imihango y'idini igenewe gukorerwa cyangwa isanzwe ikorerwa aho ariho, bityo abantu bakaba barengana mu gihe iyi ngingo yaguma uko iri ubu, kuko hagombye gusobanurwa icyo idini aricyo kugira ngo n'imihango yaryo ibe yasobanuka.

Ku ingingo ya 233 iteganya icyaha cyo gukoza isoni umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko, mu bagize Guverinoma, abashinzwe umutekano cyangwa undi wese ushinzwe umurimo rusange w'igihugu, urega avuga ko inyuranyije n'Itegeko Nshinga mu ngingo zaryo za 15 na 38 kuko ivangura harebwe abo irengera kandi ko ibangamiye ubwisanzure bwo gutangaza amakuru, kuyatara no gutanga ibitekerezo.

Intumwa ya Leta ivuga ko ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga ivuga kureshya imbere y'amategeko no kurengerwa n'amategeko mu buryo bungana, bivuze ko abantu bagomba gufatwa kimwe iyo bari mu bihe bimwe, ariyo mpamvu hari abarengerwa kubera ko bari mu mirimo runaka cyangwa inzego runaka, cyane cyane ko ikirengerwa ari umurimo cyangwa urwego atari umuntu, kuko iyo avuye kuri uwo murimo, uwugiyeho arengerwa nk'uwari uwuriho

Ihuriro ry'Abanyamakuru n'abandi bakora mu itangazamakuru mu Rwanda (ARJ) ryo rivuga ko iyo ngingo ibuza ubwisanzure

bw'Itangazamakuru n'ubwo gutanga ibitekerezo kubera ko ituma umunyamakuru wakwandika inkuru ku miyoborere itari myiza ku muyobozi cyangwa undi wese ushinzwe umurimo rusange byakwitwa icyaha kandi umuntu ufite umurimo rusange atareka kwandikwaho niba ntacyo yikeka, akomeza avuga ko iyo ingingo ituma abantu baba bakekwaho imyitwarire mibi idakwiye kuranga abakozi ba Leta cyangwa abashinzwe umurimo rusange, batagira icyo bavugwaho cyangwa bandikwaho. Naho Ishuli ryigisha amategeko muri Kaminuza y'u Rwanda rivuga ko iyo ngingo idasobanura itandukaniro hagati y'igihe umwe mu bavugwa muri iyo ngingo akora umurimo rusange n'igihe biturutse kuri uwo murimo, kandi idasobanura niba abarindwa muri iyo ngingo ari abakozi ba Leta bose aho bava bakagera. ndetse ko itanasobanura icyo gukoza isoni bisobanuye. Ikavuga nanone ko iyi ngingo irengera igice kimwe cy'abantu bakora mu nzego za Leta, ibyo bikaba binyuranye n'ihame ry'uko abantu bose bangana imbere y'amategeko kandi itegeko rigomba kubarengera kimwe.

Naho kubirebana n'ingingo ya 236 igateganya ko umuntu wese utuka cyangwa usebya Perezida wa Repubulika, aba akoze icyaha, Urega avuga ko icyo cyaha gishobora kuba urwitwazo mu kubangamira ubwisanzure bw'abanyamakuru, cyane cyane ko icyaha cyo gusebanya kidasobanutse neza, bityo iyo ngingo inyuranye n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga kuko itarengera abantu mu buryo bumwe kuko ihana abatuka cyangwa bagasebya umuntu umwe gusa.

Intumwa ya Leta ivuga ko ubwisanzure bw'umunyamakuru bugomba kugarukira aho icyubahiro cy'umuyobozi gitangirira, n'umutekano we, kandi ko iyo ingingo itabuza kwandika kuri Perezida wa Repubulika ahubwo ibuza kumusebya cyangwa kumutuka.

Ihuriro ry'Abanyamakuru n'abandi bakora mu itangazamakuru mu Rwanda (ARJ) avuga ko nayo yemera ko Perezida wa Repubulika kubera inshingano agira agomba kugira imvitwarire irenze abantu bose, ariko ko icyamwandikwaho kitagombye kuba icyaha. Naho Ishuli ryigisha amategeko muri Kaminuza y'u Rwanda rivuga iyo ibiyivugwamo bihujwe n'ibiteganywa n'ingingo ya 161 ihana icyaha cyo gutukana, usanga icyaha cyo gutukana gihanwa iyo gikozwe mu ruhame, mu gihe ku birebana n'ingingo ya 236 yumvikanisha ko aho icyo cyaha cyakorerwa hose, bivuze ko niyo abantu 2 baba biherereye, umwe atukana yamubeshyera ko yakoze icyo akagikurikiranwaho. Mugusoza rivuga ko kuba icyaha cyo gusebya cyaravanywe mu mategeko ahana ku bandi bantu basanga impamvu zatumye icyo cyaha gikurwaho ku bantu bose, zakoreshwa no kuri Perezida wa Repubulika.

- Incamake y'icyemezo: 1. Bitewe n'ikigamijwe, Umushingamategeko ashobora gufata ibikorwa bimwe akagena ko ari icyaha kandi ko bihanishwa igifungo kabone nubwo byaba bifitanye isano n'amasezerano kandi ibyo ntibibuza abo byangirije kuba bakoresha n'inzira y'imbonezamubano baregera indishyi cyangwa iyubahirizwa ry'amasezerano, bityo kuba icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke, no guta urugo byaba bishingiye ku masezerano, ntabwo ari impamvu yatuma bidakurikiranwa ngo bihanwe nk'ibyaha.
- 2. Ingaruka z'igihano cy'igifungo ku muryango ntizikwiye gushingirwaho havanwaho ingingo ziteganya icyo gihano, kuko igihano cy'igifungo gitangwa hagamijwe gutanga urugero rutuma abantu batishora mu byaha, kigamije guhana, kugorora no kwigisha. Kandi ibihano kuri ibi byaha biri mu rugero, kuko

bidakabije mu buremere ugereranije n'ibyaha bireba (proportionality).

- 3. Ubwisanzure bw'umuryango ntabwo ari ugukora icyo buri wese ashaka ahubwo n'umudendezo n'umutekano w'abagize umuryango kandi ibyo ntibishobora kugerwaho n'umuryango uhora mu makimbirane no kutabana neza bikunze kuba mu ngo zirimwo ibibazo by'ubusambanyi, ubushoreke cyangwa guta urugo, bityo guhana ibi byaha ntabwo ari ugusenya no kubangamira ubwisanzure bw'umuryango ahubwo n'ugukumira icyabuhungabanya.
- 4. Uwahemukiwe ashobora gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye kandi kureka urubanza cyangwa irangiza ryarwo bigira ingaruka no kuwakoranye icyaha n'uregwa.
- 5. Mu gukoresha ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kugaragaza ibitekerezo, umuntu ashobora gutanga ibitekerezo ku mihango y'idini, ibimenyetso, n'ibikoresho by'imihango yaryo ndetse anafite uburenganzira bwo gushaka, kubona no gukwirakwiza amakuru n'ibitekerezo mu ruhame birebana n'imihango y'idini, ibimenyetso, n'ibikoresho by'imihango y'idini akaba yanabinenga, apfa kudakora ibibujijwe n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga
- 6. Gutandukanya abantu ubwabyo ntabwo ari ivangura cyangwa kutareshyeshya abantu imbere y'amategeko, bishobora gukorwa iyo hari impamvu igaragara irengera abari mu cyiciro cy'abanyantege nke, iyo mpamvu igomba kuba igaragarira buri wese (objective justification or legitimate objective) kandi bikaba biri mu rugero urebye uburyo bwakoreshejwe mu kugera ku ntego cyangwa ikigamijwe.

- 7. Kugaragaza ibitekerezo no gutangaza amakuru ku bikorwa n'abayobozi, bishimangira ihame rya demokarasi ryo gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano ku byo abayobozi bakorera abaturage.
- 8. Amakuru cyangwa ibitekerezo byemewe gutangazwa ntibigomba gusa kuba ari ibishimisha ubuyobozi cyangwa bidafite abo bibangamiye, ahubwo ibitanogeye ubutegetsi na bamwe mu baturage bikwiye kwemerwa kuko iyo ibitekerezo by'ingeri nyinshi, ubworoherane no gutekereza byagutse bidahari, demokarasi iba idashoboka.

Ikirego gifite ishingiro kuri bimwe; Igika cya gatatu cy'ingingo ya 136 gihindutse mu buryo bukurikira: "Uwahemukiwe ashobora gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye. Kureka urubanza cyangwa irangiza ryarwo bigira ingaruka no kuwakoranye icyaha n'uregwa" Ingingo ya 136, igika cya mbere, icya kabiri n'icya gatatu y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ntinyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga; Igika cya kane n'icya gatanu by'ingingo ya 136 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange bivanyweho; Ingingo ya 138, n'iya 139 z'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ntizinyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga; Ingingo ya 154 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, inyuranije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga, bityo ikaba ivanyweho;

Ingingo ya 233 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranije n'ingingo ya 15 n'iya 38 y'Itegeko Nshinga, bityo iyo ngingo ikaba ivanyweho;

Ingingo ya 236 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ntinyuranyije n'ingingo ya 15 n'iya 38 y'Itegeko Nshinga;

Rutegetse ko uru rubanza rutangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 4,10,15,17,18,38,41,97,98,108.

Itangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu ryo 1948, ingingo ya 19.

Amasezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira mu by'Imbonezamubano na Politiki, ingingo ya 19.

Itegeko N° 54/2011 ryo kuwa 14/12/2011 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera

Imanza zifashishijwe:

Re Uwinkindi, RS/INCONST/PEN0005/12/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 22/02/2013.

- Joseph Shine v Union of India 2018 SCC Online SC1676 delivered on 27 September, 2018.
- Joseph Burstyn, Inc. v. Wilson, U.S. Supreme Court, 343 U.S. 495 (1952).
- European Court of Human Rights, Handyside v. United Kingdom, Judgment of 7 Dec. 1976, Series A No.24.
- UN Human Rights Committee, Communication N°. 414/1990, Mika Miha v. Equatorial Guinea, Views adopted on 8 July 1994.

Ibitekerezo by'abahanga byifashishijwe:

- Bizimana Simon na Kayumba Charles, Inkoranyamagambo Iciriritse, 2010 p. 410.
- UN Working Group on Women's Human Rights: Report (18 October, 2012).
- UN Human Rights Committee, General Comment 34 on the International Covenant on Civil and Political Rights, concerning freedoms of opinion and expression, July 2011.
- Human Rights Committee, General Comment XVIII, Non-discrimination (1989).
- United Nations ("UN") Human Rights Committee, General Comment No. 34, Article 19: Freedoms of opinion and expression, CCPR/C/GC/34 (12 September 2011) ("General Comment No. 34").
- Organization for Security and Cooperation in Europe "Defamation and Insult Laws in the OSCE Region: A comparative Study" March 2017.
- Parliamentary Assembly of the Council of Europe, Recommendation 1805 (2007).
- T. Tridimas, The General principles of EC Law (OUP, 2nd ed, 206).

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Mugisha Richard yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko nyuma y'uko hatangajwe mu Igazeti ya Leta Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, yarisomye agasanga ingingo za 136, 138, 139, 154, 233 n'iya 236 z'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, zinyuranije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ryo muri 2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015.
- Ingingo zisabirwa kuvanwaho kuko zinyuranyije n'Itegeko Nshinga ni esheshatu (6), ziri mu byiciro bibiri: icyiciro cya mbere kigizwe n'ingingo eshatu (3): iya 154, 233 n'iya 236 z'Itegeko N°68/2018 ryavuzwe haruguru. Ingingo ya 154 iteganya ko umuntu wese usebya mu ruhame imihango y'idini, ibimenyetso byaryo n'ibikoresho by'imihango yaryo akoresheje ibikorwa, amagambo, ibimenyetso, inyandiko, amarenga cyangwa ibikangisho abigiriye aho imihango y'idini igenewe gukorerwa cyangwa isanzwe ikorerwa, aba akoze icyaha. Iya 233 iteganya ko umuntu wese ukoza isoni mu magambo, mu inyandiko bimenvetso cyangwa ibikangisho, ibishushanyo, umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko mu gihe akora umurimo yatorewe cyangwa biturutse kuri uwo murimo, umwe mu bagize Guverinoma, abashinzwe umutekano cyangwa undi wese ushinzwe umurimo rusange w'igihugu mu gihe akora umurimo ashinzwe cyangwa ari wo biturutseho, aba akoze icyaha. Naho iya 236 igateganya ko umuntu wese utuka cyangwa usebya Perezida wa Repubulika, aba akoze icyaha. Izi ngingo zinateganya ibihano kuri buri cyaha.

- [3] Mugisha Richard avuga ko izo ngingo zinyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, kuko zirengera ababarirwa mu byiciro bimwe hashingiwe ku mirimo bakora, kandi abantu bose bareshya imbere y'amategeko¹. Anavuga ko izo ngingo zibangamiye ubwisanzure bw'Itangazamakuru, ryaba iryandika, ryaba irikoresha ibishushanyo ndetse n'amagambo, buteganywa n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga², kuko hashingiwe ku biteganywa n'izo ngingo, Itangazamakuru ritemerewe kugira icyo ritangaza kuri ibyo byiciro by'abayobozi cyangwa amadini mu buryo bwo kunenga ibi n'ibi, kandi iyo ngingo iteganya ko ubwisanzure bw'Itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru bwemewe kandi bwubahirizwa na Leta.
- [4] Icyiciro cya kabiri kigizwe n'ingingo eshatu (3): iya 136 iteganya ko umuntu wese washyingiwe ukorana imibonano mpuzabitsina n'uwo batashyingiranywe, aba akoze icyaha. Iya 138 iteganya ko umuntu ubana nk'umugabo n'umugore n'uwo batashyingiranywe umwe muri bo cyangwa bombi bafite uwo bashyingiranywe, aba akoze icyaha. Naho iya 139 iteganya ko umwe mu bashyingiranywe uta urugo rwe mu gihe kirenze amezi abiri (2) nta mpamvu zikomeye akihunza ibyo ategetswe, aba akoze icyaha. Mugisha Richard asanga izi ngingo zinyuranye

¹ Ingingo ya 15 iteganya ko: "Abantu bose barareshya imbere y'amategeko. Itegeko ribarengera ku buryo bumwe".

² Ingingo ya 38 iteganya ko: "Ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru buremewe kandi bwubahirizwa na Leta. Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru ntibugomba kubangamira ituze rusange rya rubanda n'imyifatire mbonezabupfura, ukurengera urubyiruko n'abana, n'uburenganzira bw'umwenegihugu bwo kugira icyubahiro n'agaciro, ubwo kutagira uwivanga mu mibereho ye bwite n'iy'umuryango we. Uko ubwo bwisanzure bukoreshwa n'iyubahirizwa ryabwo biteganywa n'amategeko".

n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda iteganya ko Leta ifite inshingano yo gushyiraho amategeko n'inzego bishinzwe kurengera umuryango kugira ngo ugire ubwisanzure, nyamara ingingo za 136, 138 n'iya 139 zikaba ziteganya igihano cy'igifungo kuri umwe mu bashakanye kandi umuryango udashobora kurengerwa cyangwa ngo ugire ubwisanzure mu gihe umwe mu bawugize yaba afunzwe.

- [5] Intumwa ya Leta Me Kabibi Speçiose yatanze inzitizi yo kutakira ikirego cyatanzwe na Mugisha Richard ku mpamvu z'uko nta nyungu afite zo kugitanga. Ku wa 18/03/2018, Urukiko rwafashe icyemezo kuri iyo nzitizi, rwemeza ko Mugisha Richard afite inyungu yo gutanga ikirego gisaba kwemeza ko ingingo z'itegeko zinyuranyije n'Itegeko Nshinga.
- [6] Urukiko kandi rwemeje ko, kubera uburemere bw'ibibazo bizasuzumwa muri uru rubanza ruburanishwa mu mizi, abantu n'ibigo cyangwa imiryango itegamiye kuri Leta bifuza gutanga ibitekerezo muri uru rubanza nk'inshuti z'urukiko (*Amicus Curiae*) kandi babifitiye ubumenyi, babisaba binyujijwe ku Bwanditsi bw'Urukiko rw'Ikirenga bitarenze tariki ya 8/02/2019, bakanatanga inyandiko bifuza kugeza ku Rukiko bitarenze tariki ya 28/02/2019.
- [7] Nyuma yo kubona inyandiko zinyuranye z'abashaka kuba muri uru rubanza nk'inshuti z'urukiko (Amicus Curiae) mu rwego rwo gutanga ibitekerezo, Urukiko rwarazisesenguye maze rwemeza ko aba bakurikira aribo bujuje ibisabwa akaba aribo bagomba kwitaba urukiko mu iburanisha ry'uru rubanza nk'inshuti z'urukiko (Amicus Curiae), aribo: ARJ (Ihuriro ry'Abanyamakuru n'abandi bakora mu itangazamakuru mu Rwanda), Impuzamiryango PRO-FEMMES / TWESE hamwe n' Ishuli ry'Amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda (School of Law),

maze bakora imyanzuro bagaragaza ibitekerezo ku kirego cya Mugisha Richard.

[8] Urubanza rwaburanishijwe ku wa 18/03/2019, Mugisha Richard yunganiwe na Me Kabasinga Floride na Me Nkundabarashi Moise, Leta ihagarariwe na Me Kabibi Speçiose, PRO FEMME TWESE HAMWE ihagarariwe na Kanakuze Jeanne d'Arc yunganiwe na Me Munyankindi Monique, ARJ ihagarariwe na Me Gakunzi Musore Valery, naho ishuri ry'amategeko muri Kaminuza y'u Rwanda rihagarariwe na Denis Bikesha, Alphonse Muleefu, Yves Sezirahiga, Etienne Ruvebana.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

- i. Kumenya niba ingingo ya 136, 138 n'iya 139 z'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange zinyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.
- [9] Mugisha Richard avuga ko yatanze ikirego agamije kugaragaza ko ingingo ya 136, 138 n'iya 139 z'Itegeko N° 68/2018 ryavuzwe haruguru zinyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, kuko ziteganya igihano cy'igifungo kuri umwe mu bashakanye, wahamijwe icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke cyangwa se guta urugo, kandi umuryango udashobora kurengerwa cyangwa ngo ugire ubwisanzure, umwe mu bawugize afunze. Icyakora ko atatanze icyo kirego nk'ushyigikiye imyitwarire ivugwa muri izo ngingo ahubwo ko yagitanze asaba ko harebwa niba iyo myitwarire mibi

mu kuyikumira byari bikwiye ko ishyirwa mu mategeko ahana ibyaha.

- [10] Avuga ko ibiteganywa mu ngingo ya 136, 138 n'iya 139 z'Itegeko N° 68/2018 ryavuzwe haruguru, bibangamiye umubano w'abagiranye amasezerano yo gushyingirwa uko ari babiri, kuko baba barayakoze bashingiye ku rukundo bafitanye ndetse bakabyara abana, ku buryo inshingano ya mbere yo kubaka ari iya ba nyiri ubwite, kandi igituma bakomeza kubana mu mahoro bisaba ko uwakoshereje undi amusaba imbabazi, bakababarirana bakiyunga.
- [11] Mugisha Richard akomeza avuga ko ingingo zihana icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo zinyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda iteganya ko umuryango ariwo shingiro kamere y'imbaga y'abanyarwanda, urengerwa na Leta, ko ingingo yaregeye ziteganya igihano cy'igifungo kuri umwe mu bashyingiranywe uhamijwe icyaha, mu gihe umuryango udashobora kurengerwa umwe mu bawugize afunzwe.
- [12] Akomeza avuga ko ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga igaragaza ko Leta ishyiraho amategeko n'inzego bikwiye mu kurengera umuryango, ariyo mpamvu basanga ibikorwa by'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo kuba byarashyizwe mu mategeko ahana atari uburyo bukwiye mu rwego rwo kurengera umuryango, kuko bifunga iyo nzira yo gusabana imbabazi no kwiyunga, bityo ntibyubake umuryango ahubwo bigatera ingaruka zitari nziza ku muryango.
- [13] Me Kabasinga Florida avuga ko usibye no kuba ingingo ya 136, 138 n'iya 139 z'Itegeko N° 68/2018 ryavuzwe haruguru, zinyuranyije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda,

zinanyuranyije n'amahame mpuzamahanga ndetse n'imanza zaciwe n'inkiko mpuzamahanga. Asobanura ko koko imyitwarire ivugwa muri izo ngingo atari myiza, ariko bikagengwa n'andi mategeko kuko abahanga mu by'amategeko bavuga ko amategeko mpanabyaha atari igikoresho cyo gukoresha ahantu hose ku muntu ukoze ikibi

[14] Avuga ko kuba ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo bidahungabanya rubanda ahubwo bikorerwa uwashakanye n'undi gusa, nta wundi muntu bigiraho ingaruka, dore ko n'itegeko riteganya ko bihanwa ari uko umwe mu bashakanye areze mugenzi we, ko iyo nta kibazo byamuteye nta wundi muntu ukwiye kubigiraho ikibazo, bikaba bidakwiye ko bishyirwa mu mategeko mpanabyaha. Atanga urugero rw'urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa India³, ko muri urwo rubanza hasobanuwe ko kugira ngo igikorwa cyitwe icyaha kigomba kuba kibangamiye rubanda cyangwa sosiyete, kandi ko kugira ngo hashyirweho ibihano mpanabyaha byanze bikunze icyo gikorwa gihanwa gikwiye kuba hari aho cyangiriza rubanda; ariyo mpamvu asanga ibyaha bigaragara mu ngingo ya 136, 138 n'iya 139 z'Itegeko N° 68/2018 ryavuzwe haruguru, kuba ntaho bihuriye na rubanda, ari impamvu ikomeye ituma iyo myitwarire idakwiye kugengwa n'amategeko ahana ibyaha.

[15] Me Nkundabarashi Moïse avuga ko ibiteganywa mu ngingo ya 136, 138 n'iya 139 z'Itegeko N° 68/2018 ryavuzwe haruguru, byagombye kuba mu mategeko mbonezamubano, kuko ingingo ya 2 agace ka 1 y'iryo tegeko rivuzwe, iteganya ko icyaha ari igihungabanya umutekano w'abantu, mu gihe ibiteganywa n'izo ngingo uko ari eshatu bishingiye ku masezerano y'abantu 2 hagati yabo kuko umwe muri bo ariwe wemerewe gutanga

-

³ PETITION (CRIMINAL) N° 194 OF 2017, Joseph Shine v. Union of India

ikirego, kandi ko ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga ivuga ko ubwisanzure bw'umuryango bugomba kurengerwa, kandi bukaba butarengerwa umwe mu bawugize afunzwe, cyane cyane ko nta bushakashatsi bwakozwe ngo bugaragaze ko ufunguwe kubera kimwe muri ibyo byaha abana neza n'uwari wamureze, ahubwo ko ikigaragara ari uko amakimbirane yiyongera.

- [16] Akomeza avuga ko kuba ibyo byaha bikomoka ku masezerano yo gushyingirwa, kandi ikirego kikaba kidashobora kwakirwa kidatanzwe n'umwe mu bashakanye, kuko undi wese utari uwo mu bashakanye wavuga ko yabonye umuntu wataye urugo cyangwa yibereye mu nshoreke adashobora gutanga ikirego ngo cyakirwe, ndetse na police ikaba itemerewe, bikaba byumvikanisha ko biba bitakorewe sosiyete, ko bitari mu nyungu rusange.
- [17] Me Kabibi Speçiose, Intumwa ya Leta avuga ko ibyo Mugisha n'abamwunganira bavuga ko ibyo byaha bishingiye ku masezerano bidakwiye kwitwa ibyaha atari byo kuko hari ibikorwa byinshi bifatwa ko ari ibyaha ku isi kandi bishingiye ku masezerano, atanga urugero rw'icyaha cyo kwaka ikitari bwishyurwe, kuko iki cyaha nacyo gishingiye ku masezerano y'ugura n'ugurisha, ubuhemu n'ibindi.
- [18] Avuga ko ibyaha by'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo ari ibikorwa bibi bishobora kugira ingaruka (harmful consequences) kuri rubanda nyamwinshi (public harm), ku gaciro ka muntu, ku ndangagaciro z'igihugu n'abenegihugu bagenderaho; ko ari imyitwarire itandukanye n'imyitwarire myiza, n'imyifatire mbonezabupfura bitesha umuntu agaciro, ariyo mpamvu Leta iba igomba kubyinjiramo mu rwego rwo kubihana no kubikumira

- [19] Kanakuze Jeanne d'Arc mu izina ry'Impuzamiryango PRO-FEMMES / TWESE HAMWE, avuga ko ingingo ya 136, iya 138 n'iya 139 z'Itegeko N°68/2018 N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, zitakurwaho, kuko byatuma ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo bifatwa nkaho byemewe kandi byagira ingaruka zikomeye zisenya umuryango nyarwanda ku buryo nta muryango utekanye wakongera kubaho, kuko uba wavukijwe umudendezo.
- [20] Me Munyankindi Monique wunganira PRO-FEMMES / TWESE HAMWE avuga ko ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga iha Leta inshingano yo kurengera umuryango kuko ariwo shingiro kamere ry'imbaga y'abanyarwanda, ku buryo biri mu nshingano zayo gushyiraho amategeko ahana uwakora ibikorwa bihungabanya umuryango mu buryo ubwo ari bwo bwose, ariyo mpamvu izo ngingo zashyiriweho kubungabunga ubusugire n'ubwisanzure bw'umuryango kuko bimwe mu bikorwa izo ngingo zihana bishobora gukurura amakimbirane mu muryango bikanaganisha ku isenyuka ryawo ndetse n'impfu za hato na hato.
- [21] Denis Bikesha, Alphonse Muleefu na Yves Sezirahiga, mu izina ry'Ishuli ry'amategeko rya Kaminuza y'u Rwanda, bavuga ko icyaha nk'uko ingingo ya 2 agace ka 1 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ari igikorwa kibujijwe n'itegeko cyangwa kwanga gukora igiteganywa n'itegeko, ku buryo bihungabanya umutekano mu bantu (ordre public). Bavuga ko kuba igikorwa kiba kibangamiye umutekano w'abantu ariyo mpamvu Leta ifata iya mbere mu gukurikirana uwabikoze, kuko icyo gikorwa kiba cyahungabanyije inyungu rusange (general interest). Basobanura ko Ubutegetsi Nshingamategeko bugomba kwirinda kurengera mu kugena imyitwarire runaka nk'ihanwa n'amategeko

nshinjabyaha mu gihe iyo myitwarire itujuje ibisabwa ngo ibe icyaha; ibyo akaba ari byo byitwa 'overcriminalisation', bishobora kubera umutego abaturage mu gihe bakabaye barengerwa n'Itegeko.

- [22] Bavuga ko kuba ishyingirwa rishingiye ku bushake bukomoka ku rukundo, bugamije gushinga urugo, mu gihe ubwo bushake cyangwa urukundo bitagihari kugeza aho umwe mu bashakanye afata icyemezo cyo kutubahiriza isezerano yahaye mugenzi we, inkiko nshinjabyaha atarizo zagakwiye gukemura icyo kibazo ahubwo ko cyagakemuwe n'inkiko mbonezamubano kuko ari nazo zahawe inshingano yo kuburanisha cyangwa gukemura ibibazo by'umuryango.
- [23] Bavuga kandi ko guteganya igihano cy'igifungo ku busambanyi, ubushoreke no guta urugo, bituma abagize umuryango batumvikana, ntibite ku nshingano zo kurera abana no kubishyurira amashuli, ku buryo bigera aho uwahemukiwe ahatirwa gutanga imbabazi. Ko rero ibyo bigaragaza ko umuryango utaba urengewe dore ko kugeza ubu nta kigaragaza ko hari uwafunguwe ngo abane neza n'uwo bashyingiranywe. Bavuga ko ibyo bitaba bibaye umwihariko w'u Rwanda, kuko mu bihugu byateye imbere nko mu Buhindi, mu Bwongereza, muri Koreye y'Amajyepfo, Afurika y'epfo, Nigeria na Ghana, ndetse no mu bihugu bya Asia, ubusambanyi bwahoze ari icyaha ubu butakiri cyo ahubwo bufatwa nk'ikosa risanzwe rishobora kuba impamvu y'ubutane n'indishyi z'akababaro.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[24] Ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015 iteganya ko: "Umuryango, ari wo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta. Ababyeyi bombi bafite uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo. Leta ishyiraho amategeko n'inzego bikwiye bishinzwe kurengera umuryango, by'umwihariko umwana na nyina, kugira ngo umuryango ugire ubwisanzure."

- [25] Ingingo ya 18 imaze kuvugwa mu gika kibanziriza iki, ikubiyemo ibitekerezo bitatu aribyo kugaragaza umuryango nk'ishingiro ry'umuryango nyarwanda ; uburenganzira n'inshingano by'ababyeyi bijyanye no kurera abana, ndetse n'inshingano ya Leta yo kurengera umuryango n'abawugize.
- [26] Ingingo z'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange zisabirwa kuvanwaho na Mugisha Richard kuko zaba zinyuranye n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga, ni iya 136 iteganya icyaha cy'ubusambanyi, iya 138 iteganya icyaha cy'ubushoreke, n'iya 139 iteganya icyaha cyo guta urugo.
- [27] Ingingo ya 136 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iteganya ko : Umuntu wese washyingiwe ukorana imibonano mpuzabitsina n'uwo batashyingiranywe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1). Gukurikirana icyaha cy'ubusambanyi ntibishobora kuba hatareze uwahemukiwe mu bashyingiranywe ku buryo bwemewe n'amategeko. Muri icyo gihe hakurikiranwa uwarezwe n'uwakoranye icyaha na we. Uwahemukiwe ashobora gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye. Icyakora, iyo dosiye yarangije kuregerwa urukiko cyangwa gufatwaho icyemezo, kwisubiraho ntibihita bihagarika

isuzumwa ry'urubanza cyangwa irangiza ryarwo. Umucamanza arabisuzuma akaba yabyemera cyangwa akabyanga akanasobanura impamvu. Iyo umucamanza yemeye ukwisubiraho k'uwahemukiwe, kureka urubanza cyangwa irangiza ryarwo bigira ingaruka no kuwakoranye icyaha n'uregwa".

Ingingo ya 138 y'Itegeko N°68/2018 ryavuzwe mu gika kibanziriza iki iteganya ko: "umuntu ubana nk'umugabo n'umugore n'uwo batashyingiranywe umwe muri bo cyangwa bombi bafite uwo bashyingiranywe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2)". Iya 139 igateganya ko: "Umwe mu bashyingiranywe uta urugo rwe mu gihe kirenze amezi abiri (2) nta mpamvu zikomeye akihunza ibyo ategetswe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atatu (3) ariko kitarenze amezi atandatu (6). Ibihano bivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo nibyo bihabwa umugabo utaye umugore we ku bushake, nta mpamvu ikomeye, mu gihe kirenze ukwezi kumwe (1) azi ko atwite. Icyakora, kutabana bitewe n'uko umwe mu bashyingiranywe afashwe nabi ntabwo byitwa guta urugo mu gihe yagiye abimenyesheje ubuyobozi bumwegereye bigakorerwa inyandiko."

[29] Mugisha Richard afata ingingo ziteganya icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo, nk'izinyuranye n'Itegeko Nshinga kuko asanga gukurikirana no guhana ibyo byaha, bisenya umuryango aho kuwubaka kuko umwe mu bawugize aba afunzwe, ko zibangamira ubwisanzure bw'umuryango, ko ibyo byaha bishingiye ku masezerano aba yakozwe n'abantu babiri, bikaba bibangamiye ubwiyunge no kubabarirana hagati y'abashakanye.

- a. Kuba icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke, guta urugo byaba bishingiye ku masezerano, bikaba bidakwiye kuba ibyaha ahubwo bikaba amakosa mbonezamubano.
- [30] Mugisha Richard asaba ko ingingo ya 136 iteganya icyaha cy'ubusambanyi, iya 138 iteganya icyaha cy'ubushoreke, n'iya 139 iteganya icyaha cyo guta urugo zavaho kuko asanga zishingiye ku masezerano mbonezamubano ibyo bikorwa bikaba ahubwo bikwiye kugengwa n'amategeko mbonezamubano.
- [31] Bitewe n'ikigamijwe, Umushingamategeko ashobora gufata ibikorwa bimwe akagena ko ari icyaha kandi ko bihanishwa igifungo kabone nubwo byaba bifitanye isano n'amasezerano. Ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo biba ibyaha kuko umwe mu babikoze aba afitanye n'undi amasezerano yo gushyingirwa, ariko ibyo ntibyaba impamvu yo ko binyuranye n'Itegeko Nshinga kuko biteganyijwe mu mategeko ko igikorwa gishingiye masezerano kitaba icyaha. Icyo izo ngingo zihana ni ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo, ntabwo hahanwa igikorwa cyo kwica amasezerano yo gushyingirwa. Ibyo Itegeko Nshinga ritemera mu ngingo yaryo ya 29, 70, ni uko hari uwafungwa bitewe gusa no kutagira ubushobozi bwo kubahiriza inshingano ituruka ku masezerano, kandi siko bimeze ku bikorwa by'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo.
- [32] Ibikorwa bitandukanye bifite aho bihurira n'amasezerano itegeko rishobora kugena ko bigize icyaha, rikabigenera igihano cy'igifungo. Urugero ni icyaha cy'ubuhemu giteganywa n'ingingo ya 176, icyaha cyo kurigisa ibyafatiriwe bikozwe n'umuntu ushinzwe kubirinda (ingingo ya 248), kurigisa cyangwa kwangiza ibyatanzweho ingwate (ingingo ya 178) n'ibindi. Kuri ibi bikorwa, itegeko rigena ko bikurikiranwa

nk'ibyaha. Ibyo kandi ntibibuza abo byangirije kuba bakoresha n'inzira y'imbonezamubano baregera indishyi cyangwa iyubahirizwa ry'amasezerano. Icyangombwa n'uko ibyo byaha byose bifite aho bibangamira inyungu rusange, zikaba zigomba kurengerwa n'itegeko.

- [33] Urukiko rusanga kandi amasezerano y'ubushyingiranwe atari amasezerano asanzwe. Ni amasezerano afite umwihariko, akeneye kurindwa na Leta nkuko biteganywa mu ngingo ya 18 v'Itegeko Nshinga. Niyo mpamvu itegeko rishyiraho uburyo bwemewe bwo gushyingiranwa, Leta ikaba ifite n'uruhare mu mihango ikurikizwa kugira ngo habeho ubushyingiranwe bwemewe n'amategeko. Urukiko rusanga kandi gukurikirana imibanire y'abashyingiranywe bigamije inyungu zigaragara. Uretse gukumira icyahungabanya umutekano n'umudendezo w'abagize umuryango, amategeko ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo arengera umutekano n'imibereho myiza y'abana. Nkuko Itegeko Nshinga ribivuga mu ngingo ya 18, ababyeyi bombi bafite inshingano zo kurera abana babo, iya 19 ikavuga ko umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, abandi banyarwanda na Leta. Mu gihe rero umwe mu bashyingiranywe ahugiye mu busambanyi, afite inshoreke agomba kwitaho cyangwa agata urugo, byaba bigoye kubahiriza izo nshingano zo kurera abana be uko bikwiye.
- [34] Ibivuzwe mu gika kibanziriza iki bijyanye kandi n'ikibazo cyo gusesagura umutungo w'urugo ukaba wakoreshwa mu nyungu zitari iz'umuryango, ujya mu kwinezeza no kunezeza uwo bafatanije mu bikorwa by'ubusambanyi n'ubushoreke ndetse no kubatunga aho bibaye ngombwa. Ibi ntibitanga ubwisanzure, umudendezo n'iterambere ry'umuryango; kandi

iyo umuryango utamerewe neza, bigira ingaruka ku iterambere ry'Igihugu. Umutungo usesagurwa wakabaye ushorwa mu bikorwa bifitiye umuryango akamaro.

- [35] Ku bivugwa na Mugisha Richard ko ingingo z'Itegeko zihana icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo zitageze ku ntego yatumye zishyirwaho bitewe nuko ubutane bushingiye kuri ibyo bikorwa bugenda bwiyongera, ko ndetse ingengo y'imari ikoreshwa mu gukurikirana ibyo byaha yakoreshwa mu bindi bikorwa biteza imbere ubutabera, uru Rukiko rurasanga izi nenge zidafite ishingiro kuko atagaragaza ko ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo bidakumirwa uko bikwiye. Nkuko bisanzwe bizwi kandi muri politiki yo guhana, gukumira icyaha (deterrence) ni imwe mu ntego zo guhana ariko ntabwo ariyo yonyine kuko hari n'izindi ntego nko kubuza kwihorera, no kugorora uwakoze icyaha. Icyakorwa ni ukongera imbaraga mu ngamba zo gukumira ntabwo ari ukuvanaho itegeko.
- [36] Ku bijyanye no kuba hari ibihugu binyuranye byakuyeho icyaha cy'ubusambanyi hakaba hari byinshi aho ubushoreke no guta urugo bitigeze biba icyaha, Urukiko rusanga ibyo bitaba impamvu yo gukura ibyo byaha mw'itegeko rihana ibyaha mu Rwanda. Hari nk'igihugu cy'Ubuhinde, South Korea, Ghana n'ibindi bidahana ubusambanyi ariko hakaba n'ibindi byinshi bibuhana. Buri gihugu kigira umuco n'indangagaciro byacyo cyimakaza, hakaba n'izindi kitemera. Mu Rwanda ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo ntabwo ari imico cyangwa indangagaciro zaruranze kuva kera. Ahubwo n'ababikora babikora rwihishwa kuko bazi ko umuryango nyarwanda utabishyigikiye.

[37] Habagaho kwahukana kw'umugore agataha iwabo aho avuka kugaragaza ko hari ibitagenda iwe, ko umugabo atamufashe neza bikazarangira umugabo aje kumucyura agatanga inka yo kwemererwa kumucyura. Ntibyafatwaga nko guta urugo ahubwo byabaga uburyo bwo kugarura imibanire myiza mu rugo. Ni nayo mpamvu mu itegeko hari "exception" ku cyaha cyo guta urugo aho ingingo ya 139 agace ka 4 ivuga ngo: "Icyakora kutabana bitewe n'uko umwe mu bashyingiranywe afashwe nabi ntabwo byitwa guta urugo mu gihe yagiye abimenyesheje ubuyobozi bumwegereye bigakorerwa invandiko."

Indi mpamvu ituma u Rwanda rutakwihutira guhindura itegeko kuri ibi byaha, n'uko nta mahame mpuzamahanga rinyuranije nayo. Mu mwaka wa 2012, Itsinda⁴ ry'Akanama k'Umuryango w'Abibumye gashinzwe iby'Uburenganzira bwa Muntu, ryasabye ibihugu kudafata ubusambanyi nk'icyaha kuko risanga bibangamiye uburenganzira bw'abagore. Mu bisobanuro byatanzwe n'iryo tsinda risaba ibyo, nuko amategeko yo mu bihugu byinshi ateganya icyaha cy'ubusambanyi ku bagore gusa, ko nta mugabo ukora icyaha cy'ubusambanyi, ndetse ahandi hahanwa abagore gusa abagabo ntibahanwe cyangwa amategeko agateganya ibihano bitandukanye. Urukiko rurasanga icyo kibazo kitari mu Rwanda kuko umugabo cyangwa umugore, buri wese ashobora gukurikiranwaho icyaha cy'ubusambanyi n'igihano kuri icyo cyaha, ni kimwe hatitawe ku gitsina cy'ugomba guhanwa, bivuze ko nta vangura riri mu mategeko akoreshwa mu gukurikirana no guhana icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo.

⁴ UN Working Group on Women's Human Rights: Report (18 October, 2012), available at: http://news archive.ohchr.org /EN/ News Events/Pages/Display News. aspx? News ID = 12672&Lang.

zatanzwe n'Akanama [39] k'Umuryango Impamvu w'Abibumbye wavuzwe mu gika kibanziriza iki ni zimwe mu mpamvu zashingiweho mu rubanza rwa Joseph Shine V. Union of India rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwo mu Buhinde, Mugisha asaba ko rwaba ikitegererezo, rugashingirwaho havanwaho ingingo ihana ubusambanyi nkuko byakozwe muri urwo rubanza. Ingingo ya 497 y'Itegeko rihana ibyaha mu gihugu cy'u Buhinde yahanaga icyaha cy'ubusambanyi ku mugabo wahamijwe kuba yaragize imibonano mpuzabitsina n'umugore washyingiwe (married woman). Umugore ntiyashoboraga guhanwa nk'uwakoze icyaha cyangwa nk'umufatanya cyaha. Umugabo wahemukiwe niwe wenyine washoboraga gutanga ikirego, umugore wahemukiwe nta burenganzira vari afite bwo kurega. Urukiko rurasanga koko muri urwo rubanza ingingo ihana icyaha cy'ubusambanyi yaravanyweho, ariko ku mpamvu zitandukanye n'izishingirwaho na Mugisha. Urukiko rw'Ikirenga rwo muri icyo gihugu rwasanze itareshyeshya abantu imbere y'amategeko, igaragaramo ivangura rishingiye ku gitsina kandi ibangamiye ubwisanzure bwa muntu, bikaba byari binyuranije n'ingingo za 14, 15 na 21 z'Itegeko Nshinga ryo mu Buhinde n'amahame mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu.⁵ Izo mpamvu ntaho zihuriye n'izitangwa na Mugisha asaba ko Urukiko rwakuraho icyaha cy'ubusambanyi.

[40] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga kuba icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke, no guta urugo byaba bishingiye ku masezerano, atari impamvu yatuma bidakurikiranwa ngo bihanwe nk'ibyaha.

⁵ Joseph Shine v Union of India 2018 SCC Online SC1676 delivered on 27 September, 2018.

b. Gusenya umuryango no kubangamira ubwisanzure bwawo mu mwanya wo kuwurengera.

- [41] Ingingo ya 23 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ivuga ko : "Ibihano by'iremezo bihabwa abantu ku giti cyabo ni ibi bikurikira: igifungo [...]". Iyi ngingo igaragaza igifungo nka kimwe mu bihano byemewe mu mategeko y'u Rwanda.
- [42] Umwe mu bagize umuryango (umugabo cyangwa umugore) wahamwa n'icyaha cy'ubusambanyi, icyaha cy'ubushoreke cyangwa icyaha cyo guta urugo, ashobora guhanishwa igifungo. Nkuko Mugisha abivuga, gufunga umwe mu bagize umuryango bishobora kuwugiraho ingaruka zitandukanye. Urukiko rusanga ariko, uko gufungwa k'umwe mu bagize umuryango wahamwe na kimwe mu byaha byavuzwe haruguru, byafatwa nk'igihano ku cyaha cyakozwe, igifungo kikaba cyemewe nka kimwe mu bihano byemewe mu mategeko y'u Rwanda nkuko byasobanuwe mu gika kibanziriza iki.
- Muri rusange, igihano cy'igifungo kigira ingaruka [43] k'uwagihawe no ku muryango we. Urukiko rusanga ariko, nta ku muryango w'uwahamwe mwihariko uhari cy'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo agahanishwa gufungwa kuburyo byaba impamvu yo kuvanaho ingingo z'itegeko ziteganya ibyo byaha. Ingaruka z'igifungo ku muryango ni zimwe hatitawe ku cyaha cyatumye gitangwa. Ndetse na Mugisha watanze ikirego, akaba atarigeze agaragaza cyangwa ngo avuge ko ingaruka zituruka ku gifungo gihanishwa uwahamwe n'icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo zitandukanye, n'izaterwa n'uwahamwe n'ibindi nk'ubujura, ubwicanyi, gusambanya abana n'ibindi.

Urukiko rusanga ruramutse rwemeje ko ingingo [44] ziteganya icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo zinyuranye n'Itegeko Nshinga kuko umwe mu bagize umuryango ahanishwa igifungo iyo yahamwe nibyo byaha, byaba bivuze ko n'izindi ngingo ziteganya igihano cy'igifungo hatitawe ku cyaha, zavaho kuko nkuko byavuzwe harugu, igihano cy'igifungo kigira ingaruka zitandukanye ku muryango w'uwahamwe n'icyaha (nko kuba ari we watangaga ibitunga umuryango, igisebo ku bana, igisebo kuwo bashakanye, n'izindi). Ingaruka z'igihano cy'igifungo ku muryango ntizikwiye gushingirwaho havanwaho ingingo ziteganya icyo gihano, kuko igihano cy'igifungo gitangwa hagamijwe gutanga urugero rutuma abantu batishora mu byaha, kigamije guhana, kugorora no kwigisha. Urukiko kandi rusanga ibihano kuri ibi byaha biri mu rugero, kuko bidakabije buremere ugereranije n'ibyaha mu (proportionality).

Ikindi kibazo cyavuzweho mw'iburanisha rubanza, n'icyo ubwisanzure bw'umuryango mu ngingo ya 18 y'Itegeko Nshinga bishatse kuvuga. Mugisha n'abamwunganira bavuga ko umuryango utagira ubwisanzure igihe umwe mu bashakanye afunze kubera icyaha cy'ubusambanyi, ubushoreke cyangwa guta urugo. Ubwisanzure ntabwo ari ugukora icyo buri wese ashaka. Ingingo ya 18 ivuga ko "Leta ishyiraho amategeko bikwiye bishinzwe kurengera by'umwihariko umwana na nyina, kugira ngo umuryango ugire ubwisanzure." Amagambo "kugira ngo umuryango ugire byumvikanisha umudendezo n'umutekano ubwisanzure" w'abagize umuryango. Mu cyongereza amagambo akoreshwa ni "to flourish" bisobanuye kugera ku ntego yiyemeje (to succeed), kwiteza imbere (to prosper, to grow). Ibi byose ntibishobora kugerwaho n'umuryango uhora mu makimbirane no kutabana neza bikunze kuba mu ngo zirimwo ibibazo by'ubusambanyi, ubushoreke cyangwa guta urugo. Ariko no mu kinyarwanda gisanzwe niko bishobora kumvikana. Inkoranyamagambo y'Ikinyarwanda ivuga ko 'kwisanzura' ari 'kuba uri ahantu umerewe neza nta mbogamizi'. Ahari amakimbirane mu rugo, kurwana no gushyamirana bitewe no gucana inyuma cyangwa guta urugo, nta bwisanzure bwaharangwa.

[46] Nkuko PRO FEMME/TWESE HAMWE ibivuga, ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo bitera umwuka mubi mu rugo bishobora kuvamo n'impfu za hato na hato. Hanatanzwe ingero z'impfu zatewe n'ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo zirimwo abishe abo bashakanye n'abiyahuye kubera kutihanganira iyo imyitwarire inyuranyije n'amategeko, ikaba inanyuranyije n'umuco nyarwanda harimwo kubana mu mahoro mu muryango. Urukiko rusanga guhana ibi byaha atari ugusenya no kubangamira ubwisanzure bw'umuryango ahubwo ari ugukumira icyabuhungabanya.

[47] Ubusambanyi n'ubushoreke bishobora kuvamo kubyara abana hanze y'ubushyingiranwe bigatera amakimbirane hagati y'abashakanye, hagati y'abahemukiwe n'ababahemukiye batari abo bashakanye, ndetse no hagati y'abana bavukiye mu bushyingiranwe n'abavukiye hanze yabwo. Ibi binyuranije na politiki y'Igihugu cy'u Rwanda yo kuboneza urubyaro bikaba bitanahuje n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 17, igika cya kabiri, iteganya ko ugushyingiranwa k'umugabo umwe n'umugore umwe gukorewe mu butegetsi bwa Leta ari ko kwemewe. Biri mu nyungu rusange ko haba amategeko akumira

-

⁶ Bizimana Simon na Kayumba Charles, Inkoranyamagambo Iciriritse, 2010 p. 410.

bene uko kubyara hagati y'abatarashyingiranywe, akanakumira ingaruka zabyo.

[48] Nkuko bisobanuwe mu bika bibanziriza iki, kuba Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rifata ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo nk'ibyaha ndetse rikanagena igihano cy'igifungo kuri buri cyaha, ntibikwiye gufatwa nkaho ari ugusenya umuryango kuko igihano cy'igifungo giteganyijwe ku byaha bivugwa muri iyi ngingo, ndetse no ku bindi byaha, cyemewe n'amategeko kandi gitangwa hagamijwe guhana no gukumira. Kuba ubusambanyi, ubushoreke no guta urugo byaragizwe ibyaha, ntibigomba gufatwa nk'ibibangamiye ubwisanzure bw'umuryango, kuko nkuko byasobanuwe, kuba uhamwe n'icyo cyaha ashobora guhanishwa igifungo, bizitira ubwisanzure bwe ariko ku mpamvu zumvikana kandi bigamije gukumira ihungabanya ry'umuryango.

c. Kubangamira ubwiyunge no kubabarirana hagati y'abashakanye

- [49] Indi impamvu itangwa na Mugisha Richard asaba ko ingingo ya 136 iteganya icyaha cy'ubusambanyi, iya 138 iteganya icyaha cy'ubushoreke, n'iya 139 iteganya icyaha cyo guta urugo zivaho, nuko asanga zibangamira ubwiyunge no kubabarirana hagati y'abashakanye.
- [50] Ingingo ya 136 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, iteganya ko gukurikirana ibyaha byavuzwe mu gika kibanziriza iki, bidashobora kuba hatareze uwahemukiwe mu bashyingiranywe. Kuba gukurikirana ibi byaha bigomba kubanzirizwa nuko uwahemukiwe atanga ikirego, Urukiko rusanga bitanga umwanya wo kuba abashyingiranywe bakwiyunga, cyangwa se

uwakorewe icyaha akababarira uwakimukoreye, icyo gihe ntihabeho ikurikiranacyaha.

- [51] Uretse no kuba ibyo byaha bikurikiranwa aruko yabanje gutanga ikirego, uwahemukiwe amategeko amwemerera gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye. Ibi bigaragaza ko inzira y'ubwiyunge no kubabarirana yagutse hagati y'uwakorewe icyaha n'uregwa kugikora kuko niba batiyunze cyangwa batababariranye mbere y'ikurikiranacyaha, bemerewe kubikora n'urubanza rwaratangiye. Kuba urubanza rushobora gukomeza kugeza no guhanwa k'umwe mu bashyingiranywe, byerekana ko ubwiyunge no kubabarirana hagati yabo biba byanze biturutse ku zindi mpamvu zitandukanye, ariko urubuga rwo kubikora amategeko yararuteganyije.
- Ku bindi byaha byinshi, nta bubasha uwakorewe icyaha agira bwo gutangiza ikurikiranacyaha no guhagarikisha urubanza aho rwaba rugeze hose. Ndetse n'ubwiyunge no kubabarirana hagati y'uwakoze icyaha n'uwagikorewe, iyo byabayeho ntibihagarika ikurikiranacyaha, urugero gufata ku ngufu cyangwa ihohotera ry'umwana rishingiye ku gitsina. Urukiko rurasanga Itegeko riteganya gukurikirana ahubwo uko cy'ubusambanyi, icyaha cy'ubushoreke, n'icyo guta urugo bitanyuranije no kubabarirana mu muryango. Icyakora, Urukiko rusanga hari ibika by'ingingo ya 136, iya 138 n'iya 139 bibangamiye ubwiyunge no kubabarirana hagati y'abashakanye. bijyanye n'ikurikirana rusanga Urukiko ku cy'ubusambanyi, icy'ubushoreke n'icyo guta urugo, hariho ibice bibiri binyuranye bishobora no kuvuguruzanya.
- [53] Nkuko biteganywa n'ingingo ya 136 n'iya 140 z'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano

rusange, gukurikirana icyaha cy'ubusambanyi, muri icy'ubushoreke n'icyo guta urugo ntibishobora kuba hatareze uwahemukiwe mu bashyingiranywe. Izo ngingo ziha ububasha kandi uwahemukiwe bwo gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye. Nubwo izi ngingo zemerera uwahemukiwe guhagarika urubanza aho rwaba rugeze hose, iyo dosiye yarangije kuregerwa urukiko cyangwa gufatwaho agifite ububasha busesuve uwahemukiwe ntaba guhagarikisha urubanza.

- [54] Nkuko biteganywa n'ingingo ya 136, igika cya kane y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iyo dosiye yarangije kuregerwa urukiko cyangwa gufatwaho icyemezo, kwisubiraho ntibihita bihagarika isuzumwa ry'urubanza cyangwa irangiza ryarwo. Umucamanza arabisuzuma akaba yabyemera cyangwa akanasobanura impamvu. Ibikubiye mu gika cya kane cy'ingingo ya 136, bisa neza n'ibikubiye mu gika cya nyuma cy'ingingo ya 140 irebana n'ikurikirana ry'icyaha cy'ubushoreke n'icyo guta urugo. Muri ibi bika byombi, bigaragara ko umucamanza ashobora kwanga guhagarikisha urubanza bisabwe n'uwahemukiwe.
- [55] Igice cya mbere giha uburenganzira busesuye uwahemukiwe mu bashyingiranywe ushaka guhagarikisha ikurikiranacyaha, igice cya kabiri cyimurira ubwo bubasha ku mucamanza ushobora no kubyanga nkuko itegeko ribimuhera ububasha. Urukiko rurasanga ariko icyo gice cya kabiri kibangamiye uburenganzira bw'uwahemukiwe mu bashakanye ushaka guhagarika ikurikirana ry'urubanza ku mpamvu we yihitiyemo. Bityo, icyo gika cya kane cy'ingingo ya 136,

y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, kikaba kigomba kuvaho kuko nta mpamvu yo kubaho kwacyo. Niba uwahemukiwe yarahawe ububasha bwo guhagarika ikurikiracyaha, yabikora mu bwisanzure nta kimuzitira. Igika cya gatanu cy'iyo ngingo nacyo kigaruka ku birebana no kuba Umucamanza yakwemerera uwahemukiwe ko yahagarika ikurikirana ry'urubanza, cyavaho kuko gishingiye ku gika cya kane cyavanyweho. Ibirebana no kureka urubanza cyangwa irangiza ryarwo bigira ingaruka no ku wakoranye icyaha n'uregwa, bikajya ku gika cya gatatu, mu rwego rwo kugira ngo hadasigara icyuho mu itegeko.

- rw'Ikirenga, rushingiye [56] Urukiko ku bisobanuro byatanzwe mu bika bibanza, rusanga ingingo ya 136, 138, 139 z'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, zitanyuranye n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga. Nkuko byasobanuwe, zifata ubusambanyi, ubushoreke, no guta urugo nk'ibyaha bihanishwa igifungo, ariko bikaba bitabangamiye ubwisanzure bw'umuryango, nta n'ubwo bigira ingaruka kuwusenya. Uburyo kandi ibyo ZO bikurikiranwamo, ntibubangamiye ubwiyunge no gusabana imbabazi hagati y'abashakanye uretse mu gace ka kane n'aka gatanu tw'ingingo ya 136. Urukiko rusanga izi ngingo zishyira mu bikorwa inshingano ya Leta yo kurengera umuryango.
- ii. Kumenya niba ingingo ya 154 y'Itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iteganya icyaha cyo gusebya mu ruhame imihango y'idini, inyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga yerekeye ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru

- [57] Mugisha Richard avuga ko ingingo ya 154, iteganya ko umuntu wese usebya mu ruhame imihango y'idini, ibimenyetso byaryo n'ibikoresho by'imihango yaryo akoresheje ibikorwa, amagambo, ibimenyetso, inyandiko, amarenga cyangwa ibikangisho abigiriye aho imihango y'idini igenewe gukorerwa cyangwa isanzwe ikorerwa, aba akoze icyaha. Ko rero ibiteganywa n'iyi ngingo bidasobanutse neza ku buryo ishobora gukoreshwa nabi mu gukurikirana uwakoze ibyo bikorwa kandi ko bibangamira uburenganzira bw'itangazamakuru no kugaragaza ibitekerezo.
- [58] Me Nkundabarashi Moïse na Me Kabasinga Florida, bunganira Mugisha Richard, bavuga ko ingingo ya 154 ishobora kubangamira ubwisanzure bw'itangazamakuru, no gutanga ibitekerezo ku madini n'imikorere yayo, abanyamakuru bagatinya kugira icyo bavuga ku madini kugirango badakurikiranwa.
- [59] Me Kabibi Speçiose nk'Intumwa ya Leta, avuga ko kuba bimwe mu biri mu ngingo ya 154 bidasobanutse atari impamvu yatuma itegeko cyangwa iyo ngingo yose ivaho, ahubwo ko ryasobanurwa (interpretation), kandi ko ibyaha bivugwa muri iyo ngingo bitareba abanyamakuru gusa, kuko itegeko rivuga "... umuntu wese...".
- [60] Me Musore Gakunzi Valery uhagarariye ARJ (Ihuriro ry'Abanyamakuru n'abandi bakora mu itangazamakuru mu Rwanda) avuga ko ingingo ya 154, yirengagiza uburenganzira bw'abantu ku myemerere yabo, ku buryo ibyo iteganya byatuma abantu badatanga ibitekerezo ku myemerere y'abantu. Avuga ko hari abumva ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo bugomba gutezwa imbere kubera ko ari ishingiro rya demokarasi, ariko hakaba n'abandi bumva ko n'ubwisanzure mu myemerere

bugomba kurindwa mu buryo bwihariye butavogerwa n'ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo.

- Akomeza avuga ko gusebya imihango y'idini bireba idini muri rusange n'imyizerere yaryo, ko atari ugusebya umuntu ku giti cye mu cyubahiro cye, bityo, kubera ko uburenganzira n'ubwisanzure ari iby'umuntu atari iby'idini, akaba nta mpamvu yatuma gusebya mu ruhame imihango y'idini biba icyaha mu gihe hubahirijwe ishvirwa mu bikorwa ry'ubwisanzure mu kugaragaza ibitekerezo. Avuga ko gushyiraho amategeko ahana ku munyamakuru watangaje inkuru cyangwa wagaragaje ibitekerezo bye byubaka, byaba ari ukwivanga mu mikorere y'itangazamakuru muri rusange, kandi ibyo binyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ahubwo ko umuntu cyangwa umuryango ufite ubuzima gatozi, ko itangazamakuru cyangwa umunyamakuru wakumva yamuharabitse, yakwiyambaza inzira y'imbonezamubano kugira ngo arenganurwe ahabwa indishyi.
- [62] Denis Bikesha, Ruvebana na Yves Sezirahiga, mu izina ry'Ishuli ryigisha amategeko muri Kaminuza y'u Rwanda, bavuga ko ibiteganywa n'ingingo ya 154 bidasobanutse neza, kuko iyo ngingo idasobanura idini icyo aricyo ndetse n'aho imihango y'idini igenewe gukorerwa cyangwa isanzwe ikorerwa aho ariho, bikumvikanisha ko abantu barengana mu gihe iyi ngingo yaguma uko iri ubu, kuko hagombye gusobanurwa icyo idini aricyo kugira ngo n'imihango yaryo ibe yasobanuka. Ko rero iyo ibigize icyaha bidasobanutse igikorwa gifatwa nk'aho atari icyaha, ihame rya 'legal certainty' rikubiye mu ihame ry'uko ntawe uhanirwa igikorwa kitari icyaha rikaba rigomba kubahirizwa.

- [63] Ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga igira iti: "ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru buremewe kandi bwubahirizwa na Leta. Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru ntibugomba kubangamira ituze rusange rya rubanda n'imyifatire mbonezabupfura, ukurengera urubyiruko n'abana, n'uburenganzira bw'umwenegihugu bwo kugira icyubahiro n'agaciro, ubwo kutagira uwivanga mu mibereho ye bwite n'iy'umuryango we. Uko ubwo bwisanzure bukoreshwa n'iyubahirizwa ryabwo biteganywa n'amategeko".
- [64] Ingingo ya 154 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iteganya ko: "umuntu wese usebya mu ruhame imihango y'idini, ibimenyetso byaryo n'ibikoresho by'imihango yaryo akoresheje ibikorwa, amagambo, ibimenyetso, inyandiko, amarenga cyangwa ibikangisho abigiriye aho imihango y'idini igenewe gukorerwa cyangwa isanzwe ikorerwa, aba akoze icyaha.Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'iminsi cumi n'itanu (15) ariko kitageze ku mezi atatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000 Frw) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000 Frw) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano".
- [65] Ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga yavuzwe haruguru ishyiraho ihame ryuko ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru bwemewe kandi bwubahirizwa na Leta. Ishyiraho nirindi hame ry'uko ubwo bwisanzure hari ibyo butagomba kubangamira. Ibigize ihame ry'ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru bigaragara mu ngingo ya 19 y'Itangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu ryo

1948 (Universal Declaration of Human Rights)⁷, iyo ngingo iteganya ibi bikurikira: "Everyone has the right to freedom of opinion and expression; this right includes freedom to hold opinions without interference and to seek, receive and impart information and ideas through any media and regardless of frontiers". Bivuze ko ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo bugizwe no gutanga ibitekerezo ntacyo umuntu yikanga, n'uburenganzira bwo gushaka, kubona no gukwirakwiza amakuru n'ibitekerezo aho ariho hose. Ibi bihura kandi n'ibivugwa n'ingingo ya 19 y'Amasezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira mu by'Imbonezamubano na Politiki⁸. Bitewe n'uko ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru bwemewe n'Itegeko Nshinga, icyo aricyo cyose harimo n'itegeko cyangwa ingingo yaryo, cyabubangamira kiba kinyuranyije naryo.

[66] Mu gukoresha uburenganzira buvuzwe mu gika kibanziriza iki, umuntu ashobora gutanga ibitekerezo ku mihango y'idini, ibimenyetso, n'ibikoresho by'imihango yaryo. Ndetse umuntu akaba anafite uburenganzira bwo gushaka, kubona no gukwirakwiza amakuru n'ibitekerezo mu ruhame birebana n'imihango y'idini, ibimenyetso, n'ibikoresho by'imihango y'idini akaba yanabinenga mu buryo bushobora kudashimisha ababishinzwe, ntacyo yikanga, apfa kudakora ibibujijwe n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga yavuzwe haruguru.

[67] Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 mu ngingo yaryo ya 154, rihana igikorwa cyo gusebya mu ruhame imihango

⁷ U Rwanda rwayashyizeho umukono kandi ruyemeza ku wa 18/09/1962.

⁸ International Covenant on Civil and Political Rights, (ICCPR), entry into force on 23/03/1976. U Rwanda ruyemeza ku wa 12/02/1975 (reba Itegeko Teka N°8/75 ryo ku wa 12/02/1975, Igazeti ya LETA N°5 of 01/03/1975.

y'idini, ibimenyetso, n'ibikoresho by'imihango yaryo. Rinavuga ko gusebanya bishobora kuba byabaye mu bikorwa, mu magambo, ryokoresheje ibimenyetso, inyandiko n'amarenga. Urukiko rukurikije ibyanditswe mu ngingo ya 154, rusanga bibangamira uburenganzira bwo gushaka, kubona gukwirakwiza amakuru, kugaragaza no gutanga ibitekerezo mu ruhame birebana n'imihango y'idini, ibimenyetso, n'ibikoresho by'imihango yaryo kuko uwashaka kubikora, yakwikanga ko yakurikiranwaho icyaha cyo gusebya giteganywa n'ingingo ya kandi nkuko byibukijwe heiuru ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru bwemewe n'Itegeko Nshinga, ntibugomba kubangamirwa n'icyo aricyo cyose.

- [68] Ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru ku birebana n'imihango y'idini, ibimenyetso, n'ibikoresho by'imihango yaryo, ntibugomba kuzitirwa no gukurikirana ushatse kugira icyo avuga ku idini. Ibi kandi ninabyo byasabwe n'Akanama k'Uburenganzira bwa Muntu mu Muryango w'Abibumbye, (*UN Human Rights Committee*) muri 2011, kasobanuye ibirebana n'ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo, kageze ku birebana n'amadini, kavuga ko bidakwiye kubuza cyangwa guhana abanenga abayobozi b'amadini cyangwa abanenga imyizerere y'idini.
- [69] Ako kanama kabivuze muri aya magambo: "Prohibitions of displays of lack of respect for a religion or other belief system, including blasphemy laws, are incompatible with the Covenant, except in the specific circumstances envisaged in article 20, paragraph 2, of the Covenant. Such prohibitions must also comply with the strict requirements of article 19, paragraph 3, as

well as such articles as 2, 5, 17, 18 and 26. Thus, for instance, it would be impermissible for any such laws to discriminate in favour of or against one or certain religions or belief systems, or their adherents over another or religious believers over non-believers. Nor would it be permissible for such prohibitions to be used to prevent or punish criticism of religious leaders or commentary on religious doctrine and tenets of faith".9

[70] Mu rwego rwo gusigasira uburenganzira bw'itangazamakuru n'ubwo guhabwa amakuru, mu mwaka wa 2007 Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi (Parliamentary Assembly of the Council of Europe) yatoye umwanzuro usaba ko guhana uwagize icyo avuga, uwanenze ku buryo bifatwa nko gutuka ibishingiye ku mvizerere y'abantu (*blasphemy*) byayanwa mu mategeko ahana y'ibihugu bigize uwo muryango. Uwo mwanzuro ugira uti: "The Assembly recommends that the Committee of Ministers ensure that national law and practice are reviewed in order to decriminalise blasphemy as an insult to a religion [...]"¹⁰.

[71] Ibihugu byinshi byo muri uwo Muryango¹¹ bimaze kuvana mu mategeko ahana yabyo, ingingo ihana gutuka cyangwa kunenga ibishingiye ku myizerere n'idini. Uretse ibihugu byo kuri uwo mugabane, n'ibyo mu yindi migabane nabyo byagiye bivanaho bene izo ngingo. Nko muri Amerika ya ruguru, Canada yavanyeho iyo ngingo ku mugaragaro mu kwa 12

⁹ UN Human Rights Committee, General Comment 34 on the International Covenant on Civil and Political Rights, concerning freedoms of opinion and expression. Paragraph 48. July 2011.

¹⁰ Recommendation 1805 (2007) of the Parliamentary Assembly of the Council of Europe.

¹¹ Sweden muri 1970, Norway muri 2015, Netherlands muri2014, Iceland muri 2015, Malta muri 2016, n'ibindi.

kwa 2018, naho muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika gutuka no kunenga ibishingiye ku myizerere n'idini ntibyigeze bifatwa nk'icyaha gihanwa n'amategeko muri icyo gihugu. Urukiko rurasanga kuvanaho ingingo zihana gusebya no kunenga birebana n'idini mu bihugu bitandukanye byanashoboka mu Rwanda narwo rukavana ingingo nkiyo mu itegeko rihana, mu rwego rwo kurengera uburenganzira ku mitekerereze, ubw'itangazamakuru no guhabwa amakuru. Guhana igikorwa gisebya cyangwa kinenga ibirebana n'idini byiganje cyane cyane mu bihugu bifite Leta ishingiye ku idini (*State religion*) kandi Leta y'u Rwanda ntishingiye ku idini nkuko biteganywa n'ingingo ya 4 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda¹².

[72] Leta ntiyarikwiye kuba ishyiraho amategeko ahana abashebeje imyizerere y'idini kuko muri rusange nta nyungu bifitiye rubanda uretse gusa kuri ayo madini. Ubifiteho ikibazo yabikurikirana mu rubanza mbonezamubano. Nkuko byemejwe mu rubanza *Joseph Burstyn, Inc. v. Wilson*, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Leta ntifite inshingano zo kurinda ibyabangamira imyemerere y'amadini binyuze mu byatangajwe ku mugaragaro, mu mvugo cyangwa mu mashusho. Rwabisobanuye muri aya magambo: "It is not the business of government in our nation to suppress real or imagined attacks upon a particular religious doctrine, whether they appear in publications, speeches or motion pictures"¹³.

[73] Urukiko rw'Ikirenga ruhereye ku bisobanuro bitanzwe mu bika bibanziriza iki, rusanga ingingo ya 154 y'Itegeko

_

¹² Iyo ngingo ivuga ko: "Leta y'u Rwanda ni Repubulika yigenga, ifite ubusugire, ishingiye kuri demokarasi, igamije guteza imbere Abanyarwanda kandi ntishingiye ku idini [...]".

¹³ U.S. Supreme Court, Joseph Burstyn, Inc. v. Wilson, 343 U.S. 495 (1952)

riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ifata gusebya mu ruhame imihango y'idini, inyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga kuko ibangamiye ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru.

iii Kumenya niba ingingo ya 233 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranyije n'ingingo ya 15 n'iya 38 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda

- [74] Mugisha Richard avuga ko ingingo ya 233 inyuranyije n'Itegeko Nshinga mu ngingo zaryo za 15 na 38 kuko ivangura harebwe abo irengera kandi ko ibangamiye ubwisanzure bwo gutangaza amakuru, kuyatara no gutanga ibitekerezo. Avuga kandi ko adashyigikiye gusebanya cyangwa gukoza isoni umuntu uwo ariwe wese, ahubwo ko icyo yifuza aruko byavanwa mu mategeko nshinjabyaha kuko hari izindi nzira zo kurenganura uwasebejwe cyangwa uwatutswe ziri mu mategeko arengera abanyamakuru, aho uwarenganyijwe ashobora kuregera inkiko z'imbonezamubano asaba indishyi.
- [75] Me Nkundabarashi Moïse na Me Kabasinga Florida, bunganira Mugisha Richard, bavuga ko hari amasezerano atandukanye u Rwanda rwasinye avuga ko umuntu wese afite uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo uko bimeze kose mu gihe atabangamiye isura nziza y'abandi. Bavuga ko hari ibyazitira uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo no gutara amakuru, ariko ko ingingo ya 233 ntaho ihurira nibyo byo kuzitira uburenganzira biteganyijwe mu masezerano mpuzamahanga kuko ubona muri rusange ibuza abaturage ndetse n'itangazamakuru gutanga ibitekerezo binenga abayobozi bavugwa muri iyo ngingo.

- [76] Me Kabibi Speçiose, Intumwa ya Leta, avuga ko ibiteganywa n'ingingo ya 233 bitabangamiye ubwisanzure n'uburenganzira bw'abanyamakuru kuko ubwisanzure bwabo budakwiye kubangamira undi munyarwanda. Avuga ko ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga ivuga ibintu 2 aribyo kureshya imbere y'amategeko (*equality before the law*) no kurengerwa n'amategeko mu buryo bungana (*equal protection of the law*), bivuze ko abantu bagomba gufatwa kimwe iyo bari mu bihe bimwe, ariyo mpamvu hari abarengerwa kubera ko bari mu mirimo runaka cyangwa inzego runaka, ko rero ibyo bitavuze ko batarengerwa kimwe n'abandi, cyane cyane ko ikirengerwa ari umurimo cyangwa urwego atari umuntu, kuko iyo avuye kuri uwo murimo, uwugiyeho arengerwa nk'uwari uwuriho.
- [77] Asobanura ko kuba abantu bafatwa mu buryo ubu n'ubu kubera ibyiciro barimo bitavuga ko bibangamiye ihame ry'uko abantu bareshya imbere y'amategeko, ahubwo ko ikibazo cyaba ari uko hari abari mu cyiciro kimwe batarengerwa kimwe cyangwa ntibafatwe kimwe kandi mu buryo bumwe. Ko rero kuba hari ibyiciro by'abantu cyangwa abakozi bitandukanye hagomba kuba n'amategeko agenga ibyo byiciro mu buryo bwihariye agenga imiterere n'imigendekere ya buri cyiciro.
- [78] Me Musore Gakunzi Valery uhagarariye ARJ (Ihuriro ry'Abanyamakuru n'abandi bakora mu itangazamakuru mu Rwanda) avuga ko mu mategeko agenga itangazamakuru harimo ingingo ziteganya uburyo uburenganzira bukoreshwa, uburyo abanyamakuru bagenzurwa hagendewe kugira ngo icubahiro cy'umuntu kitangizwa, ndetse n'umunyamakuru wabirenzeho akaba yashyikirizwa inkiko mbonezamubano.
- [79] Asobanura ko ingingo ya 233 ibuza ubwisanzure bw'Itangazamakuru n'ubwo gutanga ibitekerezo kubera ko ituma

umunyamakuru wakwandika inkuru ku miyoborere itari myiza ku muyobozi cyangwa undi wese ushinzwe umurimo rusange byakwitwa icyaha. Avuga ko umuntu ufite umurimo rusange ntacyo yikeka, atareka kwandikwaho niba Itangazamakuru mu rwego rwo kurwanya ikoreshwa nabi ry'umutungo wa Leta nta kundi byakorwa hatabayeho kuvuga amakuru aba yabonetse mu buryo amategeko yemera n'ubwo byaba bibangamiye inyungu bwite z'abanditsweho. Avuga ko ingingo ya 233 ituma abantu baba bakekwaho imyitwarire mibi idakwiye kuranga abakozi ba Leta cyangwa abashinzwe bavugwaho cyangwa rusange, batagira icvo umurimo bandikwaho

- [80] Asobanura ko ingingo ya 233 igaruka ku kintu gikomeye cyane cy'ibishushanyo, kuko gushushanya umuntu ubwabyo atari ikibazo kandi ko bikorwa mu nyungu rusange, ku buryo uwakumva yasebejwe yabiregera mu nkiko mbonezamubano asaba indishyi z'akababaro, kuko gufunga umuntu ngo yasebeje undi icyubahiro cye aba atagisubijwe, ahubwo ko yagisubizwa aregeye indishyi ku makosa yakorewe (action civile).
- [81] Denis Bikesha, Ruvebana na Yves Sezirahiga, bavuga ko ingingo ya 233 idasobanura itandukaniro hagati y'igihe umwe mu bavugwa muri iyo ngingo akora umurimo rusange n'igihe biturutse kuri uwo murimo, ko kandi idasobanura niba abarindwa muri iyo ngingo ari abakozi ba Leta bose aho bava bakagera, ndetse ko itanasobanura icyo gukoza isoni bisobanuye, ariyo mpamvu bavuga ko iyi ngingo inyuranya n'ihame ry'uko amategeko ahana agomba kuba asobanutse (principle of legal certainty).
- [82] Bavuga ko iyi ngingo iteje urujijo kuko mu bantu irengera harimo "umuntu wese ushinzwe umurimo rusange w'Igihugu",

kandi kumenya uyu muntu uwo ariwe bigoye kuko abakozi bose ba Leta badashinzwe umurimo rusange dore ko no mu bikorera harimo abakora imirimo ifitiye abaturage akamaro. Bavuga kandi ko itegeko rivuga igihe umuntu ari mu kazi, hakibazwa mu gihe yaba ari mu nzira agiye gukorera kure ariko ataragera ku kazi umuntu akamukoza isoni byaba byo bitari mu byo itegeko rihana, hakibazwa kandi n'ukuntu umuntu yakozwa isoni n'umurimo ashinzwe. Ndetse ko n'igikorwa cyo gukoza isoni ubwacyo kigove gusobanura kuko gishingiye ahanini uwagikorewe agifata-niba kimukoza isoni cyangwa kitazimukoza (subjectively determined). Bityo kuba iyi ngingo idasobanutse kandi ihame ari uko amategeko ahana agomba kuba asobanutse, ikaba ifatwa nk'aho itariho mu mategeko ahana, cyane cyane ko ibangamiye ihame ryo kwishyira no kwizana mu gutanga ibitekerezo (freedom of expression).

[83] Bakomeza bavuga ko ibiteganyijwe muri iyi ngingo bigaragaza ko igamije kurengera igice kimwe cy'abantu bakora mu nzego za Leta, ibyo bikaba binyuranye n'ihame ry'uko abantu bose bangana imbere y'amategeko kandi itegeko rigomba kubarengera kimwe. Basobanura ko iyo bayisesenguye basanga irengera igice kimwe cy'abantu, abakozi ba Leta bari mu mirimo yabo, ariko abandi bari mu mirimo yabo bwite, nk'abayobozi bibigo byigenga, ntibarengere. Bavuga ko kuba ivuga gusa abayobozi, abashinzwe umutekano cyangwa undi wese ushinzwe umurimo rusange w'Igihugu, bivuze ko undi wese utari muri abo (abakozi bikorera), igikorwa gikoza isoni kimukorewe atari icyaha, ariyo mpamvu bavuga ko inyuranyije n'ihame ry'uko abantu bareshya imbere y'amategeko kandi barengerwa ku buryo bumwe, bikumvikanisha ko hari ukuvangura abantu hashingiwe ku cyo bakora.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- a) Kuba ingingo ya 233 yaba itarengera abantu mu buryo bumwe
- [84] Ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda iteganya ko: "Abantu bose barareshya imbere y'amategeko. Itegeko ribarengera ku buryo bumwe".
- [85] Ingingo ya 233 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iteganya ko: "Umuntu wese ukoza isoni mu magambo, mu bimenyetso cyangwa ibikangisho, inyandiko cyangwa ibishushanyo, umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko mu gihe akora umurimo yatorewe cyangwa biturutse kuri uwo murimo, umwe mu bagize Guverinoma, abashinzwe umutekano cyangwa undi wese ushinzwe umurimo rusange w'igihugu mu gihe akora umurimo ashinzwe cyangwa ari wo biturutseho, aba akoze icyaha [...]".
- [86] Mugisha Richard asaba ko ingingo ya 233 yavaho kuko asanga idafata abantu ku buryo bumwe, kandi ko irengera abantu bamwe babarizwa mu mirimo ya Leta, bityo ko inyuranye n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 15. Asanga kandi ingingo ya 233 inyuranye n'ingingo 38 y'Itegeko Nshinga kuko yaba ibangamiye ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru.
- [87] Umutwe w'ingingo ya 233 wanditse mu buryo bukurikira : "Gukoza isoni abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange w'Igihugu". Nkuko byanditse muri uyu mutwe, iyi ngingo igamije guhana abakoza isoni abari mu cyiciro cy'abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange w'Igihugu, ikaba ntacyo iyuga ku gukoza isoni abatari muri ibyo

byiciro. Bivuze ko undi muntu utari muri iki cyiciro, aramutse akojejwe isoni, adashobora kurengerwa binyuze mu nzira y'amategeko mpanabyaha kuko gukoza isoni biba icyaha mu mategeko y'u Rwanda, bishingiye gusa ku kuba uwakorewe icyaha ari mu cyiciro cy'abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange w'Igihugu.

[88] Ingingo ya 233 igaragara nk'ishingiye ku cyiciro cy'abantu bitewe n'umurimo bakora. Urukiko rurasanga ariko nta mpamvu yo gushyiraho ingingo nk'iyi yatuma igikorwa kimwe kiba icyaha ku bantu bamwe bitewe nuko cyakorewe abari mu mirimo iyi n'iyi, nyamara ntikibe icyaha ku bandi. Iryo tandukaniro ntabwo ari ngombwa, cyane ko nubwo umuntu yaba abarizwa mu bakozi bavugwa mu ngingo ya 233, hari n'abandi iyo ngingo itavuga baba abikorera, abakorera ibigo n'imiryango bidashamikiye kuri Leta, nabo bashobora gukozwa isoni bikangiza icyubahiro cyabo bitewe n'imyanya barimo, ariko ababikoze ntibakurikiranwe bitewe n'imiterere y'itegeko.

[89] Gutandukanya abantu ubwabyo ntabwo ari ivangura cyangwa kutareshyeshya abantu imbere y'amategeko. Bishobora gukorwa iyo hari impamvu igaragara irengera abari mu cyiciro cy'abanyantege nke. Niyo impamvu akenshi amategeko arengera mu buryo bwihariye abagore n'abana. Impamvu yabyo igomba kuba igaragarira buri wese (objective justification or legitimate objective) kandi bikaba biri mu rugero urebye uburyo bwakoreshejwe kugera ku ntego cyangwa ikigamijwe.

-

¹⁴ Urugero n'itegeko N°54/2011 ryo kuwa 14/12/2011 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera. N'ingingo ya 10 agace ka 4 y'Itegeko Nshinga iteganya ko "abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'inyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo".

[90] Intumwa ya Leta ivuga ko icyo ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga ishatse kuvuga ari uko abantu bagomba gufatwa kimwe iyo bari mu bihe bimwe ko ariko iyo batari mu bihe bimwe hari impamvu badafatwa kimwe. Ibyo nibyo, nyamara ku bijyanye n'uru rubanza ntihagaragajwe impamvu ifatika kandi ya ngombwa ituma ibyiciro by'imirimo ya Leta bivugwa bikwiye kurengerwa mu buryo bwihariye. Icyo Me Kabibi Speçiose avuga n'uko ngo abayobozi n'abandi bavugwa mu ngingo ya 233 bafite umwihariko nka 'vulnerable group' ariko akaba atashoboye gusobanura neza uburyo bari 'vulnerable'.

Ikindi kigaragara, nkuko byavuzwe n'Inshuti y'Urukiko, [91] Kaminuza y'Urwanda Ishami ry'amategeko, n'uko ingingo ya 233 idasobanura neza urebwa navo ; niba ari abakorera Leta bose cyangwa ari abakozi bo mu nzego zo hejuru gusa. Ingingo ivuga umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko, umwe mu bagize Guverinoma, abashinzwe umutekano ikongeraho "undi wese ushinzwe umurimo rusange w'Igihugu". Ibi bikaba bisa n'aho bishatse kuvuga abakora imirimo ya Leta bose, akaba ari nta mwihariko watuma barengerwa kuruta abandi bantu badakorera Leta. Ntibinasobanutse icyo gukoza isoni umuntu mu kazi ke cyangwa bishingiye ku kazi akora bishatse kuvuga. Ibi byatera urujijo abantu ntibamenye neza igihe bashobora kugwa muri icyo cyaha. Bene ayo mategeko anyuranije n'ihame ry'uko amategeko ahana agomba kuba asobanutse, n'ibikorwa bigize icyaha bikaba bisobanutse (principle of legal certainty). Ibi bisobanurwa neza n'umuhanga mu by'amategeko Tridimas aho avuga ati: "the principle of legal certainty and legitimate expectation provides an important assertion of the rule of law that those subject to the law must know what the law is so as to plan their action accordingly." 15

¹⁵ T. Tridimas, The General principles of EC Law (OUP, 2nd ed, 206)

[92] Urukiko rushingiye ku bisobanuro bitanzwe mu bika bibanziriza iki, rusanga ingingo ya 233 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranyije n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 15 iteganya ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko, ko itegeko ribarengera ku buryo bumwe, kuko iyo ngingo ya 233 ifata abantu mu buryo butandukanye kandi ikaba itabarengera ku buryo bumwe nkuko byasobanuwe hejuru.

b) Kuba ingingo ya 233 yaba ibangamiye ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru

[93] Nkuko biteganywa n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga, ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru buremewe kandi bwubahirizwa na Leta. Ku rundi ruhande, ingingo ya 233 y'itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, iteganya ko umuntu wese ukoza isoni mu magambo, mu bimenyetso cyangwa ibikangisho, inyandiko cyangwa ibishushanyo, abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange w'Igihugu bavugwa muri iyo ngingo aba akoze icyaha.

[94] Ingingo ya 19 y'Itangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu (*Universal Declaration of Human Rights*)¹⁶, isobanura ibigize uburenganzira ku gutanga ibitekerezo n'uburenganzira ku makuru. Ibivuga muri aya magambo: "everyone has the right to freedom of opinion and expression; this right includes freedom to hold opinions without interference and to seek, receive and impart information and ideas through any media and regardless of frontiers".

-

¹⁶ U Rwanda rwashyize umukono kuri ayo masezerano ku wa 18/09/1963.

[95] Ibirebana n'ubwo burenganzira biteganywa kandi n'ingingo ya 19 y'Amasezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira mu by'Imbonezamubano na Politiki 1717. Iyo ngingo ibivuga mu buryo bukurikira:

Everyone shall have the right to hold opinions without interference

Everyone shall have the right to freedom of expression; this right shall include freedom to seek, receive and impart information and ideas of all kinds, regardless of frontiers, either orally, in writing or in print, in the form of art, or through any other media of his choice.

The exercise of the rights provided for in paragraph 2 of this article carries with it special duties and responsibilities. It may therefore be subject to certain restrictions, but these shall only be such as are provided by law and are necessary:

- a). For respect of the rights or reputations of others;
- b). For the protection of national security or of public order (ordre public), or of public health or morals.

[96] Nkuko biri mu ngingo za 19 z'Amasezerano yavuzwe mu bika bibiri bibanziriza iki, umuntu wese afite uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo ntacyo yikanga. Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo bugizwe no gushaka no guhabwa amakuru, kugaragaza ibitekerezo byose nta nkomyi binyuze mu bitangazamakuru bikoresha amajwi, ibyandika n'ibikoresha

_

¹⁷ International Covenant on Civil and Political Rights, (ICCPR), entry into force on 23/03/1976. U Rwanda ruyemeza ku wa 12/02/1975 (reba Itegeko Teka N°8/75 ryo ku wa 12/02/1975, Igazeti ya Leta N°5 of 01/03/1975.

ubundi buryo bwose. Amasezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira mu by'Imbonezamubano na Politiki, yo yongeraho ko ubwo burenganzira buzitirwa no kubahiriza uburenganzira bw'abandi, n'umutekano w'igihugu n'ituze rya rubanda.

Urukiko rusanga, ingingo ihana gukoza isoni mu magambo, mu bimenyetso cyangwa ibikangisho, inyandiko cyangwa ibishushanyo, ibangamiye ubwo bwisanzure kuko hari uwatinya ko aramutse agaragaje ibitekerezo uko abyumva cyangwa agatangaza amakuru ku bikorwa n'abagize Inteko Amategeko, abagize Guverinoma, abashinzwe umutekano cyangwa undi wese ushinzwe umurimo rusange w'Igihugu, yakurikiranwaho icyaha cyo gukoza isoni abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange w'Igihugu baramutse batishimiye ibyo bitekerezo cyangwa amakuru. Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo, ubwo gutangaza no guhabwa amakuru ku bikorwa n'abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange w'Igihugu bavugwa mu ngingo ya 233, ntibukwiye kubangamirwa no kwikanga ko ibyo umuntu yabavugaho cyangwa yabatangazaho byafatwa nko kubakoza isoni

[98] Ubwisanzure mu kugaragaza ibitekerezo no gutangaza amakuru ku bikorwa n'abayobozi, bushimangira ihame rya demokarasi ryo gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano ku byo abayobozi bakorera abaturage. Ibi biri mu byavuzwe n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe uburenganzira bwa Muntu. Ako kanama kabivuze muri aya magambo: "freedom of expression is a necessary condition for the realization of the principles of transparency and

accountability that are, in turn, essential for the promotion and protection of human rights" ¹⁸.

Ingingo ya 4 y'Itegeko Nshinga iteganya ko Leta y'u [99] Rwanda ari Repubulika yigenga, ifite ubusugire, ishingiye kuri demokarasi igamije guteza imbere Abanyarwanda kandi ntishingiye ku idini. Iyo ngingo ikomeza ivuga ko ihame shingiro Repubulika y'u Rwanda ari: «Ubutegetsi bw'Abanyarwanda,butangwa n'Abanyarwanda kandi bukorera Abanyarwanda ». Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo ni rimwe mu mahame ya Leta igendera kuri demokarasi. Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo ntibugomba kugira abo bugarukiraho. Ibi bihura kandi n'ibyavuzwe n'Urukiko rushinzwe Uburenganzira bwa Muntu mu muryango w'Ibihugu by'Uburayi (European Court of Human Rights) mu rubanza Handyside v. United Kingdom muri ava magambo: "Freedom of expression constitutes one of the essential foundations of such [democratic] society, one of the basic conditions for its progress and for the development of every man. Subject to Article 10(2), it is applicable not only to "information" or "ideas" that are favorably received or regarded as inoffensive or as a matter of indifference, but also to those that offend shock or disturb the State or any sector of the population. Such are the demands of that pluralism, tolerance and broadmindedness without which there is no "democratic society" 19. Ibi bivuze ko amakuru cyangwa ibitekerezo bitagomba kuba ari ibishimisha ubuyobozi cyangwa bidafite abo bibangamiye; ahubwo ibitanogeye

 ¹⁸ United Nations ("UN") Human Rights Committee, General Comment N°34,
 Article 19: Freedoms of opinion and expression, CCPR/C/GC/34 (12
 September 2011) ("General Comment No. 34"), par. 3.

¹⁹ European Court of Human Rights, Handyside v. United Kingdom, Judgment of 7 Dec. 1976, Series A N°.24

ubutegetsi na bamwe mu baturage bikwiye kwemerwa. Iyo ibitekerezo by'ingeri nyinshi, ubworoherane no gutekereza byagutse bidahari, demokarasi iba idashoboka. Niyo mpamvu ingingo ihana gukoza isoni abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange w'Igihugu, igomba gufatwa ko ibangamiye iryo hame ry'ubwisanzure bwo gutanga ibitekerezo mu gihugu kiyemeje kugendera kuri demokarasi.

[100] Ubwisanzure mu kugaragaza ibitekerezo, gutara no gutangaza amakuru, bugomba gukoreshwa nta bikangisho, nta gutoteza. Akanama gashinzwe uburenzira bwa Muntu (United Nations Human Rights Committee) [UNHRC] kemeje ko gutesha umutwe, gukanga, gufunga, gucira urubanza nogufunga umuntu azira ibitekerezo afite, binyuranyije n'ingingo ya 19 y'Amasezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira by'Imbonezamubano na Politiki yavuzwe haruguru. Kabivuze muri ava magambo: "The harassment, intimidation or stigmatization of a person, including arrest, detention, trial or imprisonment for reasons of the opinions they may hold, constitutes a violation of article 1920. Urukiko rusanga kuba ingingo ya 233 iteganya igihano cy'igifungo k'uwakoza isoni abayobozi b'Igihugu, abashinzwe umutekano n'abashinzwe umurimo rusange w'Igihugu bavugwa muri iyo ngingo, byatuma abantu badatanga ibitekerezo mu bwisanzure kandi bibangamira uburenganzira bwo gusesengura no gutangaza amakuru ku bikorwa n'abo bayobozi.

[101] Urukiko ruhereye ku bisobanuro bitanzwe mu bika bibanziriza iki, rurasanga ingingo ya 233 y'itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange,

 $^{^{20}}$ Communication $N^o414/1990,\ Mika\ Miha\ v.$ Equatorial Guinea, Views adopted on $8\ July\ 1994$

iteganya ko umuntu wese ukoza isoni mu magambo, mu bimenyetso cyangwa ibikangisho, inyandiko cyangwa ibishushanyo, abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange w'Igihugu bavugwa muri iyo ngingo, inyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga iteganya ko ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru bwemewe kandi bwubahirizwa na Leta. Kuko nkuko byasobanuwe, ingingo ya 233 ituma abantu badakoresha ubwo bwisanzure kuko baba batinya ko mu gihe hari icyo bavuga cyangwa batangaza ku bantu bavugwa mu ngingo ya 233, bakurikiranwaho icyaha cyo gukoza isoni abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange.

- c) Kumenya niba ingingo ya 236 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranyije n'ingingo ya 15 n'iya 38 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.
- [102] Mugisha Richard avuga ko ingingo ya 236 igateganya ko umuntu wese utuka cyangwa usebya Perezida wa Repubulika, aba akoze icyaha, mu gihe icyo cyaha gishobora kuba urwitwazo mu kubangamira ubwisanzure bw'abanyamakuru, cyane cyane ko icyaha cyo gusebanya kidasobanutse neza. Anavuga ko ingingo ya 236 inyuranye n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga kuko itarengera abantu mu buryo bumwe kuko ihana abatuka cyangwa bagasebya umuntu umwe gusa.
- [103] Me Kabibi Speçiose nk'Intumwa ya Leta, avuga ko ingingo ya 236 idateganya ibyaha byakorwa n'abanyamakuru ahubwo ko ivuga ibyaha bishobora gukorwa n'umuntu uwariwe wese, ko muri iyo ngingo ntaho bavuga ko bireba umunyamakuru. Avuga ko ubwisanzure bw'umunyamakuru bugomba kugarukira aho icyubahiro cy'umuyobozi gitangirira,

n'umutekano we, kandi ko ingingo ya 236 itabuza kwandika kuri Perezida wa Repubulika ahubwo ibuza kumusebya cyangwa kumutuka.

[104] Me Musore Gakunzi Valery uhagarariye ARJ (Ihuriro ry'Abanyamakuru n'abandi bakora mu itangazamakuru mu Rwanda) avuga ko nabo bemera ko Perezida wa Repubulika kubera inshingano agira agomba kugira imyitwarire irenze abantu bose, ariko ko icyamwandikwaho kitagombye kuba icyaha mu rwego rwo kubahiriza ihame rya 'accountability'. Ko rero kuba icyaha cyo gusebanya cyaravuye mu mategeko ahana, kitagombye kugaruka kuri Perezida wa Repubulika gusa, kuko ingingo ya 161 ihana umuntu wese utuka undi, ko rero kuvuga ko umunyamakuru yanditse kuri Perezida wa Repubulika amusebya, byaba ari nko kuvuga ko ntawemerewe kumwandikaho.

[105] Denis Bikesha, Ruvebana na Yves Sezirahiga, bavuga ko ingingo ya 236 irebana n'icyaha cyo gutuka cyangwa gusebya Perezida wa Repubulika, iyo ibiyivugwamo bihujwe n'ibiteganywa n'ingingo ya 161 ihana icyaha cyo gutukana, usanga icyaha cyo gutukana gihanwa iyo gikozwe mu ruhame, mu gihe ku birebana n'ingingo ya 236 yumvikanisha ko aho icyo cyaha cyakorerwa hose, bivuze ko niyo abantu 2 baba biherereye, umwe atukana n'undi, yamubeshyera ko yakoze icyo cyaha akagikurikiranwaho.

[106] Basobanura ko ingingo ya 236 irebana n'icyaha cyo gusebya Perezida wa Repubulika kandi icyaha cyo gusebya cyaravanywe mu mategeko ahana ku bandi bantu, ariyo mpamvu basanga impamvu zatumye icyo cyaha gikurwaho ku bantu bose, zakoreshwa no kuri Perezida wa Repubulika kugira ngo hubahirizwe ihame ryo kwishyira no kwizana mu gutanga ibitekerezo harimo n'ubwisanzure bw'Itangazamakuru, cyane

cyane ko icyo cyaha cyavanywemo kubera ko gusebya bitari bisobanutse neza. Ko rero ibiteganywa n'ingingo ya 236 binyuranye n'ihame riteganywa ningingo ya 15 y'Itegeko Nshinga iteganya ko abantu bagomba kurengerwa n'itegeko ku buryo bumwe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[107] Ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u iteganya ko: "Abantu bose barareshya imbere y'amategeko. Itegeko ribarengera ku buryo bumwe". Iya 38 yaryo igateganya ibi bikurikira: "Ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru buremewe kandi bwubahirizwa na Leta. Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru ntibugomba kubangamira ituze rusange rya rubanda n'imvifatire mbonezabupfura, ukurengera urubyiruko n'abana, n'uburenganzira bw'umwenegihugu bwo kugira icvubahiro n'agaciro, ubwo kutagira uwivanga mu mibereho ye bwite n'iy'umuryango we. Uko ubwo bwisanzure bukoreshwa n'iyubahirizwa ryabwo biteganywa n'amategeko".

[108] Iya 236 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iteganya ko: "Umuntu wese utuka cyangwa usebya Perezida wa Repubulika, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko itarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW)".

a) Kuba ingingo ya 236 yaba itarengera abantu ku buryo bumwe

[109] Ingingo ya 236 iteganya ko gutuka cyangwa gusebya Perezida wa Repubulika ari icyaha, uwo gihamye ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko itarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW). Nubwo iyi ngingo ihana uwatutse Perezida wa Repubulika, hari n'indi ngingo y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018, ihana umuntu wese utuka undi mu ruhame.

[110] Ingingo ya 161 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 iteganya ko: "Umuntu wese utuka undi mu ruhame aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'iminsi cumi n'itanu (15) ariko kitarenze amezi abiri (2); ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000 FRW); imirimo y'inyungu rusange mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano. [...]". Ingingo ya 161 n'iya 236, zavuzwe mu bika bibanziriza iki, zombi zifata gutukana nk'icyaha. Urukiko rusanga ibyo Mugisha Richard avuga ko ingingo ya 236 irengera Perezida wa Repubulika gusa, ataribyo kuko nkuko bigaragara mu ngingo ya 161, umuntu wese utuka undi mu ruhame aba akoze icyaha. Muri rusange, gutukana ni icyaha hatitawe ku wabikorewe.

[111] Urukiko rurasanga ariko hari itandukaniro rishingiye ku bihano hagati y'ingingo zivuga ko gutukana ari icyaha. Utuka undi mu ruhame ahanishwa igifungo kitari munsi y'iminsi cumi n'itanu (15) ariko kitarenze amezi abiri (2); ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000

FRW) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000 FRW); utuka Perezida wa Repubulika ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko itarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW).

[112] Ibihano bitangwa ku cyaha cyo gutukana bivugwa mu gika kibanziriza iki, biratandukanye. Umwihariko ku gihano ku cyaha cyo gutuka cyangwa gusebya Perezida wa Repubulika, ni uko ari kinini ugereranije n'ibindi bihano biteganywa ku watutse abandi. Ariko, Urukiko ntirwasuzuma niba ingingo ya 236 yavanwaho bitewe nuko iteganya ibihano bitandukanye n'ibiteganywa n'izindi ngingo zihana gutukana kuko ibyo bitaregewe ndetse ntibyanaburanyweho. Urukiko rusanga ariko iryo tandukaniro ku ngano y'ibihano rigomba kugabanywa, igihano giteganywa ku uwatutse Perezida wa Repubulika kikaba kiri mu gaciro (proportionate). Urukiko rurasaba inzego zibishinzwe kwita kuri iki kibazo.

[113] Ikindi gitandukanya ingingo ya 236 n'iya 161, n'uko ihana usebya Perezida wa Repubulika. Gusebya Perezida wa Repubulika no gusebya abakuru b'ibihugu by'amahanga cyangwa ababihagarariye cyangwa abahagarariye imiryango mpuzamahanga mu Rwanda²¹ nibyo byonyine bihanwa mu Rwanda. Gusebya abandi uretse abo bamaze kuvugwa si icyaha, ahubwo uwasebejwe ashobora gutanga ikirego cyo gusaba indishyi. Urukiko rusanga rero ku birebana n'ingingo ya 236 yaregewe, agace kayo karebana n'icyaha cyo gusebanya, itandukanya gusebya Perezida wa Repubulika n'abandi bantu basigaye. Urukiko rusanga ariko, iryo tandukaniro atari ikibazo,

 $^{^{21}}$ Reba ingingo ya 218 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange

kuko rifite icyo rishingiyeho, aricyo urwego rwa Perezida wa Repubulika.

[114] Nkuko byemejwe n'uru Rukiko, mu rubanza N° RS/INCONST/PEN0005/12/CS rwa Uwinkindi Jean rwaciwe ku wa 22/02/2013, gushyira abantu mu byiciro ntabwo ari ukubavangura cyane cyane iyo ibyo byiciro byashyizweho hagamijwe kugera ku ntego yumvikana, igaragarira buri wese, ishingiye ku mategeko kandi ibyashingiweho bikaba bifite ireme mu nyungu rusange. Uru Rukiko rwibukije ko ibyo byanavuzwe n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Uburenganganzira bwa Muntu (United Nations Human Rights Committee) mu mwanzuro kafashe mu nama yako ya 37, aho kagize kati: "finally, the committee observes that not every differentiation of treatment will constitute discrimination, if the criteria for such differentiation are reasonable and objective and if the aim is to achieve a purpose which is legitimate under the covenant "22. Aha, Urukiko ruragaragaza niba hari impamvu zumvikana zatuma gusebya Perezida wa Repubilika byaba icyaha, ariko gusebya abandi ntibibe icyaha.

[115] Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda rigaragaza ko Perezida wa Repubulika afite inshingano zitandukanye, iz'ingenzi muri zo ni izi zikurikira:

Ni we Mukuru w'Igihugu (ingingo ya 98)

Ashinzwe kurinda Itegeko Nshinga no kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda (ingingo ya 98)

²² Human Rights Committee, General Comment XVIII, Non-discrimination (1989), www.unhcr.org/refworld/type

Yishingira ko Leta ikomeza kubaho, ubwigenge n'ubusugire bw'Igihugu no kubahiriza amasezerano mpuzamahanga (ingingo ya 98)

Ashinzwe Ubutegetsi Nyubahirizategeko (ingingo ya 97)

Ni Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda (ingingo ya 108)

Ahagararira u Rwanda mu mibanire yarwo n'amahanga (ingingo ya 111)

Afite uruhare mu ishyirwaho ry'amategeko (legislative role). Ashyira umukono ku mategeko kandi akaba anafite ububasha bwo gushyiraho Itegeko Teka, n'Iteka rya Perezida

[116] Nk'Umukuru w'Igihugu, Perezida wa Repubulika niwe wishingira, agasigasira ubumwe bw'abenegihugu, akaba n'ishusho (symbol) yabwo; kumusebya byagira ingaruka kuri ubwo bumwe, kuko bishobora gutuma abantu bacikamo ibice biturutse ku byamutangajweho bidafite ukuri. Ushaka kugira icyo atangaza cyangwa anenga kirebana na Perezida wa Repubulika, agomba kwitonda kugirango adatangaza ibimusebya bishobora kuyobya rubanda.

[117] Ishyirwaho rye, ivanwaho rye, uko ashobora gukurikiranwa aramutse akoze icyaha, ubudahangarwa afite nkuko biteganywa n'Itegeko Nshinga bitandukanye n'iby'abandi bayobozi mu Gihugu baba abatorwa cyangwa abashyirwaho. Ibi, byiyongereyeho inshingano afite nkuko zavuzwe mu gika kibanziriza iki, Urukiko rusanga Perezida wa Repubulika yihariye, ku buryo no gushyiraho amategeko yihariye kuri we, yaba amurengera cyangwa amugenga atandukanye n'areba abandi, byumvikana kandi bifite ishingiro. Bityo rero, kuba

ingingo ya 236 ifata gusebya Perezida wa Repubulika nk'icyaha, ariko ntibibe icyaha ku wasebya undi muntu, Urukiko rusanga bishingiye ku mwihariko w'inshingano afite kandi bifite ireme.

b) Kuba ingingo 236 yaba izitira ubwisanzure bw' itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru.

[118] Nkuko byavuzwe mu bika byo hejuru hasesengurwa niba guhana gukoza isoni abayobozi b'igihugu n'abashinzwe bibangamiye ubwisanzure umurimo rusange bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru, kugaragaza ibitekerezo, guhabwa no gutangaza amakuru ntibikwiye kubangamirwa n'icyo ari cyo cyose. Ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru buteganywa n'ingingo ya 19 y'Amasezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira mu by'Imbonezamubano na Politiki (ICCPR). Mu mwanzuro wako ibijyanye ngingo, wa 34 usobanura n'iyo Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Uburenganzira bwa Muntu, kasabye ibihugu byasinye ayo masezerano ko gusebya bitaba icyaha, kanavuga ko n'igihano cyo gufungwa kitajyanye n'icyo cyaha. Kabivuze muri aya magambo : "States parties should consider the decriminalization of defamation and, in any case, the application of the criminal law should only be countenanced in the most serious of cases and imprisonment is never an appropriate penalty. It is impermissible for a State party to indict a person for criminal defamation but then not to proceed to trial expeditiously – such a practice has a chilling effect that may unduly restrict the exercise of freedom of expression of the person concerned and others.²³ Ni ukuvuga ko kuvanaho icyaha cyo kusebya umukuru w'igihugu bitaraba ihame ku rwego mpuzamahanga. Nkuko byasabwe n'Akanama kavugwa muri iki gika, amategeko ahana gusebya yavaho, ariko igihe agikoreshwa akaba yakoreshwa ku bihe bikomeye (serious cases) kandi bikaba bigomba kwitonderwa.

[119] Urukiko rusanga hari itandukaniro ku gusebya Perezida wa Repubulika no gusebya abandi bantu. Ndetse n'ingaruka byagira kuri ibyo byiciro byombi ziratandukanye. Gusebya iyo byakorewe abandi bantu, abo byakorewe bashobora kwifashisha inzira v'imbonezamubano bakaregera guhabwa indishvi. Ubwinshi n'uburemere bw'inshingano za Perezida Repubulika nkuko zavuzwe, butuma hatangwa ibitekerezo byinshi bijyanye n'izo nshingano, ndetse hakabaho no gushaka no gutangaza amakuru ajyanye nazo. Mu gihe gutuka cyangwa gusebya Perezida wa Repubulika, byaba bitabaye icyaha gikurikiranwa n'Ubushinjacyaha, byasaba ko yiyambaza inzira y'imbonezamubano kugirango arenganurwe. Urukiko rusanga ibyo byabangamira akazi ke, n'igitinyiro gikwiriye umukuru w'Igihugu, nko kuba yahugira mu gushaka uko arenganurwa, kandi nkuko byavuzwe, afite inshingano ziremereye zimusaba kwitaho

[120] Gutuka cyangwa gusebya Perezida wa Repubulika kuba ari icyaha, bigomba kureberwa mu kurengera inshingano afite n'abo ahagarariye kurusha kubifata nk'ibyabangamira ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru. Urukiko rusanga buri wese agomba

²³ UN Human Rights Committee, General Comment 34, on the International Covenant on Civil and Political Rights, concerning freedoms of opinion and expression. Paragraph 47. July 2011.

gushishoza, mu gutanga ibitekerezo, gushaka no gutanganza amakuru, akabikora ntawe atutse cyangwa ashebeje kuko nkuko na Mugisha Richard yabigarutseho, uretse na Perezida wa Repubulika, gutuka no gusebya umuntu wese ntibikwiye. Ariko kandi gukurikirana ukekwaho gusebya Perezida wa Republika ntibikwiye kwihutirwa; bikwiye gusuzumanwa ubushishozi bikagaragara ko ari ibintu bikomeye, 'serious case', mbere y'uko ubushinjacyaha buregera urukiko. Igihe ukekwa ashyikirijwe urukiko, ubushinjacyaha bugomba kugaragaza ko ibigize icyaha byuzuye nta gushidikanya (proof beyond reasonable doubt) nkuko bimeze no mu zindi manza nshinjabyaha.²⁴

[121] Ingingo ya 41 y'Itegeko Nshinga iteganya ko: "mu gukoresha uburenganzira n'ubwisanzure, buri wese azitirwa gusa n'itegeko rigamije kwemera no kubahiriza uburenganzira n'ubwisanzure by'abandi ndetse n'imyitwarire iboneye, ituze rusange rya rubanda n'imibereho myiza muri rusange biranga Igihugu kigendera kuri demokarasi". Nkuko bikubiye muri iyi ngingo, mu gukoresha ubwisanzure buri wese azitirwa n'itegeko rifite icyo rigamije nk'imyitwarire iboneye n'ituze rusange bya rubanda. Urukiko rusanga kuba hari ingingo y'itegeko ihana usebya Perezida wa Repubulika, biri muri uwo murongo wo kurengera ituze rusange hagendewe ku kuba ahagarariye rubanda (abaturage bose).

_

²⁴ Aha hakwibutswa ko inshingano yo kugaragaza ibimenyetso mu manza nshinjabyaha itandukanye n'iyo mu manza mbonezamubano. Mu manza nshinjabyaha urugero ruri hejuru ku buryo nta gushidikanya kugaragara, mu manza mbonezamubano urwo rugero rukaba ari ukugaragaza ko ushyize ku munzani ugaragaza ko afite ibimenyetso bigaragaza ukuri kurusha undi ariwe utsinda (on a balance of probabilities).

[122] Kuba gutuka cyangwa gusebya Perezida wa Repubulika ari icyaha, si umwihariko w'u Rwanda. Ibihugu bitandukanye bizwi ko bigendera ku mahame ya demokarasi, bifite mu mategeko yabyo, ingingo zihana utuka cyangwa usebya Perezida, cyangwa undi wese ufatwa nk'Umukuru w'Igihugu, bitewe n'imitegekere ya buri gihugu. Ibyo Bihugu ni nka Germany, Greece, Iceland, Italy, Netherlands, Portugal, Spain, Sweden n'ibindi. Ariko muri ibi bihugu, nkuko bigaragazwa n'inyandiko ya Organization for Security and Cooperation in Europe, ibihano bitoya (minimum) n'ibinini (maximum) ku mukuru w'igihugu biri munsi y'ibiteganywa mu ngingo ya 236.²⁵

[123] Kubera impamvu zisobanuwe mu bika bibanziriza iki, Urukiko rurasanga kugira icyaha gutuka cyangwa gusebya Perezida wa Repubulika, bitabangamira ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru biturutse ku mwihariko w'inshingano afite.

Umwanzuro rusange

[124] Urukiko rw'Ikirenga, ruhereye ku bisobanuro rwatanze kuri buri ngingo, rusanga ingingo ya 136, igika cya mbere, icya kabiri n'icya gatatu y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange itanyuranyije n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 18. Nkuko byasobanuwe, guhana ubusambanyi ntibibangamiye ubwisanzure bw'umuryango ahubwo bigamije kuwurengera.

-

²⁵ Organization for Security and Cooperation in Europe "Defamation and Insult Laws in the OSCE Region: A comparative Study" March 2017.

- [125] Nkuko byasobanuwe hejuru, ibika bibiri bya nyuma ntibitanga ubwisanzure busesuye kuwakorewe icyaha, bwo guhagarikisha urubanza aho rwaba rugeze Umucamanza ashobora kubyanga. Urukiko rusanga ibyo bika byombi bya nyuma byavaho, ahubwo igika cya gatatu kikuzuzwa, kikandikwa mu buryo bukurikira Uwahemukiwe ashobora gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye. Kureka urubanza cyangwa irangiza ryarwo bigira ingaruka no kuwakoranye icyaha n'uregwa".
- [126] Urukiko rusanga ingingo ya 138 n'iya 139 z'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange zitanyuranyije n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 18. Nkuko byasobanuwe, guhana ibyo byaha ntibibangamiye ubwisanzure bw'umuryango.
- [127] Urukiko rusanga kandi ingingo ya 154 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, inyuranije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga kuko ibangamiye ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru.
- [128] Urukiko rusanga ingingo ya 233 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu ngingo zaryo za 15, na 38. Ingingo ya 233, ntirengera abantu mu buryo bumwe kandi ibangamiye ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru.
- [129] Urukiko rusanga ingingo ya 236 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange

itanyuranije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu ngingo zaryo za 15 na 38 nkuko byaregewe, kuko inshingano za Perezida wa Repubulika zimuha umwihariko wo kuba hajyaho amategeko amurengera ku buryo bwihariye. Ariko rusanga ibihano biteganijwe muri iyo ngingo biremereye bikaba bikwiye gusuzumwa n'inzego zibishinzwe.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [130] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Mugisha Richard gisaba kwemeza ko ingingo za 136, 138, 139, 154, 233, n'iya 236 z'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange zinyuranije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu ngingo zaryo za 15, 18 na 38, gifite ishingiro kuri bimwe.
- [131] Rwemeje ko ingingo ya 136, igika cya mbere, icya kabiri n'icya gatatu y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange itanyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga.
- [132] Rwemeje ko igika cya gatatu cy'ingingo ya 136 cyandikwa mu buryo bukurikira: "Uwahemukiwe ashobora gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye. Kureka urubanza cyangwa irangiza ryarwo bigira ingaruka no kuwakoranye icyaha n'uregwa".
- [133] Rwemeje ko igika cya kane n'icya gatanu by'ingingo ya 136 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange bivanyweho.

- [134] Rwemeje ko ingingo ya 138, n'iya 139 z'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange zitanyuranyije n'ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga.
- [135] Rwemeje ko ingingo ya 154 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, inyuranije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga, bityo iyo ngingo ikaba iyanyweho.
- [136] Rwemeje ko ingingo ya 233 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranije n'ingingo ya 15 n'iya 38 y'Itegeko Nshinga, bityo iyo ngingo ikaba iyanyweho.
- [137] Rwemeje ko ingingo ya 236 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange itanyuranije n'ingingo ya 15 n'iya 38 y'Itegeko Nshinga.
- [138] Rutegetse ko uru rubanza rutangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

IMANZA ZEREKERANYE N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA

IMANZA ZEREKERANYE N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, IZ'UBUCURUZI, IZ'UMURIMO N'IZ'UBUTEGETSI

NISHIMWE v. MUGENGA N'UNDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCAA 00031/2016/SC (Mugenzi P.J., Cyanzayire na Nyirinkwaya J.) 09 Ugushyingo 2018]

Amategeko y'imiburanishirize y'imanza mbonezamubano — Ubujurire — Kurega uwo mwari mufatanije urubanza — Kugirango umuntu arege undi mu bujurire, agomba kugaragaza inyungu akurikiranye. bikaba bitashoboka kugira inyungu ukurikirana mu bujurire ku wo mwari mufatanyije urubanza. mu nkiko zibanza.

Amategeko y'imiburanishirize y'imanza mbonezamubano – Ababuranyi benshi basangiye inyungu ku kiburanwa – Igihe hari ababuranyi benshi basangiye inyungu ku kiburanwa, ubujurire bw'umwe bugira ingaruka no ku bandi, n'iyo baba bataje mu rubanza.

Incamake y'ikibazo: Mugenga yagiranye amasezerano y'ubugure bw'inzu na Kabagema, yaje guteshwa agaciro n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, kuko rwasanze Kabagema yaragurishije ibitari ibye kuko byari iby'umuvandimwe we Rwamanywa, yagurishije mu buryo budakurikije amategeko.

Mugenga amaze gusubiza inzu yari yaraguze, yatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, arega Nishimwe na Mashami abazungura ba Rwamanywa, avuga ko yasubije inzu ariko ibikorwa yari amaze kuyikoraho ntiyabyishyurwa, asaba inyungu z'amafaranga yashyize kuri iyo nzu, amafaranga y'ubukode bayibonamo, n' amafaranga aturuka ku guta agaciro

k'ifaranga (inflation). Urwo rukiko rwemeza ko, koko hari ibikorwa Mugenga yakoze kuri iyo nzu, ndetse agira n'ibindi bishya yubaka muri icyo kibanza agomba kubisubirizwa amafaranga yagenwe mu bushishozi bw'Urukiko; Rutegeka abarezwe gusubiza Mugenga amafaranga y'igihembo cya Avoka n'amafaranga y'ikurikirana rubanza.

Mugenga n' abazungura ba Rwamanywa ntibishimiye imikirize y'urubanza, buri ruhande rujuririra mu Rukiko Rukuru, ubujurire bwabo buhurizwa hamwe muri urwo rubanza Urukiko rwemeje ko ubujurire bw' abazungura ba Rwamanywa n'ubwa Mugenga nta shingiro bufite, rwemeza ko imikirize y'urubanza rwajuririwe idahindutse.

Nishimwe yongeye kujuririra urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga, avuga ko arega Mugenga na Mashami. Asobanura ko yajuriye kuko habaye kwivuguruza kwatumye Urukiko ruvugisha Itegeko ibyo ritavuga, ko Urukiko rwemeje ko Mugenga asubizwa inyongeragaciro yashyize ku nzu mu gihe ariwe wakoze amakosa, no kuba ibimenyetso byashingiweho mu kugena ibyo yongeye kuri iyo nzu, bishidikanywaho.

Iburanisha ryabaye ku wa 27/03/2018, maze Mugenga azamura inzitizi yo kuba Nishimwe wajuriye yaratsinzwe kabiri ku mpamvu zimwe, n'iyo kuba ikiburanwa ubwacyo kitagejeje kuri 50.000.000Frw, bityo ko ubujurire budakwiye kwakirwa kubera ko butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga. Ku wa 20/04/2018, Urukiko rwafashe icyemezo mu rubanza rubanziriza urundi, rwemeza ko inzitizi y'iburabubasha yatanzwe na Mugenga nta shingiro ifite.

Mugenga yongeye gutanga iyindi nzitizi avuga ko Nishimwe yahinduye ababuranyi mu rwego rw'ubujurire, kubera ko Mashami aza mu baregwa kandi bari bafatanyije urubanza na

Nishimwe mu Nkiko zibanza. Muri uru rubanza urukiko rwanibajije niba ubujurire bwa Nishimwe butagira ingaruka ku bandi bazungura. Mugenga Joseph avuga ko kuba Mashami Gisèle yari urega kimwe na Nishimwe Claudine mu Rukiko rubanza, bitashoboka ko ahinduka uregwa kimwe nawe mu bujurire, ko rero kuba Nishimwe Claudine yarahinduye ababuranyi, ikirego cye kidakwiye kwakirwa.

Nishimwe avuga ko ababuranye mbere ari abarega ntakibabuza guhinduka abaregwa mu bujurire. Kandi ko kuzana Mashami mu bujurire nk'uregwa ntacyo bitwaye, kuko akomeza kuba umuburanyi nk'uko yariwe mu nkiko zabanje. Naho Mashami we avuga ko nta kibazo kuba yaraje nk'uregwa, kuko yari umuburanyi mu nzego za mbere akaba kandi nawe ari umuzungura wa Rwamanywa.

Ku bijyanye n'ikibazo cyo kumenya niba ubujurire bwa Nishimwe butagira ingaruka ku bandi bazungura, cyazamuwe n'Urukiko, Nishimwe avuga ko yajuriye mu Rukiko rw'Ikirenga ku nyungu ze bwite, ariko ajuririra ibintu bituruka kuri "Succession" Rwamanywa. Avuga ko icyava mu rubanza cyaba kireba abazungura bose.

Mashami avuga ko ikirego gitangwa mu rwego rwa mbere, harezwe "Succession" Rwamanywa, ashimangira ko Nishimwe atajuriye nk'uhagarariye "Succession", ko ahubwo yajuriye ku giti cye. Mugenga avuga mu Rukiko Rwisumbuye uwarezwe ari "Succession" Rwamanywa, aba ari nayo ijurira, bivuze ko imyanzuro yafatiwe kuri iyo "Succession", Avuga ko no mu Rukiko rw'Ikirenga Nishimwe yajuriye nk'uhagarariye "Succession", akaba agomba kwerekana ububasha yahawe n'abazungura ba Rwamanywa, yabubura ubujurire bwe ntibwakirwe.

Incamake y'icyemezo: 1. Kugirango umuntu arege undi mu bujurire, agomba kugaragaza inyungu akurikiranye, bikaba bitashoboka kugira inyungu ukurikirana ku wo mufatanyije urubanza (murega cyangwa muregwa hamwe), mu gihe mu miburanire yanyu ku rwego rubanza nta na kimwe umwe yari akurikiranye ku wundi.

2. Igihe hari ababuranyi benshi basangiye inyungu mu kiburanwa, ubujurire bw'umwe bugira ingaruka no ku bandi, n'iyo baba bataje mu rubanza.

Inzitizi yo kudahindura ababuranyi mu bujurire ifite ishingiro. Rutegetse ko Mashami ahamagarwa mu rubanza, ku ruhande rw'uwajuriye.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Ingingo ya 9, 147, 153

Nta manza zifashishijwe.

Ibitekerezo by'abahanga byiifashishijwe:

Jacques ENGLEBERT, « <u>Les pièges de la procédure civile</u> », Editions Jeune Barreau, Bruxelles, 2005, pp. 7 à 68

Jean VINCENT et Serge GUINCHARD, <u>Procédure civile</u>, Précis Dalloz, 25ème édition, 1999, p. 140 937,

Hakim BOULARBAH, Olivier CAPRASSE, Georges de LEVAL, Frédéric GEORGES, Pierre MOREAU, Dominique MOUGENOT, Jacques Van COMPERNOLLE, <u>Droit judiciaire</u>, <u>Manuel de procédure civile</u>, T.2, 2015, P. 80

Mélina DOUCHY-OUDOT, <u>Procédure Civile, l'action en</u> justice, le procès, les voies de recours, 2 ème édition, 2007, P. 104

Christophe LHERMITTE, Blog du Cabinet Gauthier & Lhermitte, le 19 Avril 2016

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Mugenga Joseph yaguze na Kabagema Ferdinand inzu mu mwaka wa 1994. Amasezerano y'ubugure bwabo yaje guteshwa agaciro n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, mu rubanza RC36.294/01 rwaciwe ku wa 12/02/2003. Muri urwo rubanza, Urukiko rwasanze Kabagema Ferdinand yaragurishije ibitari ibye kuko byari iby'umuvandimwe we Rwamanywa Jérémie, akabigurisha mu buryo budakurikije amategeko, kubera iyo mpamvu Urukiko rwemeza ko amasezerano y'ubugure yabaye hagati ya Kabagema Ferdinand na Mugenga Joseph avuyeho.
- [2] Mugenga Joseph amaze gusubiza iyo nzu, yatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, arega abazungura ba Rwamanywa Jérémie bagizwe na Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle, avuga ko yasubije inzu ariko ibikorwa yari amaze kuyongeraho ntiyabisubizwa, asaba inyungu z'amafaranga yari kubona ku mafaranga yashyize kuri iyo nzu, amafaranga y'ubukode abazungura ba Rwamanywa Jérémie

bayibonamo, n'amafaranga aturuka ku guta agaciro k'ifaranga (inflation), byose bingana na 137.056.112Frw.

- [3] Urukiko Rwisumbuye rwaciye urubanza rwemeza ko, koko hari ibikorwa Mugenga Joseph yakoze kuri iyo nzu, ndetse agira n'ibindi yubaka muri icyo kibanza; Rutegeka "Succession" Rwamanywa Jérémie igizwe na Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle gusubiza Mugenga Joseph amafaranga 15.591.362Frw, runabategeka kumuha amafaranga 800.000Frw y'igihembo cya Avoka n'amafaranga 100.000Frw y'ikurikiranarubanza.
- [4] Mugenga Joseph n'abazungura ba Rwamanywa Jérémie ntibishimiye imikirize y'urubanza, buri ruhande rujuririra mu Rukiko Rukuru, ubujurire bwabo buhurizwa hamwe mu rubanza RCA0517/15/HC/KIG -0538/15/HC/KIG, rucibwa ku wa 22/04/2016. Urukiko rwemeje ko ubujurire bw' abazungura ba Rwamanywa Jérémie n'ubwa Mugenga Joseph nta shingiro bufite, rwemeza ko imikirize y'urubanza rwajuririwe idahindutse.
- [5] Nishimwe Claudine yongeye kujuririra urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga, urubanza ruhabwa RCAA00031/2016/SC, avuga ko arega Mugenga Joseph na Mashami Gisèle. Asobanura ko yajurijwe no kuba harabaye kwivuguruza bigatuma Urukiko ruvugisha Itegeko ibyo ritavuga, ko Urukiko rwemeje ko Mugenga asubizwa inyongeragaciro yashyize ku nzu mu gihe ariwe wakoze amakosa, no kuba ibimenyetso byashingiweho mu kugena ibyo yongeye kuri iyo nzu, bishidikanywaho.
- [6] Iburanisha ry'urubanza ryabereye mu ruhame ku wa 27/03/2018, Nishimwe Claudine ahagarariwe na Me Rwabukumba Moussa na Me Nsengiyumva Abel, Mashami

Gisèle ahagarariwe na Me Abasa Fazil, naho Mugenga Joseph yunganiwe na Me Nzabahimana Augustin.

- [7] Iburanisha rigitangira, Mugenga Joseph yibukije inzitizi yatanze ishingiye ku kuba Nishimwe Claudine wajuriye yaratsinzwe kabiri ku mpamvu zimwe, n'iyo kuba ikiburanwa ubwacyo kitagejeje kuri 50.000.000Frw, bityo ko hashingiwe ku ngingo ya 28 igika cya 2, agace ka 7° no ku gika cya 5 cy'Itegeko-Ngenga N°03/2012 ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ubujurire budakwiye kwakirwa kubera ko butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga.
- [8] Ku wa 20/04/2018, Urukiko rwafashe icyemezo mu rubanza rubanziriza urundi, rwemeza ko inzitizi y'iburabubasha yatanzwe na Mugenga Joseph nta shingiro ifite, ko urubanza ruzasubukurwa ku wa 12/06/2018. Kuri iyi tariki ntirwaburanishijwe kubera impinduka mu rwego rw'amategeko, ruburanishwa ku wa 09/10/2018, hitabye Nishimwe Claudine uburanirwa na Me Rwabukumba Moussa na Me Nsengiyumva Abel ; Mugenga Joseph yunganiwe na Me Nzabahimana Augustin, naho Mashami Gisèle aburanirwa na Me Abasa Fazil.
- [9] Mugenga Joseph yongeye gutanga inzitizi avuga ko Nishimwe Claudine yahinduye ababuranyi mu rwego rw'ubujurire, kubera ko Mashami Gisèle aza mu baregwa kandi yari afatanyije urubanza na Nishimwe Claudine mu Nkiko zibanza, icyo kibazo aba ari cyo kigibwa ho impaka, hamwe n'icyo kumenya niba ubujurire bwa Nishimwe Claudine butagira ingaruka ku bandi bazungura cyabyukijwe n'Urukiko.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

A. Kumenya niba Nishimwe Claudine ashobora kurega mu bujurire Mashami Gisèle bari bafatanyije urubanza mu nzego zibanza.

- [10] Mugenga Joseph avuga ko kuba Mashami Gisèle yari urega kimwe na Nishimwe Claudine mu Rukiko rubanza, bitashoboka ko ahinduka uregwa kimwe nawe mu bujurire, ko rero kuba Nishimwe Claudine yarahinduye ababuranyi, ikirego cye kidakwiye kwakirwa. Akomeza avuga ko Mashami Gisèle yanze gutanga igarama, ko kandi ibyo yakoze bifite ingaruka mu gihe "Succession" Rwamanywa Jérémie yatsindwa ikagira ibyo icibwa, asaba ko urega yakomeza kuba Nishimwe Claudine naho Mashami Gisèle akavanwa muri uru rubanza.
- [11] Me Nzabahimana Augustin wunganira Mugenga Joseph avuga ko ashingiye ku ngingo ya 169 y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi¹, ububasha bw'umuburanyi budahinduka mu bujurire.
- [12] Me Rwabukumba Moussa uburanira Nishimwe Claudine avuga ko ababuranye mbere ari abarega ntakibabuza guhinduka abaregwa mu bujurire. Avuga ko Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle mu rwego rwa mbere baregaga bakanaregwa, ko impamvu yatumye Mashami Gisèle ahinduka uregwa ari uko hari ubuhamya yatanze Nishimwe Claudine atishimiye; ubwo

_

¹ Ubujurire butuma ikibazo gisubira uko cyari kimeze mbere y'uko gicibwaho urubanza rujuririrwa, ariko ku ngingo zajuririwe gusa.

buhamya akaba aribwo bwabaye intandaro yo gutuma Nishimwe Claudine atsindwa akagira ibyo acibwa.

- [13] Me Nsengiyumva Abel nawe wunganira Nishimwe Claudine avuga ko kuzana Mashami Gisèle mu bujurire nk'uregwa ntacyo bitwaye, kuko akomeza kuba umuburanyi nk'uko yariwe mu nkiko zabanje.
- [14] Me Abasa Fazil wunganira Mashami Gisèle we avuga ko nta kibazo kirimo kuba uwo yunganira yaraje nk'uregwa, kuko yari umuburanyi mu nzego za mbere akaba kandi nawe ari umuzungura wa Rwamanywa Jérémie. Avuga kandi ko impamvu yaje mu rubanza nk'uregwa ari uko atatanze igarama, ko ibyo bamurega byose yiteguye kubisubiza. Yongeraho ko iby'uko yarezwe kubera ubuhamya yatanze mu Rukiko Rukuru abyumviye mu Rukiko rw'Ikirenga, ko we icyo yari yiteguye kuburana ari uburenganzira bwa Mashami Gisèle nk'umuzungura wa Rwamanywa Jérémie, ariko bitabuza ko n'ubwo buhamya yiteguye kubwireguraho.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[15] Urukiko rurasanga nta ngingo mu mategeko isobanura niba bishoboka cyangwa bidashoboka kurega mu bujurire uwo mwari mufatanyije urubanza mu rwego rubanza (uwo mwaregaga cyangwa mwaregwaga hamwe). Ingingo ya 147 y'Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, mu gika cyayo cya mbere, iteganya gusa ko "Umuntu wabaye umuburanyi mu rubanza ku rwego rwa mbere ashobora kurujuririra iyo abifitemo inyungu, keretse iyo amategeko abigena ukundi".

[16] Ingingo ya 9 y'Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, mu gika cyayo cya mbere, iteganya ko "Umucamanza aca urubanza ashingiye ku ngingo z'amategeko zirebana n'ikirego yaregewe. Iyo nta tegeko rijyanye n'ikiburanwa ashingira ku mategeko asanga yashyiraho mu gihe yaba ashinzwe kuyashyiraho, yifashishije ibyemezo byagiye bifatwa n'inkiko, umuco, amahame rusange agenga amategeko, n'inyandiko z'abahanga mu mategeko".

[17] Umuhanga mu mategeko Jacques Englebert, asobanura ko mu bisabwa kugirango umuntu ajurire harimo :

Kuba yarabaye umuburanyi mu rubanza rujuririrwa;

Kuba uwo arega mu bujurire yarabaye mu rubanza rujuririrwa;

Kuba mu rukiko rubanza hari icyaburanwaga (un lien d'instance) hagati ye n'uwo arega mu bujurire².

Avuga kandi ko kugirango umuntu aregwe mu bujurire, agomba kuba hari icyo yaburanaga (lien d'instance) n'uwajuriye, mu rubanza rwajuririwe³.

-diriger son appel contre une partie qui était elle-même à la cause [......]

² « Pour pouvoir interjeter appel principal, il faut :

⁻avoir été partie au procès en première instance ;

⁻avoir eu un "lien d'instance", devant le premier juge, entre la partie qui interjette appel et la partie contre laquelle l'appel est interjeté "; Jacques ENGLEBERT, Les pièges de la procédure civile, Editions Jeune Barreau, Bruxelles, 2005, pp. 7 à 68

³ « Pour être valablement intimé, il faut avoir eu avec l'appelant au principal un lien d'instance dans le cadre de la procédure ayant donné lieu au jugement dont appel » ; Ibidem

[18] Uyu muhanga avuga ko, ihame ari uko ubujurire bureba uwo mwari mushyamiranye (adversaire) mu rwego rubanza, akanasobanura ko abashyamiranye(adversaires) mu rwego rubanza bivuga kuba hari icyo umwe yaregaga undi, cyangwa kuba hari icyo yireguragaho⁴. Ahereye ku rubanza rwaciwe n'Urukiko Rusesa Imanza rwo mu Bubiligi ku wa 10/10/2002, avuga ko bihagije kuba hari icyo umwe yaregaga undi mu rwego rubanza, bakaba bari bashyamiranye ku ngingo imwe cyangwa nyinshi z'ibyaburanwaga⁵.

[19] Ibivugwa n'uyu muhanga mu mategeko bishimangirwa no kuba, kugirango umuntu arege undi mu bujurire, agomba kugaragaza inyungu akurikiranye, nk'uko byumvikana mu ngingo ya 147 y'Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru, bikaba bitashoboka kugira inyungu ukurikirana ku wo mufatanyije urubanza (murega cyangwa muregwa hamwe), mu gihe mu miburanire yanyu ku rwego rubanza nta na kimwe umwe yari akurikiranye ku wundi.

[20] Abahanga mu mategeko bayobowe na Georges de Leval, basobanura ko, inyungu bivuga icyo urega ashobora kuvana mu

_

⁴ « On enseigne traditionnellement que le recours ne peut, en principe, être dirigé que contre une partie dont on est l'adversaire en première instance, et en la qualité en laquelle elle avait été mise à la cause". « Avoir été adversaires en première instance, c'est avoir conclu l'un contre l'autre ou encore avoir développé des prétentions à l'encontre d'une partie défenderesse ou avoir opposé des défenses à l'égard d'une partie demanderesse » ; Ibidem

⁵ "il suffit [...] que ces parties aient pris des conclusions l'une contre l'autre en première instance et aient été, ainsi, l'adversaire l'une de l'autre à propos d'un ou de plusieurs points litigieux. L'existence d'un lien d'instance est rencontrée par l'existence, au premier degré de juridiction, d'une contestation sous-jacente entre les parties concernées qui a été exprimée dans les conclusions"; Ibidem

rubanza mu buryo bufatika, igihe atanga ikirego⁶. Abahanga mu mategeko Jean Vincent na Serge Guinchard⁷, kimwe n'undi muhanga mu mategeko Mélina Douchy-Oudot⁸, nabo basobanura ko urega agomba kugaragaza ko azagira icyo avana mu kirego atanze.

[21] Muri uru rubanza, Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle bari bafatanyije urubanza mu nkiko zibanza, ndetse basangiye inyungu nk'abazungura ba Rwamanywa Jérémie, ntawe ugira icyo arega undi. Hakurikijwe ibisobanuro byatanzwe, ntabwo Nishimwe Claudine yahindukira ngo arege Mashami Gisèle mu bujurire, cyane ko mu nyandiko itanga ikirego cy'ubujurire mu Rukiko rw'Ikirenga, ndetse no mu myanzuro ye atagaragaza icyo amurega. Mu iburanisha ry'urubanza ryo ku wa 09/10/1018, nibwo Me Nsengiyunva Abel wunganira Nishimwe Claudine yabwiye Urukiko ko impamvu uwo yunganira yareze Mashami Gisèle, ari uko yatanze ubuhamya atishimiye, nyamara atari yarigeze abimurega ngo bisuzumwe mu rubanza rwabanje.

-

⁶ « L'intérêt consiste en tout avantage matériel ou moral - effectif mais non théorique- que le demandeur peut retirer de la demande au moment où il la forme » ; Hakim BOULARBAH, Olivier CAPRASSE, Georges de LEVAL, Frédéric GEORGES, Pierre MOREAU, Dominique MOUGENOT, Jacques Van COMPERNOLLE, Droit judiciaire, Manuel de procédure civile, T.2, 2015, P. 80

^{7 «} Celui qui agit doit justifier que l'action qu'il exerce est succeptible de lui procurer un avantage » ; Jean VINCENT et Serge GUINCHARD, Procédure Civile, Précis Dalloz, 25ème édition, 1999, p. 140

⁸ « La personne doit justifier que la saisine de la juridiction est faite en vue de l'obtention d'un avantage » ; Mélina DOUCHY-OUDOT, Procédure Civile, l'action en justice, le procès, les voies de recours, 2 ème édition, 2007, P. 104

[22] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rusanga ikirego cy'ubujurire cya Nishimwe Claudine ku bireba Mashami Gisèle kidakwiye kwakirwa ngo gisuzumwe.

B. Kumenya ingaruka ubujurire bwa Nishimwe Claudine bwagira ku bandi bazungura barezwe hamwe mu rwego rubanza kandi basangiye inyungu mu kiburanwa

- [23] Me Rwabukumba Moussa uburanira Nishimwe Claudine avuga ko uwo yunganira yajuriye mu Rukiko rw'Ikirenga yivugira, ariko ajuririra ibintu bituruka kuri "Succession" Rwamanywa Jérémie. Avuga ko icyava mu rubanza cyaba kireba "Succession" yose. Yongeraho ko mu Rukiko Rwisumbuye, umucamanza yafashe icyemezo kuri "Succession" yose mu gihe buri wese mu bayigize yari yarezwe ku giti cye, akaba asanga iyo ari inenge kuko buri wese yagombaga gutegekwa ibyo acibwa ku giti cye, n'ubwo icyaburanwaga gihuriweho n'abazungura ba Rwamanywa Jérémie bose.
- [24] Me Abasa Fazil wunganira Mashami Gisèle avuga ko ikirego gitangwa mu rwego rwa mbere, harezwe "Succession" Rwamanywa Jérémie. Avuga ko mu Rukiko rw'Ikirenga hajuriye Nishimwe Claudine wenyine nk'umwe mu bagize "Succession" kandi uyifitemo inyungu. Ashimangira ko Nishimwe Claudine atajuriye nk'uhagarariye "Succession", ko ahubwo yajuriye nkawe ku giti cye.
- [25] Mugenga Joseph avuga ko mu kuburana bwa mbere mu Rukiko Rwisumbuye uwarezwe ari "Succession" Rwamanywa Jérémie, aba ari nayo ijurira, bivuze ko imyanzuro yafashwe yafatiwe kuri iyo "Succession". Avuga ko no mu Rukiko rw'Ikirenga Nishimwe Claudine yajuriye nk'uhagarariye "Succession", akaba agomba kwerekana ububasha yahawe

n'abazungura ba Rwamanywa Jérémie, yabubura ubujurire bwe ntibwakirwe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[26] Ingingo ya 153 y'itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi igira iti : "Iyo bamwe mu baburanyi bajuriye abandi ntibajurire, ntibibuza ko bose bahamagarwa mu rubanza rw'ubujurire. Muri icyo gihe, abatarezwe⁹ mu bujurire bashobora gusaba ijambo bagamije kurengera inyungu zabo. Bashobora kandi kuririra ku bujurire bakagira ibyo basaba kimwe n'uko bashobora gutakaza bimwe mu byo bari baragenewe mu rubanza rwajuririwe".

[27] Muri uru rubanza, ikiburanwa ari nacyo cyajuririwe mu Rukiko rw'Ikirenga, gishingiye ku nzu yasizwe na Rwamanywa Jérémie, igurishwa na Kabagema Ferdinand, ikaba ihuriweho na Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle nk'abazungura ba Rwamanywa Jérémie.

[28] Urubanza rutangira mu Rukiko Rwisumbuye, haregwaga "Succession" Rwamanywa Jérémie, igizwe na Mashami Gisèle na Nishimwe Claudine. Ibyemezo byafashwe n'Urukiko byarebaga iyo "Succession". Mu Rukiko Rukuru, bigaragara ko buri wese mu bagize "Succession" Rwamanywa Jérémie, yajuriye ku giti cye. Ubujurire bwabo ntibwahawe ishingiro, hagumaho imikirize y'Urukiko Rwisumbuye.

_

⁹ Mu zindi ndimi havugwa abatareze, bigaragara ko habaye kwibeshya mu myandikire

[29] Mu Rukiko rw'Ikirenga, nk'uko bigaragara mu nyandiko zigize dosiye zatanzwe hifashishijwe urubuga rutangirwaho ibirego (www.iecms.gov.rw), Nishimwe Claudine yajuriye ku giti cye, adahagarariye "Succession" Rwamanywa Jérémie, ariko akavuga ko ibyo aburana abihuriyeho n'abandi bazungura. Urukiko rusanga ibyemezo byafatwa, hashingiwe ku kiburanwa, bitaba bireba Nishimwe Claudine wenyine wajuriye, ahubwo byagira ingaruka no ku bandi bazungura bahuriye ku kiburanwa.

[30] Abahanga mu mategeko Jean Vincent na Serge Guinchard, basobanura ko igihe hari ababuranyi benshi basangiye inyungu mu kiburanwa, ubujurire bw'umwe bugira ingaruka no ku bandi, n'iyo baba bataje mu rubanza. ¹⁰ Ibyo babishingira ku ngingo iri mu gitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano mu Bufaransa (ingingo ya 553).

[31] Mu nyandiko yakozwe na Christophe Lhermitte ku wa 19/04/2016, ahereye ku bisobanuro byatanzwe n'Urukiko Rusesa Imanza rwo mu Bufaransa¹¹, asobanura ko gusangira inyungu mu kiburanwa (indivisibilité) ari igihe bidashoboka kurangiza urubanza mu buryo butandukanye kuri buri muburanyi¹². Hakurikijwe ibyo bisobanuro, Urukiko rusanga Nishimwe Claudine na Mashami Gisèle nk'abagize "Succession"

¹⁰ « En cas d'indivisibilité entre plusieurs parties, l'appel de l'une produit effet à l'égard des autres, même si celles-ci ne se sont pas jointes à l'instance » ; Jean VINCENT et Serge GUINCHARD, Procédure civile, 25ème édition, 1999, p. 937

¹¹ Cass. civ.2e, 7 avril 2016, n°15-10126

Rwamanywa Jérémie, basangiye inyungu mu rubanza ku buryo ibyemezo byarufatwamo bitashobora gushyirwa mu bikorwa mu buryo butandukanye kuri buri wese.

[32] Ibi bisobanuro by'abahanga, birunganira mu gusobanura ibiteganyijwe n'ingingo ya 153 y'Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi yavuzwe haruguru, kuko iyi ngingo iteganya muri rusange uko bigenda iyo hari ababuranyi benshi, bamwe bakajurira abandi ntibajurire, igasobanura ko bitabuza ko n'abandi bahamagarwa mu rubanza, n'ubwo itabigira itegeko.

Ibisobanuro by'abahanga mu mategeko, nk'uko byibukijwe haruguru, bigaragaza by'umwihariko ko igihe ababuranyi basangiye inyungu, icyemezo cyafatwa kuri umwe kigira ingaruka ku basangiye inyungu bose. Muri icyo gihe, ibiteganywa n'ingingo ya 153 yavuzwe haruguru ntibyaba guhitamo, ahubwo ni ngombwa ko ababuranyi basangiye inyungu bose bahamagarwa mu rubanza, kugirango icyemezo kizafatwa kizashobore gushyirwa mu bikorwa.

[33] Hashingiwe ku biteganywa mu ngingo ya 153 y'itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru, bigahuzwa n'ibisobanuro by'abahanga mu mategeko byagaragajwe mu bika bibanza; hashingiwe kandi ku kuba nishimwe Claudine na Mashami Gisèle basangiye inyungu mu kiburanwa nk'abazungura ba Rwamanywa Jérémie, ku buryo icyemezo cyafatwa cyabagiraho ingaruka bose, Urukiko rusanga Mashami Gisèle akwiye kuza mu rubanza n'ubwo atajuriye.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [34] Rwemeje ko ikirego cy'ubujurire cyatanzwe na Nishimwe Claudine ku bireba Mashami Gisèle kitagomba kwakirwa ngo gisuzumwe ;
- [35] Rwemeje ko Mashami Gisèle nk'uregwa, akuwe mu rubanza;
- [36] Rutegetse ko Mashami Gisèle ahamagarwa muri uru rubanza, ku ruhande rwa Nishimwe Claudine wajuriye;
- [37] Rutegetse ko iburanisha ry'uru rubanza rizakomeza ku wa 08/01/2019 ;
- [38] Rutegetse ko amagarama y'urubanza asubitswe.



URUBANZA RW'IMBONEZAMUBANO

MUKARWEGO N'ABANDI v. NGIRIYABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/REV/INJUST/CIV0009/14/CS, (Rugege P.J., Kayitesi R. na Mutashya, J.) 14 Nzeli 2018]

Amategeko agenga ibimenyetso — Inyandiko ihinnye y'urubanza - Inyandiko ihinnye y'urubanza si incarubanza, ariko ni ikimenyetso kidashidikanywaho ko habaye urubanza hagati y'ababuranyi kandi yerekana icyemezo cyarufashwemo.

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mboneza mubano – Urubanza rwabaye ntakuka - Guca Urubanza ku kiburanwa cyamaze gufatwaho icyemezo mu rubanza rwabaye ntakuka n'ikosa, rikosorwa nuko urwo rubanza rukurwaho.

Incamake y'Ikibazo :Ngiriyabandi yareze Nyiringango mu Rukiko rwa Kanto ya Nyaruguru ko yamutwariye isambu yitwaje impapuro z'impimbano zerekana ko bayiburanye mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, kandi batarayiburanye, maze Urukiko rwa Kanto ya Nyaruguru rwemeza ko isambu iburanwa ikomoka kuri Sekidende wayiraze Ngiriyabandi, akaba afite uburenganzira bwo kuyituramo no kuyibyaza umusaruro, Gumiriza na Nyiringango bakaba bagomba kuyivamo kuko bayigiyemo ku ngufu; runategeka Nyiringango guha Ngiriyabandi indishyi.

Nyiringango yajuririye Urukiko rw'Intara ya Gikongoro, avuga ko isambu ari iya Sekidende wayiraze umwana we Gumiriza bakaba barahamwubakiye muri 1960, ko kandi iyo sambu yayiburanye na Ngiriyabandi akayimutsindira mu Rukiko rwa

Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, uretse ko adafite incarubanza. Urukiko rwaciye urubanza, rwemeza ko ubujurire bwa Nyiringango nta shingiro bufite, rumutegeka guha Ngiriyabandi indishyi.

Nyiringango yajuririye Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, uru Rukiko rufata icyemezo cyo gusiba urubanza kubera ko Nyiringango atitabye, rwemeza ko harangizwa urubanza rwajuririwe, kabone n'iyo habaho kurubyutsa.

Nyiringango yaje kwitaba Imana, hanyuma abana he bahagarariwe na Mukarwego Josepha, batanze ikirego cyo gusubirishamo ingingo nshya urubanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe, bagaragaza inyandukuro ihinnye y'urubanza RCA5799/13 nk'ikimenyetso cy'uko Nyiringango yaraburanye isambu na Ngiriyabandi akamutsinda, bayuga ko vaburanaga, iyo nyandukuro itashoboraga igihe kuboneka.Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe rwaciye urubanza, rwemeza ko inyandiko igaragazwa n'abareze atari ingingo nshya rwanzura ruvuga ko urubanza rutasubirwamo kuko inyandiko yatanzwe n'abarega nk'ikimenyestso gishya ntaho ihuriye n'urubanza rusabirwa gusubirishwamo.

Mukarwego amaze kubona iki cyemezo, yandikiye Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza rwaciwe n'Urukiko rwisumbuye rwa Nyamagabe rusubirwamo kubera ko rurimo akarengane, maze Umuvunyi Mukuru yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urubanza yagejejweho na Mukarwego, rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane zigaragara muri urwo rubanza zishingiye ku cyemezo cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe rwanze guha agaciro inyandukuro ihinnye y'urubanza RCA5799/13 rwaciwe ku wa 27/07/1983 n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, yatanzwe n'Umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe ku wa

20/10/2011, nyamara iyo nyandukuro ari ikimenyetso cy'uko isambu Ngiriyabandi André aburana, ari iyo yari yaratsindiwe muri 1983. Akomeza avuga ko kuba Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe rwarayirengagije, ari akarengane.

Iburanisha mu Rukiko rw'Ikirenga ryabanje gukemura impaka zerekeranye no kumenya niba inyandukuro ihinnye y'urubanza RCA 5799/13 yari gufatwa nk'ingingo nshya mu rubanza rwo mu rukiko rw'Isumbuye. Urukiko rw'Ikirenga rwaciye urubanza rubanziriza urundi rwemeza ko inyandukuro ihinnye y'urubanza RCA 5799/13 rwaciwe ku wa 27/07/1983 hagati ya Nyiringango na Ngiriyabandi, ikomoka ku rubanza rwabayeho koko.

Urubanza rwakomeje haburanwa akarengane kagaragara mu manza RC135/3 rwaciwe n'Urukiko rwa Kanto ya Nyaruguru ku wa 11/03/2004, n'urubanza RCA0275/05/TP/GIRO-RCA 2880/7/04 rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe ku wa 05/05/2005, abarega bavuga ko Ngiriyabandi atagombaga kuregera isambu yamaze kuburanwa kuko urubanza rwamaze kuba itegeko, uregwa we avuga ko, kuba ikimenyetso gishya cyarakiriwe igisigaye ari ukumenya ishingiro ryacyo bihujwe n'amategeko.

Incamake y'icyemezo: 1. Inyandiko ihinnye y'urubanza si incarubanza, ariko ni ikimenyetso kidashidikanywaho ko habaye urubanza hagati y'ababuranyi kandi yerekana icyemezo cyarufashwemo.

2. Guca Urubanza ku kiburanwa cyamaze gufatwaho icyemezo mu rubanza rwabaye ntakuka n'ikosa, rikosorwa nuko urwo rubanza rukurwaho.

Ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, gifite ishingiro;

Amategeko yashingiweho:

- Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Ingingo ya 14.
- Itegeko-Ngenga N°03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, Ingingo ya 81.
- Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, Ingingo ya 3.
- Itegeko N°18/2004 ryo ku wa 20/6/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi Ingingo ya 360.
- Iteka rya minisitiri w'Ubutabera N°002 ryo ku wa 06/01/2005 rigena amagarama y'urukiko mu manza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, Ingingo ya 2.

Nta manza zifashishijwe.

Inyandiko z'abahanga zifashishijwe:

Serge GUINCHARD, <u>Droit et Pratique de la Procédure Civile</u>, p. 1225

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko rwa Kanto ya Nyaruguru kuri RC135/3, Ngiriyabandi André arega Nyiringango Faustin ko yamutwariye isambu yitwaje impapuro z'impimbano zerekana ko bayiburanye mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, kandi batarayiburanye, maze ku wa 11/03/2004, Urukiko rwa Kanto ya Nyaruguru ruca urubanza rwemeza ko isambu iburanwa ikomoka kuri Sekidende wayiraze Ngiriyabandi André akiri umwana, akaba afite uburenganzira bwo kuyituramo no kuyibyaza umusaruro, Gumiriza na Nyiringango Faustin bakaba bagomba kuyivamo kuko byagaragaye ko bayigiyemo ku ngufu; rutegeka Nyiringango Faustin guha Ngiriyabandi André indishyi zingana na 25.000Frw kubera kumurushya no kumukerereza amuvana mu bye.
- [2] Nyiringango Faustin yajuririye Urukiko rw'Intara ya Gikongoro, ikirego cye gihabwa N°RCA0275/05/TP/GIRO-RCA 2880/7/04, avuga ko isambu ari iya Sekidende wayiraze umwana we Gumiriza bakaba barahamwubakiye muri 1960, ko kandi iyo sambu yayiburanye na Ngiriyabandi André akayimutsindira mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, uretse ko adafite incarubanza. Ku itariki ya 05/05/2005, uru Rukiko rwaciye urubanza, rwemeza ko ubujurire bwa Nyiringango Faustin nta shingiro bufite, rumutegeka guha Ngiriyabandi André indishyi zingana n'ibihumbi icumi (10.000Frw) kubera ko yamuruhije akanamukura mu isambu ye.
- [3] Nyiringango Faustin yajuririye Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ikirego cye gihabwa N°

RCAA0725/05/HC/NYA, ku itariki ya 04/06/2008 uru Rukiko rufata icyemezo cyo gusiba urubanza kubera ko Nyiringango Faustin atari yitabye, rwemeza ko harangizwa mu ngingo zarwo zose, urubanza rwajuririwe arirwo RCA0275/05/TP/GIRO-RCA 2880/7/04 rwaciwe n'Urukiko rw'Intara ya Gikongoro ku wa 05/05/2005, kabone n'iyo habaho kurubyutsa.

- Nyuma y'aho Nyiringango Faustin apfiriye, abana be Donatha, Nyirabutoragurwa Médiatrice Mukamana Mukarwego Josepha, bahagarariwe na Mukarwego Josepha, batanze ikirego cyo gusubirishamo ingingo nshya urubanza RCA0275/05/TP/GIRO RCA2880/7/04 _ mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe, bagaragaza inyandukuro ihinnye y'urubanza RCA5799/13 nk'ikimenyetso cy'uko Nyiringango Faustin yari yaraburanye isambu na Ngiriyabandi André akamutsinda, bavuga ko igihe se ubabyara yaburanaga, iyo nyandukuro itashoboraga kuboneka, basaba ko yaba ingingo nshya ituma urubanza rusubirwamo, ikirego cyandikwa kuri N° RCA0261/11/TGI/NYBE
- [5] Ku itariki ya 16/03/2012, Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe rwaciye urubanza, rwemeza ko inyandiko igaragazwa n'abareze atari ingingo nshya nk'uko babivuga, kubera ko ivuga ku byerekeye amafaranga, hakaba ntaho igaragaza uwatsindiye isambu kandi ari yo iburanwa mu rubanza rusubirishwamo, ko kandi iyo nyandiko itakwitwa urubanza ahubwo ari inyandiko ihinnye yerekana ko hakemuwe ikibazo cy'amafaranga hagati ya Nyiringango Faustin na Ngiriyabandi André, rwanzura ruvuga ko urubanza RCA0275/05/TP/GIRO-RCA2880/7/04 rutasubirwamo kuko inyandiko yatanzwe n'abarega ntaho ihuriye n'urubanza rusabirwa gusubirishwamo.

- Mukarwego Josepha amaze kubona icyi cyemezo, yitabaje Urwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza RCA0261/11/TGI/NYBE rusubirwamo kubera ko rurimo akarengane, maze ku wa 27/03/2013, Umuvunyi Mukuru yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urubanza vageieiweho Mukarwego Josepha, unahagarariye na abavandimwe be Mukamana Donatha na Nyirabutoragurwa Médiatrice, rwasubirwamo.
- [7] Umuvunyi Mukuru avuga ko impamvu z'akarengane zigaragara muri urwo rubanza zishingiye ku cyemezo cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe rwanze guha agaciro inyandukuro ihinnye y'urubanza RCA5799/13 rwaciwe ku wa 27/07/1983 n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, yatanzwe n'urwo Rukiko ku wa 20/10/2011, nyamara iyo nyandukuro ari ikimenyetso cy'uko isambu Ngiriyabandi André aburana, ari iyo yari yaratsindiwe muri 1983, avuga ko iyi nyandukuro igize ikimenyetso kamarampaka nk'uko biteganywa mu ngingo ya 184,3° y'Itegeko N°18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ko kuba Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe rwarayirengagije, ari akarengane.
- [8] Avuga nanone ko Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe rwibeshye, aho rwavuze ko inyandiko yatanzwe na Mukarwego Josepha itakwitwa urubanza, ahubwo ko ari inyandiko ihinnye yerekana ko hakemuwe ikibazo cy'amafaranga hagati ya Nyiringango Faustin na Ngiriyabandi André, nyamara muri iyo nyandiko, nta kibazo cy'amafaranga cyaburanywe, ahubwo haburanwaga isambu nkuko bigaragara mu kiburanwa kiri ku nyandukuro ihinnye.

- [9] Iburanisha ry'urubanza ryabaye mu ruhame ku wa 18/12/2017, Mukamana Donatha na Nyirabutoragurwa Médiatrice bahagarariwe na Mukarwego Josepha, nawe yunganiwe na Me Kayirangwa Marie Grâce, Ngiriyabandi André ahagarariwe na Me Sindayigaya Abson, uwo munsi hagibwa impaka zerekeranye no kumenya niba inyandukuro ihinnye y'urubanza RCA5799/13 yari gufatwa nk'ingingo nshya mu rubanza RCA0261/11/TGI/NYBE, rwemeza ko icyemezo kizafatwa ku wa 19/01/2018.
- [10] Ku wa 19/01/2018, Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ko mbere y'uko hafatwa icyemezo kuri iyo nzitizi, ari ngombwa gukora iperereza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe, n'ahahoze ari Urukiko rwa Kanto ya Nyaruguru, rukirebera niba koko urubanza RCA5799/13 rwarabayeho.
- [11] Iperereza ryabaye ku itariki ya 02/03/2018, Urukiko rumaze kureba mu gitabo cy'ibirego cyanditsemo urubanza RCA5799/13 kiri mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe rwasanze ibikubiyemo bihuye neza n'inyandiko ihinnye yakozwe n'Umwanditsi Mukuru w'urwo Rukiko ku itariki ya 20/10/2011.
- [12] Urukiko rwageze kandi ku Rukiko rw'Ibanze rwa Nyaruguru kugira ngo rurebe niba hari urubanza rwaciriwe muri urwo Rukiko hagati ya Nyiringango Faustin na Ngiriyabandi André muri 1983, rusanga urubanza ruhari ari urufite N° RC135/3 rwaciwe ku itariki ya 11/03/2004 gusa, naho urwa mbere ya Jenoside ntirwaboneka, abakozi bo mu Rukiko rw'Ibanze babwira abakora iperereza ko ibitabo by'icyo gihe bidashobora kuboneka kuko byahiye ibindi birononwa.
- [13] Urukiko rwemeje ko iburanisha rizongera gupfundurwa ku wa 22/05/2018, ababuranyi bakagira icyo bavuga ku byavuye

mu iperereza, uwo munsi ababuranyi baritabye iburanisha riraba, bagira icyo bavuga ku byavuye mu iperereza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe no mu cyahoze ari Urukiko rwa Kanto ya Nyaruguru, birangiye, Urukiko rwemeza ko icyemezo ku bijyanye no kumenya niba koko urubanza RCA5799/13 rwarabayeho, kizasomwa ku wa 18/06/2018.

- [14] Kuri uwo munsi, Urukiko rw'Ikirenga rwaciye urubanza rubanziriza urundi rwemeza ko inyandukuro ihinnye y'urubanza RCA5799/13 rwaciwe ku wa 27/07/1983 hagati ya Nyiringango Faustin na Ngiriyabandi André, ikomoka ku rubanza rwabayeho koko, ko rero yagombaga kwakirwa nk'ingingo nshya mu rubanza RCA0261/11/TGI/NYBE igashingirwaho mu gusubiramo urubanza RCA0275/05/TP/GIRO-RCA2880/7/04 Nyiringango Faustin yaburanye na Ngiriyabandi André.
- Muri urwo rubanza rubanziriza urundi, Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ko urubanza RCA0261/11/TGI/NYBE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe ku wa 16/03/2012 rwanze ugusubirishamo ingingo nshya urubanza RCA0275/05/TP/GIRO-RCA2880/7/04 rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe ku wa 05/05/2005, ruhindutse mu ngingo zarwo zose, rwemeza ko iburanisha rizakomeza ku munsi ababuranyi bazamenyeshwa haburanwa ku bijyanye n'akarengane kagaragara mu manza RC135/3 n'Urukiko rwa Kanto ya Nyaruguru ku wa 11/03/2004, n'urubanza RCA0275/05/TP/GIRO - RCA2880/7/04 rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe ku wa 05/05/2005.
- [16] Iburanisha ry'urubanza ryongeye gusubukurwa ku wa 24/07/2018, ribera mu ruhame hitabye Mukarwego Josepha anahagarariye abavandimwe be Mukamana Donatha na Nyirabutoragurwa Médiatrice yunganiwe na Me Kayirangwa

Marie Grâce, Ngiriyabandi André nawe yitabye yunganiwe na Me Sindayigaya Abson.

[17] Me Kayirangwa Marie Grâce uburanira Mukarwego Josepha na bagenzi be, akaba anavuga ko Ngiriyabandi André atagombaga kuregera isambu yamaze kuburanwa kuko urubanza rwamaze kuba itegeko, ko kuba Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe rwarirengagije inyandukuro y'urubanza, ari akarengane kuko rwirengagije ko nyuma ya Jenoside inyandiko nyinshi zabuze, Me Sindayigaya Abson we avuga ko, kuba ikimenyetso gishya cyarakiriwe igisigaye ari ukumeya ishingiro ryacyo bihujwe n'amategeko.

II. IKIBAZO KIRI MU RUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

Kumenya niba isambu yaburanywe mu rubanza RCA0275/05/TP/GIRO - RCA2880/7/04 rwaciwe ku wa 05/05/2005 yari yaraburanyweho mbere urubanza rukaba rwarabaye itegeko.

[18] Me Kayirangwa Marie Grâce uburanira Mukarwego Josepha uyu akaba ahagarariye abavandimwe be Mukamana Donatha na Nyirabutoragurwa Médiatrice, avuga ko isambu Ngiriyabandi André yaregeye mu Rukiko rw'icyahoze ari Kanto ya Nyaruguru, yari yarayiburanye na Nyiringango Faustin arayitsindirwa, ayijuririra mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, nabwo aratsindwa mu rubanza RCA5799/13 rwaciwe ku wa 27/07/1983, ariko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, arongera ajya kuyiregera mu Rukiko rwa Kanto ya Nyaruguru, no mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe kubera ko yari azi ko impapuro zose zabuze.

- [19] Avuga ko ashimangira ko impine y'icyemezo cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe mu rubanza RCA5799/13 rwaciwe ku wa 27/07/1983 yagaragaye mu bitabo by'Urukiko, ikwiye guhabwa agaciro Urukiko rukemeza ko isambu iburanwa yafashweho icyemezo mu rubanza rwabaye ntakuka rwaburanwe hagati ya Nyiringango Faustin na Ngiriyabandi André, ko rero itagombye kongera kugarurwa mu nkiko, naho Mukarwego Donatha uhagarariye abavandimwe be Mukamana Donatha na Nyirabutoragurwa Médiatrice, avuga ko asaba kurenganurwa.
- [20] Ngiriyabandi André uregwa avuga ko inyandiko bavuga ko zabuze atari byo, kuko atigeze aburana na Nyiringango Faustin, ahubwo yaburanye na Ruboneza wari warayimwambuye ari umusirikare, ko isambu ari iya Se wabo atari kuyiburana na Nyiringango Faustin kandi ntacyo bapfana, ko rero atagomba kurengana hagendewe ku nyandiko ihinnye yatanzwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe mu buryo atazi.
- [21] Me Sindayigaya Abson wunganira Ngiriyabandi avuga ko urubanza ruburanwa rushingiye ku nyandiko mpine yatanzwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe Urukiko rw'Ikirenga rwamaze kwemeza ko ikwiye kwakirwa mu rubanza rubanziriza urundi, ko kuri we asanga igisigaye ari ugusuzuma iyo nyandiko igahuzwa n'amategeko hakarebwa ishingiro ryayo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[22] Ingingo ya 81,2° y'Itegeko-Ngenga N°03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iteganya ko: "Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rushobora gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane kubera impamvu zikurikira: (...) Iyo mu icibwa

ry'urubanza hirengagijwe amategeko n'ibimenyetso bigaragarira buri wese".

- [23] Ingingo ya 14 y'Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko "Urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma ntirushobora kongera kuburanishwa bundi bushya ku mpamvu zimwe no ku kiburanwa kimwe hagati y'ababuranyi bamwe baburana ikirego kimwe".
- [24] Ingingo ya 3 y'Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, iteganya ko "Buri muburanyi agomba kugaragaza ibimenyetso bw'ibyo aburana".
- Ku bijyanye n'uru rubanza, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga inyandukuro ihinnye y'urubanza yatanzwe na Mukarwego Josepha mu rubanza RCA0261/11/TGI/NYBE, igaragaza ko Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro rwakijije mu bujurire urubanza RCA5799/13 ku wa 27/07/1983 haburana Nyiringango Faustin na Ngiriyabandi André, ikiburanwa ari isambu, urwo Rukiko rukaba rwaremeje ko Ngiriyabandi André atsinzwe, ko hatsinze Gumiriza uburanira Nyiringango Faustin, Ngiriyabandi André ategekwa gutanga amafaranga atandukanye harimo amagarama, indishyi n'umusogongero wa Leta, iyo nyandiko ihinnye ikaba varatanzwe n'Umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuve Nyamagabe ku wa 20/10/2011, abyandukuye mu gitabo cya 13 cy'ibirego.
- [26] Urukiko rurasanga iyi nyandukuro ihinnye, igaragaza nta gushidikanya ko habayeho urubanza rw'isambu hagati ya Nyiringango Faustin na Ngiriyabandi André nk'uko Mukarwego

Josepha n'abavandimwe be babivugaga, kikaba ari ikimenyetso gihamya ko aba baburanyi bombi bigeze kuburana isambu mbere mu Rukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, hagacibwa urubanza RCA5799/13 ku wa 27/07/1983, bityo hakaba nta rundi rubanza rwagombaga gucibwa kuri iyo sambu hashingiwe ku ihame ry'ubudahangarwa bw'urubanza rwabaye ndakuka, nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 14 y'Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ryavuzwe haruguru.

[27] Urukiko rurasanga kandi, kuba haratanzwe inyandiko ihinnye mu mwanya w'urubanza, ari uko urubanza ubwarwo rutashoboraga kuboneka nk'uko Urukiko rw'Ikirenga rwabyiboneye mu iperereza ryo ku wa 02/03/2018 aho Umwanditsi Mukuru w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe yemeje ko nta nyandiko y'incarubanza ishobora kuboneka, uretse igitabo N°13 cyabonetse ari naho yandukuye icyemezo cyafashwe mu rubanza RCA5799/13, ariko akemeza ko urubanza rwose rudashobora kuboneka¹, kubera ko imanza n'ibitabo bimwe bya mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 byabuze, ibyo kandi bikaba ari nabyo byari byemejwe muri iryo perereza n'Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ibanze rwa Kibeho rwimuriwemo imanza n'ibitabo byose byahoze ari iby'Urukiko rwa Kanto ya Nyaruguru nyuma y'ivugurura ry'ubucamanza.

 $^{^{\}rm 1}$ Reba inyandikomvugo y'iperereza yakozwe ku wa 02/03/2018 ku rupapuro rwa 2 kugeza ku rwa 3 mu nyandiko zigize urubanza.

[28] Urukiko rurasanga ibivugwa n'uburanira Ngiriyabandi André ko iyi nyandiko ihinnye atari urubanza kuko itagaragaza nyir'isambu, nta shingiro bifite kuko n'ubwo atari incarubanza, ariko ni ikimenyetso kidashidikanywaho ko habaye urubanza hagati y'aba baburanyi bombi cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha ndetse cyerekana icyemezo cyarufashwemo, iyo nyandiko ihinnnye kandi, ikaba ifite agaciro kayo, kuko ari imwe mu nyandiko zari ziteganyijwe mu zitangwa n'Urukiko nk'uko Iteka rya minisitiri N°002 ryo ku wa 06/01/2005 rigena amagarama v'urukiko mu manza z'imbonezamubano. iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ryayishyiraga mu nyandiko zitangwa n'Umwanditsi w'Urukiko mu ngingo yaryo ya 2 agace kayo ka 6², iyo nyandiko kandi ikaba inateganyijwe mu ngingo ya 360 y'Itegeko N°18/2004 ryo ku wa 20/6/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ryakoreshwaga igihe iyo nyandiko ihinnye yatangwaga, aho iyi ngingo ivuga ko iyo nyandiko ishobora gutangwa nko mu gihe Perezida w'Urukiko asanze uyisaba ari umutindi udashobora kubona amafaranga yo kuvigura³.

_

² Igiciro cy'amafaranga y'u Rwanda yakwa ku nyandiko z'ibyakozwe mu mihango y'urubanza mu byerekeye ikirego mbonezamubano, icy'ubucuruzi, icy'umurimo n'icy'ubutegetsi, agenwe ku buryo bukurikira:

[.] Inyandiko iriho itegeko mpuruza, imyandukuro irambuye, ingingo z'ingenzi z'urubanza (extrait du jugement) cyangwa inyandukuro y'indi nyandiko iyo ariyo yose ikozwe n'umwanditsi w'urukiko :

⁻ Impapuro ebyiri za mbere

⁻ Buri rupapuro rwiyongereyeho

³ Igihe Perezida w'urukiko rwaciye urubanza asanze umuburanyi ari umutindi nyakujya, ategeka ko bamuha matolewo, inyandiko ihinnye y'urubanza cyangwa kopi y'urubanza atishyuye. Munsi y'urwo rupapuro rutanzwe, bandikaho ko rutangiwe ubuntu.

[29] Rurasanga kuba Ngiriyabandi André avuga ko inyandiko ihinnye itagaragaza niba isambu yaburanywe muri urwo rubanza RCA5799/13, ari navo iburanwa mu rubanza RC135/3 rwaciwe Kanto Nyaruguru n'urubanza n'Urukiko ya RCA0275/05/TP/GIRO- RCA2880/7/04 rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe, nta shingiro bifite kubera ko atagaragaza ibimenyetso by'uko iyo sambu itandukanye n'iyaburanywe mu rubanza RCA5799/13 mu gihe urwo rubanza rugaragaza ko icyaburanywe ari isambu kandi iburanwa hagati ya Nyiringango Faustin na Ngiriyabandi André, bityo akaba atsindwa no kubura ibimenyetso by'ibyo aburanisha nk'uko ingingo ya 3 y'Itegeko ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, yavuzwe haruguru ibiteganya.

[30] Urukiko rurasanga rero, kuba Urukiko rw'icyahoze ari Kanto ya Nyaruguru n'Urukiko rw'icyahoze ari Intara ya Gikongoro zaraciye urubanza ku isambu yari yaramaze gufatwaho icyemezo mu rubanza rwabaye ntakuka, ari ikosa izo nkiko zakoze, ingaruka zikaba ari uko izo manza zikwiye gukurwaho. Ibyo kandi bikaba ari nabyo bivugwa mu nyandiko y'umuhanga mu mategeko Serge Guinchard mu gitabo cyitwa Droit et Pratique de la Procédure Civile ku rupapuro rwa 1225, igika cya 3⁴, aho asobanura ko imwe mu ngaruka zishoboka mu gihe haciwe urubanza ku kintu hirengagijwe ko cyari cyarafashweho icyemezo mu rubanza rwabaye ndakuka, ari uko urwo rubanza ruciwe rukurwaho

⁴Le prononcé d'un jugement auquel est conferée l'autorité de la chose jugée entraîne deux séries d'effets : d'une part, le juge est dessaisi et ne peut plus revenir sur sa décision, d'autre part, s'il arrive qu'un autre juge rende une décision méconnaissant la chose précédemment jugée, une sanction pourrait être prononcée tendant à l'annulation de cette decision

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [31] Rwemeje ko ikirego gisaba gusubirishamo urubanza RCA0261/11/TGI/NYBE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe ku wa 16/03/2012 ku mpamvu z'akarengane, gifite ishingiro;
- [32] Rwemeje ko urubanza RC135/3 rwaciwe n'Urukiko rw'icyahoze ari Kanto ya Nyaruguru ku wa 11/03/2004, n'urubanza RCA0275/05/TP/GIRO- RCA2880/7/04 rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyamagabe ku wa 05/05/2005, zikuweho;
- [33] Rwemeje ko hagumaho imikirize y'urubanza RCA5799/13 rwaciwe n'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro ku wa 27/07/1983.

IMANZA Z'UBUCURUZI

ARLCOM Ltd N'UNDIV. ECOBANK RWANDA Ltd

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMAA0020/15/CS (Mukamulisa, P.J., Hitiyaremye na Karimunda, J.) 21 Gicurasi 2018]

Amategeko agenga Amasezerano – Amasezerano y'inguzanyo – Inyungu – Inyungu zisanzwe n'iz'ubukererwe – Mu gihe uwahawe inguzanyo atabashije kwishyura kandi yaratanze ingwate yishingira inguzanyo, inyungu zisanzwe n'iz'ubukererwe ntizikwiye gukomeza kubarwa.

Incamake y'ikibazo: Sosiyete Arlcom Ltd yahawe inguzanyo na Ecobank Rwanda Ltd, iyo nguzanyo yishingirwa n'Uwamahoro ari nawe muyobozi wayo maze anatanga ingwate, Uwo mwenda ukaba waravuguruwe inshuro eshatu (restructuration). Nyuma yaho, sosiyete ntiyabasha kwishyura iyo nguzanyo, maze Ecobank Rwanda Ltd isesa amasezerano y'inguzanyo (denonciation de credit), bityo irega iyi sosiyete hamwe n'umwishingizi wayo mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge isaba kwishyurwa umwenda bayibereyemo, inyungu zisanzwe n'iz'ubukererwe ndetse n'amafaranga y'ikurikiranarubanza. Urukiko rwemeza ko ikirego gifite ishingiro, maze rutegeka abarezwe kwishyura umwenda n'indishyi.

Iyi Sosiyete Arlcom Ltd n'umwishingizi wayo, bajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, rwemeza ko ubwo bujurire nta shingiro bufite, rwemeza kandi ko imikirize y'urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge idahindutse uretse ku bijyanye n'ingano y'umwenda, rutegeka Arlcom Ltd

n'umwishingizi wayo gufatanya kwishyura Ecobank Rwanda Ltd umwenda bayibereyemo, amafaranga yishyuwe inzobere mu ibaruramari (expert), hamwe n'amagarama y'urubanza.

Barongeye bajuririra Urukiko rw'Ikirenga bavuga ko Uwamahoro atagombaga kuregwa hamwe na sosiyete kuko ntaho ahuriye n'umwenda yishyuzwa usibye kuba yaratanze ingwate kandi atarigeze awutambamira.

Ecobank yisobanura ivuga ko impamvu Uwamahoro asabwa gufatanya na Arlcom Ltd kwishyura ari uko yasinye inyandiko ebyiri zigaragaza ko yemeye umwenda, imwe yitwa "joint guarantee" ivuga ko sosiyete nitishyura, azagurisha ingwate akishyura, indi yitwa "attestation de consentement" ivuga ko niba sosiyete inaniwe kwishyura azishyura nk'umwishingizi wayo.

Kubirebana no kumenya ingano y'umwenda n'inyungu uwahawe inguzanyo agomba kwishyura , Uwamahoro avuga ko atemeye ibyagaragaye muri raporo y'umuhanga washyizweho n'urukiko kuko asanga ifite inenge nyinshi kubirebana n'amavugururwa y'imyenda yagiye akorwa kandi ko ku wa 24/10/2012 banki yandikiye sosiyete isesa amasezerano ibimenyesha RDB, bivuze ko yari itangiye imihango yo guteza cyamunara ariko nyamara ntiyabikomeza, ibyo byayigizeho ingaruka kuko banki yari kwishyurwa amafaranga make ugereranyije nayo banki imwishyuza ubu

Ku mwenda nyirizina yishyuza, banki ivuga ko imyenda yatanze yavuguruwe inshuro eshatu yumvikanyeho n'impande zombi, kuburyo umwenda wa nyuma wavuguruwe ku itariki ya 14/06/2012 uhwanye na 611.893.224Frw, ariko ukaba warakomeje kubyara inyungu zisanzwe n'iz'ubukererwe kugeza ubu.

Incamake y'icyemezo: 1. Mu gihe uwahawe inguzanyo atabashije kwishyura kandi yaratanze ingwate yishingira inguzanyo, inyungu zisanzwe n'iz'ubukererwe ntizikwiye gukomeza kubarwa kuko ingwate yashoboraga kugurishwa umwenda ukishyurwa.

Ubujurire bufite ishingiro kuri bimwe. Ubujurire bwuririye kubundi bufite ishingiro kuri bimwe. Amagarama yatanzwe n'abajuriye ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko-Teka ryo ku wa 30/07/1888 ryerekeye amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 33 iya 552 n'iva 560.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

LIMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, Ecobank Rwanda Ltd, irega Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd, isaba ko Urukiko rwabategeka kwishyura umwenda bayibereyemo n'inyungu zawo ndetse n'amafaranga y'ikurikiranarubanza.
- Urwo Rukiko rwaciye urubanza RCO0164/13/TC/NYGE rwemeza ko ikirego cya Ecobank Rwanda Ltd gifite ishingiro,

rutegeka abarezwe kwishyura umwenda n'indishyi z'ikurikiranarubanza.

- [3] Arlcom Ltd na Uwamahoro Florent de la Paix ntibishimiye iyi mikirize y'urubanza, bajuririra Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ruca urubanza RCOMA0213/14/HCC, rwemeza ko ubwo bujurire nta shingiro bufite, ko imikirize y'urubanza RCOM0164/13/TC/Nyge, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge idahindutse uretse ku bijyanye n'ingano y'umwenda. Rwategetse Arlcom Ltd na Uwamahoro Florent de la Paix gufatanya kwishyura Ecobank Rwanda Ltd umwenda bayibereyemo ungana na 786.356.789Frw, kuyishyura amafaranga yishyuwe inzobere mu ibaruramari (expert) angana na 2.600.000Frw, no kwishyura amagarama y'urubanza.
- [4] Arlcom Ltd na Uwamahoro Florent de la Paix bajuririye Urukiko rw'Ikirenga, barusaba kwemeza ko Ecobank Rwanda Ltd nta bubasha n'inyungu yari ifite byo kurega Uwamahoro Florent de la Paix hamwe na Arlcom Ltd kubera ko uruhare rwa Uwamahoro ari uko gusa yatanze ingwate yishingira umwenda. Banenze kandi Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi kuba rwarashingiye kuri expertise nyamara yari irimo ibintu bidasobanutse.
- [5] Uru rubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 24/11/2015, uwo munsi Ecobank Rwanda Ltd itanga inzitizi yo kutakira ikirego cy'ubujurire cyatanzwe na Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd ivuga ko abajuriye batsinzwe ku mpamvu zimwe mu Nkiko zombi zibanza. Ku wa 21/01/2016, Urukiko rwaciye urubanza rubanziriza urundi, rwemeza ko inzitizi yatanzwe na Ecobank Rwanda Ltd nta shingiro ifite, rutegeka ko iburanisha rizakomeza ku wa 03/05/2016, ariko rigenda risubikwa kenshi bitewe cyane cyane n'uko Uwamahoro

Florent de la Paix yari hanze y'Igihugu kandi yarasabye kuba mu rubanza rwe kubera ko hari byinshi aruziho, Avoka we akaba yari afite ububasha bwo kumwunganira gusa.

- Iburanisha rya nyuma ryabaye ku itariki ya 13/06/2017, [6] Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd bahagarariwe na Me Kazeneza Théophile, Ecobank Rwanda Ltd iburanirwa na Me Kayigirwa Télesphore, nyuma y'iburanisha Urukiko ruvuga ko ruzafata icyemezo ku wa 21/07/2017, ariko mbere v'uko ruca urubanza, rwakira ibaruwa ya Uwamahoro Florent de la Paix watanze inzitizi yo kwigarika Me Nkurunziza Francois Xavier wari usanzwe amwunganira akanahagararira Arlcom Ltd. Byatumye iburanisha ryimurirwa ku wa 31/10/2017, kugira ngo Uwamahoro Florent de la Paix abanze ashyikirize Urukiko umwanzuro ukubiyemo ikirego cye cy'ubwigarike, nabwo ntirwaburanishwa kuko bisabwe na Me Kazeneza Théophile, hategerejwe umwanzuro wa Komisiyo y'imyitwarire y'Urugaga rw'Abavoka ku kibazo cy'ubwigarike bwa Me Nkurunziza François Xavier, urubanza ku nzitizi vavuzwe ruburanishwa kuwa 12/12/2017
- [7] Ku wa 12/01/2018, Urukiko rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Uwamahoro Florent de la Paix cyo kwigarika Me Nkurunziza François Xavier gifite ishingiro, ko Me Nkurunziza Francois Xavier agomba kumwishyura 500.000Frw y'igihembo cy'Avoka, rutegeka ko iburanisha ry'urubanza mu mizi rizapfundurwa ku wa 27/03/2018. Uwo munsi iburanisha ryabaye hari Me Habinshuti Yves wunganira Uwamahoro Florent de la Paix anahagarariye Arlcom Ltd, naho Ecobank Rwanda Ltd iburanirwa na Me Nkundabarashi Moïse afatanyije na Me Kayigirwa Télésphore.

II. IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

Kumenya niba Uwamahoro Florent de la paix atagomba kuregwa hamwe na Arlcom Ltd mu rubanza

- [8] Uwamahoro Florent de la Paix avuga ko Ecobank yagombye kugaragaza amasezerano y'umwenda yihariye yagiranye nayo kuko we atabona aho ahuriye n'umwenda wishyuzwa usibye kuba yaratanze ingwate kandi akaba atarigeze ayitambamira mu gikorwa cyo kuyigurisha. Anavuga ko mu mwanzuro wakozwe na Avoka wa Ecobank Rwanda Ltd irega ubwo yasabaga ko ikirego cyakirwa, yasabye Uwamahoro Florent de la Paix kuyishyura miliyoni 657, no kumutegeka kwishyura amafaranga y'ikurikiranarubanza, ariko mu gufata icyemezo, Urukiko rutegeka ko Uwamahoro Florent de la Paix afatanya na Arlcom Ltd kandi rutarabisabwe.
- Me Habinshuti Yves avuga ko Uwamahoro Florent de la [9] Paix yatije ingwate Arlcom Ltd, akaba yumva nta kindi akwiye kuryozwa, kuko Ecobank Rwanda Ltd itagaragaza ibimenyetso by'uko yemeye ko yafatanya na Arlcom Ltd kwishyura, ari yo mpamvu akwiye kuvanwa mu rubanza, cyane cyane ko Ecobank Rwanda Ltd mu kurega Uwamahoro Florent de la Paix itagaragaza amakosa yakoze mu kuba Arlcom Ltd itarubahirije amasezerano yagiranye na banki. Anavuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwategetse ko Uwamahoro Florent de la Paix afatanya Arlcom Ltd kwishvura Ecobank, na ntirwagaragaza amafaranga buri wese agomba kwishyura.
- [10] Me Nkundabarashi Moïse uburanira Ecobank asubiza ko impamvu ituma Uwamahoro asabwa gufatanya na Arlcom Ltd kuyishyura, ari uko yasinye inyandiko yitwa "joint guarantee"

yo ku wa 14/12/2009 aho yemeye kwishingira Arlcom Ltd, anasinya "attestation de consentement" ku wa 31/02/2009 nanone yemera umwenda.

- [11] Akomeza avuga ko inyandiko ya mbere ivuga ko Arlcom Ltd nitishyura, Uwamahoro Florent de la Paix azagurisha ingwate akishyura, naho inyandiko ya kabiri yo ikavuga ko Arlcom Ltd nitishyura, Uwamahoro Florent de la Paix azishyura. Akomeza avuga ko indi mpamvu ituma Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd baregwa hamwe, ari uko hari amasezerano y'inguzanyo yakozwe hagati ya Arlcom Ltd na Ecobank Rwanda Ltd yo ku wa 14/06/2012 akaba ari *restructuration* yakozwe ku myenda Arlcom Ltd na Uwamahoro Florent de la Paix bari barahawe, iyo myenda ikaba ifite agaciro ka 611.893.224Frw, ko rero atumva uburyo Uwamahoro avuga ubu ko ntaho ahuriye n'umwenda Ecobank Rwanda Ltd yishyuza.
- [12] Ku bijyanye na "Joint Guarantee" hamwe na "attestation de consentement" zavuzwe haruguru na Ecobank, Uwamahoro Florent de la Paix avuga ko yazisinye, ko ariko urebye ibizikubiyemo, atari we wari ushinzwe kugurisha ingwate kuko izo nshingano zari iza Ecobank, ko ndetse itagombaga kubanza kumusaba uruhushya rwo kugurisha ingwate.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[13] Ingingo ya 552 y'Igitabo cya III cy'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano, iteganya ko"Umuntu wiyemeje kwishingira undi asabwa gusa kubahiriza ibyo yishingiye, iyo uwo yishingiye atubahirije inshingano ze"; naho iya 560 igateganya ko "Umuntu wiyemeje kwishingira undi umwenda we asabwa kwishyura uberewemo umwenda iyo gusa

ugomba kwishyura uwo mwenda wishingiwe atawishyuye, habanje gukoreshwa umutungo we, keretse iyo uwishingiye yerekanye ko azishyura hatabaye izindi mpaka, cyangwa akaba yariyemeje gufatanya kwishyura na nyirumwenda batabatandukanije. Icyo gihe hakurikizwa amahame ajyanye n'imyenda abantu biyemeza kwishyura bafatanije».

- [14] Ingingo ya 33 y'Igitabo cya III cy'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano iteganya ko "Amasezerano akozwe ku buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayagiranye. Ashobora guseswa ari uko babyumvikanyeho cyangwa ku mpamvu zemewe n'amategeko".
- [15] Ku bijyanye n'uru rubanza, dosiye igaragaza ko kuva mu mwaka wa 2009, Arlcom yagiye ihabwa na Ecobank Rwanda Ltd imyenda itandukanye, nyuma hasinywa amasezerano atatu avugurura iyo myenda "restructuring", akaba yarasinywe ku ruhande rumwe na Ecobank Rwanda Ltd n'umuyobozi wayo, ku rundi ruhande hasinya Uwamahoro Florent de la Paix nka "Managing Director" wa Arlcom Ltd. Nanone muri ayo masezerano, mu gice cyiswe "security/Support", kuri Nº 6, Uwamahoro yongeye kwemera ko abaye umwishingizi ku giti cye w'umwenda wafashwe cyangwa igihombo cyawuturukaho ("Renewal of the Personal Guarantee of promotor Mr Uwamahoro Florent de la Paix with Ecobank listed as loss payee").
- [16] Ikindi kiboneka muri dosiye ni inyandiko yiswe "Convention d'ouverture de crédit avec constitution d'hypothèque" yo ku wa 10/12/2009, yasinywe ku ruhande rumwe na Ecobank, ku rundi ruhande hasinya Uwamahoro Florent de la Paix, nk'umukiriya ukorera imirimo y'ubucuruzi ku

izina rya "Arlcom"11. Muri dosiye harimo kandi "acte notarié" yo ku wa 10/12/2009 yasinywe hagati ya Ecobank Rwanda Ltd na Uwamahoro Florent de la Paix, umugore we witwa Uwamahoro Amina Arlette nawe ayasinya nk'umutangabuhamya, bikaba biboneka ko iyo nyandiko ijyanye n'umwenda uburanwa muri uru rubanza

- [17] Byongeye kandi, Urukiko rurasanga kuba mu nyandiko zitandukanye ziri muri dosiye Ecobank Rwanda yarandikiranaga na Uwamahoro Florent de la Paix, kuva habaye amasezerano yose avugurura umwenda iyo banki yagiranye na Arlcom Ltd, kandi buri gihe iyi ikaba yari ihagarariwe n'Umuyobozi wayo (Managing Director) ari we Uwamahoro Florent de la Paix, bisobanuye ko, mu gihe iyo sosiyete idashoboye kwishyura umwenda wishyuzwa na Ecobank Rwanda Ltd kuko ariyo yawufashe, ugomba kwishyurwa na Uwamahoro Florent de la Paix nk'umwishingizi wayo.
- Nanone mu gihe cy'iburanisha, Uwamahoro Florent de la [18] Paix yemeye ko yanasinye inyandiko zitwa "joint guarantee" na "Acte de consentement" kandi zose zinyajye n'umwenda Ecobank Rwanda Ltd yahaye Arlcom Ltd , aho yemeye ko nutishyurwa azawishyura.
- [19] Nyuma y'ibisobanuro byatanzwe haruguru, Urukiko rusanga ibivugwa na Uwamahoro Florent de la Paix ko Ecobank Rwanda Ltd itagombaga kumukurikirana hamwe na Arlcom Ltd nta shingiro bifite, mu gihe umwenda wahawe iyo sosiyete waba utarishyuwe kandi yarawishingiye.

¹ Uwamahoro Florent de la Paix "opérant ses activités commerciales sous le nom de "Arlcom", ci-après dénommé "Le Client".

Kumenya ingano y'umwenda n'inyungu zawo Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd bagomba kwishyura Ecobank Rwanda Ltd.

- [20] Uwamahoro Florent de la Paix avuga ko umuhanga washyizweho n'Urukiko, nk'uko biboneka ku rupapuro rwa 45 rwa raporo ye, yasanze muri restructuration ya mbere yakozwe harimo amakosa kuko nta bisobanuro by'umwenda Ecobank Rwanda Ltd yatanze, bigaragaza ko n'izindi restructurations zakukiriye zari zipfuye kuko zashingiye kuri iyo ya mbere yarimo amakosa
- Anavuga ariko ko uwo muhanga anenga kuba umwenda wishyuzwa yarerekanye ko ungana na 408.000.000Frw, kandi wari ukwiye kuba 248.000.000Frw, ko kandi "expertise" irimo n'izindi nenge zirimo kuba umuhanga yarasanze "lettre de crédit" na "ligne de crédit" Ecobank Rwanda Ltd yarabifashe nk'umwenda nyamara ntiyerekana ingaruka byagize. Yongeraho ko kuba imibare Ecobank Rwanda Ltd igenda itanga ipfuye, byagize icyo bimuvutsa ariko Urukiko Rukuru ntirwabisuzuma ngo rumurenganure. Anasanga kuba yarashyize umukono kuri restructuration bidahagije mu kwanzura ko yemera umwenda Ecobank Rwanda Ltd ivuga ko yamuhaye, cyane cyane ko amasezerano asinywa hagati ya banki n'umukiliya wayo aba yateguwe niyo banki (contrat d'adhésion), asaba Urukiko kuzabyitaho rukamurenganura.
- [22] Uwamahoro Florent de la Paix avuga nanone ko muri raporo ye, umuhanga yakoze *tableau* agaragaza ko hagomba kubaho isuzumwa ry'umukono w'uhagarariye Arlcom Ltd, kugira ngo byemerwe ko *opérations* zakozwe kuri konti yayo ari izayo koko, ko muri urwo rwego, kuri *opérations* 252 zabaye, nta sinyatire ya Arlcom iriho, nyamara ibyo Urukiko ntirwabiha

agaciro. Asanga ibisobanuro byatanzwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bidahwitse, ari nayo mpamvu asaba ko hashyirwaho undi muhanga, hagakorwa *contre expertise* kugira ngo imibare nyayo igaragare. Anavuga ko kuba Ecobank Rwanda Ltd yaragiye yanga gutanga *historique* ari uko hari ibyo yashakaga guhisha, asaba Urukiko kuzabishingiraho rwemeza ko itsinzwe. Anavuga ko umwenda yemera ungana na 284 093 675Frw

- [23] Akomeza avuga ko ku wa 24/10/2012 Ecobank Rwanda Ltd yandikiye Arlcom Ltd isesa amasezerano, ibimenyesha RDB, bivuze ko iyo banki yari yatangiye imihango yo guteza cyamunara ibinyujije kuri RDB, nyamara ko itabikomeje ngo iteze cyamunara y'ingwate yahawe kandi ntacyabiyibuzaga, ibyo bikaba byarabagizeho ingaruka z'uko icyo gihe banki yari kwishyurwa gusa miliyoni 657 nk'uko yayishyuzaga mbere, ariko uyu munsi ikaba ivuga ko umwenda igomba kwishyurwa urenga miliyari.
- [24] Uwamahoro Florent de la Paix na Me Habinshuti Yves bavuga kandi ko hari amafaranga 500.000Frw Ecobank yakuye kuri konti ya Arlcom Ltd ku wa 02/06/2011 ariko ntiyayatangira ibisobanuro, ko hari n'andi mafaranga *Sotra Tour & Travel Agency* yishyuye Arlcom Ltd ikoresheje sheki ebyiri (imwe ifite N°36855080 ya 9.552.043 Frw yo ku wa 28/04/2011 n'indi ifite N°36855081 ifite agaciro ka 6.102.882 Frw) akaba yaragombaga kujya kuri konti ya Arlcom Ltd muri Ecobank Rwanda Ltd, nyamara iyo banki ikiyishyura ayo mafaranga ikereweho imisi 45, kandi yari gutuma umwenda ugabanuka, Ecobank Rwanda Ltd ikaba itagaragaza impamvu yatumye ikererwa kwiyishyura. Anenga kandi umuhanga kuba ataragaragaje igihombo yatejwe n'ubwo bukererwe ngo anakore ihwanyamyenda.

- [25] Me Habinshuti Yves avuga ko Arlcom Ltd na Uwamahoro Florent de la Paix bagerageje kwandikira Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi bamugaragariza inenge nyinshi ziri muri raporo y'umuhanga, muri zo hakaba hari izo urwo Rukiko rwemeye ariko ntirwategeka ko iyo raporo ivanwaho hagakorwa indi. Atanga ingero avuga ko umuhanga verekanye ko mu gukora restructurations, Ecobank Rwanda Ltd yagiye ihindura ikigero cy'inyungu (taux d'intérêt) inyuranyije n'ibyo bemeranyijwe mu masezerano, kuko nko ku rupapuro rwa rwa raporo ye yerekanye ko ikigero cy'inyungu zumvikanyweho mu kuvugurura umwenda wa 408.000.000Frw Ecobank Rwanda Ltd yakoresheje ikingana na 16,49% aho gukoresha 16%, ku rupapuro rwa 52 yerekana ko ku mwenda uvuguruwe wa 611.893.294, biboneka ko Ecobank Rwanda Ltd yakoresheje ikigero cy'inyungu kingana na 16,02% aho gukoresha icyumvikanyweho cya 15%. Avuga ko iyo izo nenge zose Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ruziha agaciro, byari gutuma umwenda ugabanuka, ariko rukaba rwarabyirengagije.
- [26] Anavuga ko umuhanga yagaragaje ku rupapuro rwa 49 ko Ecobank Rwanda Ltd yabaze nabi umwenda iberewemo ubwo yakoraga restructuration ya 559.279.335Frw aho kuba 493.852.705 Frw, ko kandi nta bisobanuro iyo banki yatanze, ndetse ko no kuri restructuration ya 611.893.224 Frw ivugwa ku rupapuro rwa 51 rwa raporo, umuhanga yerekanye ko umwenda wari kuba ari 504.809.709Frw, nyamara ko aya makosa yose nayo ntacyo Urukiko rwayavuzeho.
- [27] Me Habinshuti Yves akomeza avuga ko Urukiko rwatanze ibisobanuro bidahwitse, aho garanties bancaires zahindutse umwenda ubyara inyungu kandi ibyo bitabaho, dore ko n'umuhanga Urukiko rwashyizeho yasobanuye ko bene izo

ngwate ari engagement par signature, ko atari inguzanyo banki iba yahaye umukiriya. Anenga n'umuhanga kuba yaragaragaje ikibazo gusa ariko ntiyigere avuga ingaruka zacyo, n'Urukiko rukaba rutarasuzumye ibibazo uwo muhanga yagaragaje ngo rubihe agaciro, ahubwo rukemeza ko izo nenge zidashingiye ku masezerano cyangwa amahame y'inguzanyo, aho kwemeza ko amafaranga n'inyungu zayo byabazwe nabi bigomba gukurwa mu myenda.

- [28] Yongeraho ko umuhanga yasanze hari ama sheki yakuwe kuri konti ya Arlcom Ltd ku mibare itariyo nk'uko biboneka ku rupapuro rwa 34 rwa raporo, kuko aho gukuraho 17.324.152Frw, Ecobank Rwanda Ltd yakuyeho 173.224.152Frw ariko ntiyagira icyo abikoraho.
- [29] Me Nkundabarashi Moïse uhagarariye Ecobank Rwanda Ltd yabanje gusubiza ku kinyuranyo cy'imibare ya 17.324.152Frw, na 173.224.152Frw kivugwa n'abo baburana, avuga ko biboneka ko ari amakosa yabaye mu gihe cyo kwandika, ko ariko umuhanga yagaragaje ku rupapuro rwa 34 rwa raporo ye ko byakosowe. Anavuga ko asanga ari byiza ko ubu Uwamahoro Florent de Paix noneho yemera ko hari umwenda abereyemo Ecobank Rwanda Ltd kubera ko mbere yavugaga ko ntawo.
- [30] Ku bijyanye n'umwenda nyirizina Ecobank Rwanda Ltd yishyuza, avuga ko imyenda iyo banki yatanze yavuguruwe inshuro eshatu byumvikanyweho n'impande zose, ku buryo umwenda wa nyuma wavuguruwe ari uwo ku itariki ya 14/06/2012, ukaba uhwanye na 611.893.224Frw, ariko ukaba warakomeje kubyara inyungu zisanzwe n'iz'ubukererwe kugeza ubu.

- [31] Avuga ko ikibazo cyo gukoresha ikigero cy'inyungu "taux d'intérêt" kitari cyo Ecobank Rwanda Ltd ibona kitagombye kubaho, kuko mu masezerano yo kuvugurura umwenda "restructuration" yo ku wa 14/06/2012, bemeranyijwe ko icyo kigero kingana na 15%, banemeranywa ko inyungu zo kutishyura zingana na 2% buri kwezi, kandi ibyo bigero by'inyungu akaba ari byo Ecobank Rwanda Ltd yakoresheje ibara inyungu igomba kwishyurwa kuva muri 2012 kugeza ubu, kuko inyungu zisanzwe zibariye kuri 15% kuva ku itariki ya 14/06/2012 kugeza ku ya 31/08/2015, ni ukuvuga imyaka itatu abiri. zikaba zingana na 374.157.837Frw, n'amezi hakiyongeraho inyungu z'ubukererwe "pénalité" za 2% buri kwezi, zose hamwe zikangana na 242.242.109Frw.
- [32] Avuga rero ko igiteranyo cy'umwenda wose Ecobank Rwanda Ltd yishyuza ubu hamwe n'inyungu zose ari = 611.893.224 Frw + 74.157.837Frw (inyungu zisanzwe) + 224.22.249.109 Frw (pénalité), yose hamwe akaba = 1.283.862.819Frw.
- [33] Me Kayigirwa Télésphore nawe uhagarariye Ecobank Rwanda Ltd avuga ko ku byerekeye 500.000Frw abo baburana bavuga ko yavanywe kuri konti ya Arlcom Ltd nta bisobanuro, icyo abona gishoboka ari uko ayo mafaranga ajyanye na "compte courant" akaba ntaho ahuriye n'umwenda Ecobank Rwanda Ltd yishyuza, ko ndetse sheki zijyanye n'ayo mafaranga zishobora kuba zarabuze kubera ikibazo cy'ububiko bw'inyandiko.
- [34] Anavuga ko sheki 2 za Sotra Tours & Travel Agency zashyizwe kuri konti ya Arlcom Ltd zakereweho iminsi 42, umuhanga yasobanuye ko yeretswe ko igihe izo sheki zatangwaga zitari zizigamiwe, naho ibyo umuhanga yavuze ko Ecobank Rwanda Ltd yanze kumwereka konti ya Sotra Tours &

Travel Agency ngo arebe ko koko izo sheki zatanzwe nta mafaranga ari kuri konti ya nyirazo, ko impamvu Ecobank Rwanda Ltd itamweretse iyo konti ari uko ntaho ihuriye na "expertise" yakorwaga, kuko banki ifite inshingano zo kugirira ibanga konti y'umukiliya (Sotra Tours & Travel Agency) wayo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [35] Urukiko rusanga impande zose zumvikana ko umwenda Ecobank Rwanda Ltd ikurikiranye wavuguruwe inshuro 3, uwavuguruwe bwa nyuma Ecobank ikaba yarawubaze ikerekana ko ungana na 611.893.224Frw, ariko mu bisobanuro umuhanga washyizweho n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi yerekanye ko mu by'ukuri uwo mwenda wagombaga kungana na 610.166.856Frw anabitangira ibisobanuro bikubiye muri raporo ve. Ubwo Ecobank Rwanda Ltd idahakana imibare yakozwe n'uwo muhanga, uwo mubare wemejwe n'umuhanga niwo ugomba guherwaho harebwa ibijyanye n'inyungu iyo banki ibara kuko Uwamahoro na Arlcom Ltd batemera ibarwa ryazo. Ku rundi ruhande nanone, Urukiko rusanga rutahera kuri 284.093.675Frw Uwamahoro Florent de Paix avuga ko ari wo mwenda yemera, kuko atagaragaza aho awushingira.
- Urukiko rusanga ku itariki ya 24/10/2012, Ecobank [36] Rwanda Ltd yarandikiye Arlcom Ltd na Uwamahoro Florent de la Paix ikora "dénonciation du crédit" inasaba kwishyurwa 657.788.007 Frw (ni ukuvuga: 610.166.856 Frw "crédits amortissables" + inyungu za 8.340.713 Frw + inyungu z'ubukererwe: 11.509.852 Frw + Débit en compte courant": 27.270.586 Frw).

[37] Urukiko rushingiye ku masezerano y'umwenda yabaye, iyo banki yari yahawe ingwate ifite agaciro kangana 750.000.000Frw. Nk'uko Uwamahoro Florent de la Paix abiburanisha, ntibyumvikana uburyo nyuma yo gusesa amasezerano y'umwenda ku itariki imaze kuvugwa, hejuru y'umwenda wa 610.166.866Frw uvuguruwe bwa nyuma nk'uko wemejwe n'umuhanga, Ecobank Rwanda Ltd yahisemo gukomeza kubara inyungu zisanzwe n'iz'ubukererwe kandi igahera kuri 611.893.224Frw, aho gushaka uko igurisha ingwate yahawe, cyane cyane ko agaciro kayo gasumba kure amafaranga yishyuzaga icyo gihe. Urukiko rusanga Ecobank Rwanda Ltd igomba kwirengera ingaruka z'iyo mikorere kubera ko kutabyitaho kwaba ari ugutuma uwishyuzwa akomeza kubarirwa inyungu z'ikirenga kandi bikamutera igihombo ku makosa atari aye.

[38] Mu bisobanuro yatanze mbere kandi, umuhanga yagaragaje ku rupapuro rwa 67 rwa raporo ye, ko yabonye ikibazo cy'amafaranga ya sheki 2 zo ku wa 28/4/2011 za Sotra Tours & Travel Agency, imwe ya 9.552.043Frw n'indi ya 6.102.882Frw (zombi zihwanye na 15.654.925Frw) yahawe Ecobank Rwanda Ltd ku itariki ya 4/05/2011 agenewe gushyirwa kuri konti ya Arlcom Ltd, ariko ikayashyiraho ku itariki ya 16/6/2011, nyuma y'iminsi 42. Uwo muhanga anavuga ko mu bisobanuro yahawe na Ecobank Rwanda Ltd, yamubwiye ko kudahita iyashyira kuri konti ya Arlcom Ltd byatewe n'uko izo sheki zari zitazigamiwe, ariko ko iyo banki itamuhaye ikimenyetso cy'ibyo ivuga. Asoza yemeza ko biramutse bigaragaye ko izo mpungenge "réserves" yavuze kuri izo sheki zifite ishingiro, ingano y'umwenda kugeza ku itariki ya 4/05/2011 yahinduka.

- [39] Mu miburanire ya Uwamahoro Florent de la Paix n'umwunganira, nk'uko byasobanuwe, mu byo banenga Ecobank Rwanda Ltd ku bijyanye n'uburyo umwenda yishyuza wabazwe, harimo n'amafaranga avuzwe mu gika kibanziriza iki, kuko bavuga ko iyo iba yarayashyize kuri konti ya Arlcom Ltd ku gihe, yari kugabanya umwenda wishyuzwa. Ecobank Rwanda Ltd ku ruhande rwayo yo yakomeje kuvuga ko bishoboka ko izo sheki zitari zizigamiwe ko ndetse ifite inshingano yo kugira ibanga ku bijyanye na konti z'abakiliya bayo.
- [40] Urukiko rusanga ibyo bisobanuro Ecobank Rwanda Ltd bidakwiye, kuko ku rundi ruhande byagaragaye ko mu mafaranga yishyuza, harimo n'inyungu z'ubukererwe, nyamara nayo yarakerewe gushyira ku gihe amafaranga yavuzwe haruguru kuri konti ya Arlcom Ltd ku buryo byagize ingaruka ku kwiyongera kw'izo nyungu, ayo mafaranga akaba agomba rero kubarirwa inyungu zikavanwa mu z'ubukererwe zagiye zibarwa na Ecobank. Ayo mafaranga akaba abazwe ku buryo bukurikira: 6.102.882 Frw + 9.552.013 Frw= 15.654.925 x 42 x 2 = 9.566.283Frw 360x100
- [41] Nanone kandi, Urukiko rusanga umuhanga yarasobanuye ko hari 500.000Frw Ecobank Rwanda Ltd itagaragaza uburyo yavuye kuri konti ya Arlcom Ltd ku itariki ya 2/06/2011, akavuga ko niba nayo adatangiwe ibisobanuro, azagabanya umwenda wa Arlcom Ltd.
- [42] Urukiko rushingiye kuri ibyo bisobanuro by'umuhanga, no ku mpungenge Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd bagaragaje mu iburanisha, bikanahuzwa n'uko Ecobank Rwanda Ltd itabashije gusobanura ivanwa ry'ayo mafaranga kuri konti ya Arlcom Ltd, rusanga akwiye kuvanwa mu mwenda remezo wishyuzwaga mu ibaruwa yo ku wa 24/10/2012 ya Ecobank

Rwanda Ltd igihe yakoraga "dénonciation du crédit". Ni ukuvuga ko agomba gukurwa ku mwenda remezo wa 610.166.856Frw wabariweho inyungu z'ubukererwe, uwo mwenda ugasigara ari: 610.166.856Frw - 500.000Frw= 609.666.856Frw.

- [43] Ku bijyanye n'andi mafaranga ya "garantie bancaire" Uwamahoro Florent de Paix anenga ko yabazwe nk'umwenda atari byo, Urukiko rusanga umuhanga yarayatangiye ibisobanuro byumvikana, ku rupapuro rwa 67 rwa raporo ye, aho asobanura ko n'ubwo atari amafaranga umukiliya afata mu ntoki, abarwa nk'umwenda. Ku bijyanye n'andi makosa Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd bavuga ko yaba yarabaye mu mibare ya Ecobank Rwanda Ltd, Urukiko rusanga usibye impungenge umuhanga yagaragaje kandi zitaweho, ayandi batayagaragariza ibimenyetso.
- [44] Hakurikijwe ibisobanuro byatanzwe haruguru, umwenda wishyuzwa n'inyungu zawo biteye bitya: 609.666.856Frw (umwenda wakosowe) + 8.340.713Frw (inyungu zisanzwe) + inyungu z'ubukererwe: 1.943.569Frw (ahwanye na 11.509.852Frw- 9.566.283Frw + Débit en compte courant": 27.270.586Frw = 647.221.724Frw.

Ku bijyanye n'ubujurire bwuririye ku bundi

[45] Me Nkundabarashi Moïse uburanira Ecobank Rwanda Ltd, yasabye ko Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd bafatanya kwishyura iyo banki amafaranga y'ikurikiranarubabanza n'igihembo cy'Avoka kingana na 2 000 000Frw

[46] Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd basanga ubujurire bwuririye ku bundi bwa Ecobank Rwanda Ltd nta gaciro bugomba kugira kuko batemera umwenda wishyuzwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[47] Urukiko rurasanga mu gihe hari ibyo Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd bategetswe kwishyura Ecobank Rwanda Ltd, bagomba kuyishyura 500.000Frw y'ikurikiranarubanza na 500.000Frw y'igihembo cy'Avoka kuri uru rwego kubera ko ariyo ari mu rugero rukwiye harebwe igihe uru rubanza rumaze n'amaburanisha yabaye.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [48] Rwemeje ko ubujurire bwa Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd bufite ishingiro kuri bimwe;
- [49] Rwemeje ko ubujurire bwa Ecobank Rwanda Ltd bwuririye ku bundi bufite ishingiro kuri bimwe;
- [50] Ruvuze ko imikirize y'urubanza RCOMA0213/14/HCC rwaciwe ku wa 25/04/2014 n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ihindutse ku bijyanye n'ingano y'umwenda Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd bagomba kwishyura Ecobank Rwanda Ltd;
- [51] Rutegetse Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd gufatanya kwishyura Ecobank Rwanda Ltd umwenda n'inyungu bingana na 647.221.724Frw hamwe na 1.000.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka kuri uru rwego;

[52] Ruvuze ko amafaranga Uwamahoro Florent de la Paix na Arlcom Ltd batanzeho ingwate y'amagarama muri uru Rukiko, ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

NYIRANJANGWE v. BPR Ltd N'ABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMAA0019/15/CS (Hatangimbabazi, P.J., Gakwaya na Mukamulisa, J.) 13 Mata 2018]

Ingwate — Gutesha agaciro cyamunara — Kuba Umuhesha w'Inkiko yarateje cyamunara ingwate ashingiye ku igenagaciro ryateshejwe agaciro n'Urwego rw'abagenagaciro, ni impamvu ituma cyamunara yakozwe iteshwa agaciro — Itegeko N°17/2010 ryo ku wa 12/5/2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda, ingingo ya 36

Incamake y'ikibazo: Nyiranjagwe yagiranye amasezerano y'inguzanyo na Banki y'abaturage y'u Rwanda (BPR Ltd) maze bemeranya ko natubahiriza amasezerano hazabaho kugurisha inzu yatanzeho ingwate nta manza zibayeho. Nyiranjagwe ntiyubahirije ayo masezerano maze Umwanditsi Mukuru muri RDB atanga icyemezo cyo kugurisha iyo ngwate.

Nyiranjagwe yatanze ikirego cyatanzwe n'umuburanyi umwe mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Huye asaba guhagarika cyamurara y'inzu ye kuko igenagaciro iyi cyamunara ishingiyeho inyuranyije n'amahame asanzwe akurikizwa mu igenagaciro ku mutungo utimukanwa, urwo Rukiko rwemeza ko ikirego cye nta shingiro gifite.

Nyiranjagwe yongeye atanga ikirego muri urwo rukiko arega Umuhesha w'Inkiko w'umwuga hamwe na BPR Ltd, avuga ko cyamunara yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kuko inzu yatejwe cyamunara ku gaciro kari munsi y'agaciro nyako, akaba asaba urukiko ko rwasesa iyo cyamunara, urukiko rwaciye urubanza rwemeza ko iyo cymunara isheshwe ndetse ko n'amasezerano yose ayishingiyeho asheshwe.

Umuhesha w'inkikow'umwuga na BPR Ltd ntibishimiye icyemezo cy'Urukiko bajuririra Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ndetse B.E.S &Supply Ltd yagobotse ku bushake nk'uwaguze iyo inzu maze uru Rukiko rwemeza ko iyo cyamunara igumana agaciro kayo kuko yakozwe mu buryo bukurikije amategeko.

Nyiranjagwe yajuririye Urukiko rw'Ikirenga avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutasuzumye impamvu nyamukuru yashingiweho asaba iseswa ry'amasezerano, muri urwo rukiko. Umuhesha w'inkiko, BPR Ltd na B.E.S & Supply Ltd batanze inzitizi yo kutakira ubujurire hashingiwe ku gaciro k'ikiburanwa bavuga ko katangana na 50.000.000Frw ateganywa n'itegeko; urukiko rwanzuye ko mbere yo gufata icyemezo hagomba kubanza gushyirwaho umugenagaciro kugirango agene agaciro k'iyo nzu, uru Rukiko rwemeza ko iyo nzitizi nta shingiro ifiteBPR Ltd yaongeye itanga indi nzitizi ivuga ko ubujurire bwa Nyiranjagwe budakwiye kwakirwa kuko ibyo aburanisha byaburanishijwe mu rundi rubanza rwabaye itegeko, nanone Urukiko rwemeza ko iyo nzitizi nta shingiro ifite.

Nyiranjagwe asobanura ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwanze gusuzuma mpamvu nyamukuru yashingiweho yuko cyamunara yakozwe ku nzu ye yashingiye ku igenagaciro (expertise) ryari ryateshejwe agaciro n'urwego rw'abagenagaciro maze ibyo bikaba byaratumye inzu ye igurishwa ku giciro gito cyane ugereranije n'agaciro yari ifite, kubwiyo akaba asaba ko cyamunara iseswa, akomeza asaba indishyi zitandukanye.

Umuhesha w'inkiko, BPR Ltd na B.E.S & Supply Ltd bo bireguye bavuga iyi mpamvu y'ubujurire bwa Nyiranjagwe nta shingiro yahabwa kuko mu rubanza rujuririrwa, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwagiye rubisobanura ndetse ko n'indishyi asaba atazihabwa kuko atagaragaza uwo azisaba n'impamvu yazo ahubwo nibo bazigenerwa.

Incamake y'icyemezo: 1. Kuba Umuhesha w'Inkiko yarateje cyamunara ingwate ashingiye ku igenagaciro ryateshejwe agaciro n'Urwego rw'abagenagaciro, ni impamvu ituma cyamunara yakozwe iteshwa agaciro kuko iba yakozwe mu buryo bunyuranije n'amategeko.

2.Indishyi, z'akababaro, amafaranga y'ikurikiranarubanza n'ay'igihembo cya avoka agenwe mu bushishozi bw'urukiko kuko uwayasabye atagaragaje uko yabazwe .

Ubujurire bufite ishingiro. Amagarama y'urubanza aherereye kubarezwe.

Amategeko yashingiweho:

- Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/6/2012, ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 208 n'iya 267.
- Itegeko N°17/2010 ryo ku wa 12/5/2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda, ingingo ya 36.
- Itegeko Nº 10/2009 ryo ku wa 14/5/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa, ingingo ya 19 n'iya 24.
- Itegeko-Teka ryo kuwa 30/07/1888 ryerekeye amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Nyiranjangwe Zura yagiranye na Banki y'Abaturage y'u Rwanda (BPR Ltd) amasezerano y'inguzanyo, atanga ingwate y'inzu, bemeranya ko natubahiriza amasezerano ingwate izagurishwa hatabayeho imanza. Nyiranjangwe Zura ntabwo yubahirije ayo masezerano, maze ku wa 27/1/2014, Umwanditsi Mukuru muri Rwanda Development Board (RDB) atanga icyemezo cyo kugurisha mu cyamunara inzu ya Nyiranjangwe Zura iherereye mu Ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Nyanza, Umurenge wa Busasamana, Akagari ka Gahondo, yemeza ko uzagurisha iyo ngwate ari Ruganda Cryspin, kandi ko imirimo ye ijyanye no kuyigurisha izarangira ku wa 24/4/2014.
- [2] Ku wa 5/3/2014, Nyiranjangwe Zura yaregeye Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Huye, atanze ikibazo gitanzwe n'umuburanyi umwe asaba guhagarika cyamunara y'inzu ye kuko amabwiriza y'iyo cyamunara anyuranyije n'icyemezo cya Rwanda Development Board (RDB) kiyishyiraho. Ku wa 7/3/2014, urwo Rukiko rwaciye urubanza RCOM0084/14/TC/HYE, rwemeza ko icyo kirego nta shingiro gifite.
- [3] Nyiranjangwe Zura yatanze ikindi kirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Huye, arega Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga Ruganda Cryspin hamwe na BPR Ltd avuga ko bateje cyamunara ingwate yahaye iyi Banki mu buryo butubahirije amategeko kuko bayihaye kandi bayigurisha ku gaciro kari munsi y'agaciro

nyako, asaba ko iyo cyamunara iseswa. Ku wa 7/11/2014, urwo Rukiko rwaciye urubanza RCOM0166/14/TC/HYE, rwemeza ko cyamunara y'inzu ya Nyiranjangwe Zura yabaye ku wa 24/3/2014 isheshwe, runemeza ko amasezerano yose ashingiye kuri iyo cyamunara asheshwe.

- [4] Ruganda Cryspin na BPR Ltd ntibanyuzwe n'icyo cyemezo cy'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Huye, bajuririra mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi. B.E.S. & Supply Ltd yagobotse ku bushake nk'uwaguze ingwate ivugwa muri uru rubanza. Ku wa 13/2/2015, urwo Rukiko rwaciye urubanza RCOMA0606/14/HCC RCOMA0608/14/HCC, rwemeza ko igurishwa ry'ingwate ivugwa muri uru rubanza ryakozwe mu buryo bukurikije amategeko, ko rihamana agaciro karyo.
- [5] Nyiranjangwe Zura ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza, ajuririra mu Rukiko rw'Ikirenga, avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutasuzumye impamvu nyamukuru yashingiyeho asaba iseswa ry'amasezerano ya cyamunara y'inzu ye yabaye ku wa 24/3/2014.
- [6] Me Ntwali Justin, aburanira BPR Ltd, Me Murutasibe Joseph, aburanira B.E.S. & Supply Ltd na Me Nkundabatware Bigimba Félix, aburanira Ruganda Cryspin, batanze inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga hashingiwe ku ngingo ya 28, igika cya 4 y'Itegeko Ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iteganya ko kugirango ubujurire bwa kabiri bwakirwe, ikiburanwa kigomba kuba gifite agaciro kangana nibura na 50.000.000Frw, ariko muri uru rubanza inzu yatejwe cyamunara ikaba idafite agaciro kangana nibura na 50.000.000Frw. Basobanura ko iyo nzu yahawe agaciro ka 42.000.000Frw nk'uko bigaragara kuri *expertise* yakoreshejwe hatezwa cyamunara, ari nayo yemewe na RDB,

bityo kuba agaciro k'ikiburanwa katangana nibura na 50.000.000Frw, ubujurire bwa Nyiranjangwe Zura bukaba butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga.

- [7] Ku wa 24/2/2017, uru Rukiko rwasanze mbere yo gufata icyemezo kuri iyo nzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga yatanzwe na BPR Ltd, ari ngombwa ko hashyirwaho umugenagaciro kugira ngo agene agaciro inzu iburanwa muri uru rubanza ifite ubu, ruvuga ko iburanisha risubitswe, rikazafungurwa ku wa 15/3/2017 kugira ngo ababuranyi Nyiranjangwe Zura, BPR Ltd na B.E.S. & Supply Ltd bamenyeshe Urukiko umugenagaciro bazaba bemeranyijweho, mu gihe batamwumvikanaho akazashyirwaho n'Urukiko.
- [8] Ku wa 15/3/2017, urubanza ntirwaburanishijwe kuko umwe mu bacamanza bagize inteko yari mu butumwa bw'akazi hanze y'igihugu, rwimurirwa ku wa 16/5/2017. Ku wa 20/4/2017, Urukiko rw'Ikirenga rwandikiye ababuranyi, rubamenyesha ko urubanza rwabo ruzaburanishwa ku wa 2/5/2017 aho kuba ku wa 16/5/2017.
- [9] Ku wa 2/5/2017, Urukiko rw'Ikirenga rwemeje Ir. Nkabije Alphonse Marie nk'umugenagaciro muri uru rubanza, rumusaba gutanga raporo ye bitarenze ku wa 22/5/2017, runasaba ababuranyi bafite icyo kuyivugaho kubikora bitarenze ku wa 30/5/2017, iburanisha rikazasubukurwa ku wa 27/6/2017. Kuri uwo munsi urubanza ntirwaburanishijwe kubera ko umwe mu bacamanza bagize inteko yari mu butumwa bw'akazi hanze y'igihugu, rwimurirwa ku wa 18/7/2017, ariko ku wa 29/6/2017, Urukiko rw'Ikirenga rumenyesha ababuranyi ko urubanza ruzaburanishwa ku wa 25/7/2017 aho kuba ku wa 18/7/2017 nk'uko byari byemejwe mu iburanisha ryo ku wa 27/6/2017.

- [10] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 25/7/2017, Nyiranjangwe Zura yunganirwa na Me Kabasenga Berthilde na Me Mugabo Pio, BPR Ltd ihagarariwe na Me Ntwali Justin, Ruganda Cryspin ahagarariwe na Me Nkundabatware Bigimba Félix, naho B.E.S. & Supply Ltd ihagarariwe na Me Kiloha Olivier. Kuri iyo tariki, Urukiko rwumvise icyo ababuranyi bavuga kuri raporo y'umugenagaciro Ir. Nkabije Alphonse Marie, igaragaza ko agaciro k'inzu iburanwa kangana na 79.250.670Frw.
- [11] Ku wa 22/9/2017, Urukiko rw'Ikirenga rwaciye urubanza rubanziriza urundi, rwemeza ko inzitizi yatanzwe na BPR Ltd y'iburabubasha ry'Urukiko rw'Ikirenga rishingiye ku kuba ikiburanwa kitagejeje ku gaciro ka 50.000.000Frw, nta shingiro ifite, ko ubujurire bwa Nyiranjangwe Zura buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga.
- [12] Nyuma y'icyo cyemezo, Me Ntwali Justin, uburanira BPR Ltd, yatanze indi nzitizi yo kutakira ubujurire bwa Nyiranjangwe Zura, avuga ko iyo nzitizi ishingiye ku ngingo ya 142 y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/6/2012, ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ngo kubera ko impamvu ye y'ubujurire irebana n'igena gaciro k'inzu ye, kandi hari urundi rubanza rufite RCOM 0084/14/TC/HYE, rwasuzumye ibijyanye n'iryo genagaciro (expertise) riregerwa, rukaba rwarabaye itegeko.
- [13] Ku wa 29/12/2017, Urukiko rw'Ikirenga rwaciye urubanza rubanziriza urundi, rwemeza ko inzitizi yatanzwe na BPR Ltd yo kutakira ubujurire bwa Nyiranjangwe Zura kuko ibyo ajuririra byaburanishijwe mu rundi rubanza rwabaye

itegeko, nta shingiro ifite, ko ubujurire bwe bwakiriwe kandi ko iburanisha ry'urubanza rizakomeza ku wa 20/2/2018.

[14] Kuri iyo tariki, urubanza rwaburanishije mu ruhame mu mizi, Nyiranjangwe Zura yunganirwa na Me Kabasenga Berthilde na Me Mugabo Pio, BPR Ltd ihagarariwe na Me Ntwali Justin, Ruganda Cryspin ahagarariwe na Me Ndagijimana Ignace, naho B.E.S. & Supply Ltd ihagarariwe na Me Busogi Emmanuel.

II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URU RUBANZA

- a. Kumenya niba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaranze gusuzuma impamvu nyamukuru y'ubujurire bwa Nyiranjangwe Zura yo gutesha agaciro cyamunara yabaye ku inzu ye
- [15] Nyiranjangwe Zura avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwanze gusuzuma impamvu nyamukuru yashingiyeho asaba ko cyamunara yaseswa ngo kandi iyo mpamvu ari nayo Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Huye rwahereyeho rwemeza ko ikirego cye gifite ishingiro maze bigatuma cyamunara iseswa.
- [16] Nyiranjangwe Zura asobanura ko yasabye ko cyamunara yateshwa agaciro kuko yashingiye kuri *expertise* yateshejwe agaciro, bituma inzu ye igurwa ku giciro gito. Akomeza asobanura ko iyi mpamvu nta na hamwe igaragara mu rubanza rwajuririwe. Asobanura kandi ko kuba Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaranze kuyisuzuma kandi ari yo ngingo aburanisha byafatwa nka *absence de motivation* muri uru rubanza, akaba rero asanga urubanza rujuririrwa rukwiye

kuvanwaho, hakagumaho imikirize y'urubanza RCOM0166/14/TC/HYE rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Huye ku wa 18/6/2014.

- [17] Nyiranjangwe Zura avuga kandi ko ingingo ya 8 y'Amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru N°03/2010/ORG yo ku wa 16/11/2010 agenga ibyerekeye gukodesha, kugurisha muri cyamunara ndetse no kwegukana ingwate, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwashingiyeho, itemera ko hashingirwa ku igenagaciro ryateshejwe agaciro, ko ibikubiye muri iyo ngingo bireba igenagaciro rifite.
- Me Kabasenga Berthilde na Me Mugabo Pio bavuga ko ingingo nyamukuru uwo bunganira Nyiranjangwe Zura yari yaburanishije ku rwego rwa mbere ari uko yari yasabye gusesa cyamunara kubera ko inzu ye yari yagurishijwe ku gaciro gato cyane, kuko bayihaye agaciro ka miliyoni mirongo itandatu n'umunani (68) ariko igurishwa ku giciro kingana na miliyoni cumi n'umunani (18) gusa, uwayiguze nawe ahita ayishyira ku isoko ayigurisha miliyoni mirongo itatu n'esheshatu (36), bikaba bigaragaza uburyo Umuhesha w'Inkiko yayigurishije ku giciro gito bikabije. Bavuga kandi ko ingingo ya 36 y'Itegeko N° 17/05/2010 ryo ku wa 12/5/2010 ryavuzwe haruguru, abo baburana bayiyuga igice kuko ikomeza iyuga ko iyo hatabayeho kumvikana, baregera urwego rubifitiye ububasha, ariyo mpamvu bavuga ko Umuhesha w'Inkiko adapfa kugurisha uko yishakiye. Bavuga ko ikindi kigaragaza ko Umuhesha w'Inkiko yari agambiriye gutesha agaciro inzu ya Nyiranjangwe Zura ari uko yayigurishije avuga ko inzu yubatswe mu matafari ya rukarakara kandi yubakishije amatafari ahiye, ibyo yakoze bikaba byerekana ko atabikoze mu rwego rw'umwuga.

- [19] Me Ntwali Justin, uhagarariye BPR Ltd, avuga ko iyi mpamvu y'ubujurire nta shingiro ifite kuko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasuzumye impamvu z'ubujurire bwa BPR Ltd na Ruganda Cryspin, ko Urukiko rutari gusuzuma impamvu ze, mu gihe atajuriye. Akomeza asobanura ko kuvuga ko hari absence de motivation atari ko biri kuko kuva ku gace ka kane kugeza ku ka karindwi k'urubanza rujuririrwa, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabisobanuye, hanasuzumwa ukugoboka ku bushake kwa B.E.S Supply Ltd.
- [20] Me Nkundabatware Bigimba Félix, uhagarariye Ruganda Crispin, avuga ko iyi mpamvu y'ubujurire nta shingiro ifite kuko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasobanuye neza impamvu yafashe icyemezo cye.
- [21] Mu myanzuro ye, Me Murutasibe Joseph, uhagarariye B.E.S & Supply Ltd, avuga nawe ko iyi mpamvu y'ubujurire nta shingiro ifite kuko ku gace ka kane kugeza ku ka karindwi k'urubanza rujuririrwa, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabisobanuye neza, runagaragaza n'ingingo z'amategeko rwashingiyeho.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[22] Ingingo ya 36 y'Itegeko N°17/2010 ryo ku wa 12/5/2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda iteganya ko "Mu gihe habaye kutemeranya ku igenagaciro ry'umutungo utimukanwa, ukeka ko yarenganye ashyikiriza ikirego cye Urwego. Icyo gihe Urwego rushyiraho abandi bagenagaciro bemewe bagakoresha uburyo bushya bw'igenagaciro. Iyo impaka zidakemutse, ikirego gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha".

- [23] Ingingo ya 19, igika cya mbere y'Itegeko N°10/2009 ryo ku wa 14/5/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu iteganya ko "Ucunga ingwate afite inshingano yo kugurisha ingwate ku giciro gikwiye kiri ku isoko, amaze kubimenyesha impande zombi".
- [24] Ingingo ya 267, igika cya mbere, y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/6/2012, ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko "Iyo bigaragaye ko ibintu byafatiriwe biramutse bigurishijwe byahabwa igiciro gikabije kuba munsi y'agaciro nyakuri, Umuhesha w'Inkiko, abisabwe n'uwafatiriye cyangwa urimo umwenda, ashobora gusaba ko cyamunara ishyirwa ku wundi munsi". Naho igika cya kabiri cy'iyo ngingo giteganya ko "Muri icyo gihe, Umukozi ushinzwe guteza cyamunara agena undi munsi bizagurishirizwaho, udashobora kurenga iminsi cumi n'itanu (15) kandi agakora ibyangombwa byose kugira ngo hatagira umuburanyi urengana".
- [25] Nk'uko bigaragara mu bice bya 7, 8, 9 na 10 by'urubanza RCOM0166/14/TC/HYE rwaciwe mu rwego rwa mbere n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Huye ku wa 18/6/2014, Nyiranjangwe Zura yatanze ikirego, asaba ko cyamunara yabaye ku nzu ye ku wa 24/3/2014 yaseswa kuko yakozwe hashingiwe ku igenagaciro ryo ku wa 29/9/2013 ryateshejwe agaciro n'Urugaga rw'abagenagaciro, bikamenyeshwa RDB, BPR Ltd n'Umuhesha w'inkiko, Ruganda Cryspin, nk'uko bishimangirwa n'ibaruwa y'Umuyobozi w'Urugaga rw'abagenagaciro yo ku wa 20/3/2014. Urwo Rukiko rwemeje ko cyamunara y'inzu ya Nyiranjangwe Zura yabaye ku wa 24/3/2014 isheshwe, rusobanura ko, nk'uko bigaragara ku gace ka 28 k'urubanza

rwarwo, kuba Umuhesha w'Inkiko yaramenyeshejwe ko igenagaciro ashaka gushingiraho ateza cyamunara ryateshejwe agaciro n'urwego rubifitiye ububasha, akarenga akayishingiraho, ayo masezerano ya cyamunara yakorewe ku cyemezo cyangwa inyandiko byateshejwe agaciro nta shingiro afite kuko yakozwe mu buryo butemewe.

Nk'uko bigaragara mu myanzuro, B.P.R. Ltd yajuriye [26] Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ivuga ko Urukiko rw'Ubucuruzi rutahaye agaciro inzitizi yo kutakira ikirego cya Nyiranjangwe Zura kuko ikiburanwa muri uru rubanza cyaburanywe no mu rubanza RCOM0084/14/TC/HYE rwabaye ndakuka, ko rwemeje ko nyuma ya cyamunara aribwo Nyiranjangwe Zura yamenye expertise ya kabiri yemeza ko inzu ye ifite agaciro ka 42.000.000Frw, kandi iyo expertise varaburanywe mu rubanza RCOM0084/14/TC/HYE, ko hashingiwe ku ngingo ya 19, igika cya kabiri, y'Itegeko N°10/2009 ryo ku wa 14/5/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa no ku ngingo ya 208 y'Itegeko N°21/2012 ryo ku ryerekeye imiburanishirize y'imanza 14/06/2012 wa z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, rutari kwemeza ko Nyiranjangwe Zura yari afite uburenganzira bwo kuregera urukiko, asaba gutesha agaciro cyamunara kuko nubwo yari afite ubwo burenganzira, bidakuraho ko cyamunara yakozwe mu buryo bukurikije amategeko kandi impaka zivugwa mu ngingo ya 208 y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru, ntaho zihuriye n'ikibazo cy'igenagaciro. B.P.R. Ltd yajuriye kandi ivuga ko Urukiko rw'Ubucuruzi rwageneye Nyiranjangwe Zura indishyi, kandi atarazigaragarije ibimenyetso.

- [27] Dosiye y'urubanza igaragaza ko Ruganda Cryspin nawe yajuririye urubanza RCOM0166/14/TC/HYE, avuga ko Urukiko rw'Ubucuruzi rutagombaga kwemeza ko inzitizi yo kutakira ikirego cya Nyiranjangwe Zura nta shingiro ifite kuko atariwe wagombaga kuregwa, ko Urukiko rw'Ubucuruzi rwirengagije amategeko, rukitirira ingingo z'amategeko icyo zidateganya, ndetse ko rwivuguruje ku birebana no kumenya niba amabwiriza yarubahirijwe.
- [28] Mu rubanza rwajuririwe, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasuzumye ibibazo bitatu birebana no kumenya niba inzitizi yatanzwe na Ruganda Cryspin yo kutakira ikirego cya Nyiranjangwe Zura kuko atariwe wagombaga kuregwa, kumenya niba Ruganda Cryspin yaba yaratesheje agaciro inzu ya Nyiranjangwe Zura mu gihe cya cyamunara no kumenya niba ikirego cya Nyiranjangwe Zura kitaragombaga kwakirwa kuko cyari cyaburanwe mu rubanza RCOM0084/14/TC/HYE.
- [29] Nk'uko bigaragara mu bice bya 4, 5, 6 na 7 by'urubanza rwajuririwe, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasobanuye ko hashingiwe ku ngingo ya 8, 11 na 12 z'amabwiriza N°03/2010/ORG yo ku wa 16/11/2010 y'Umwanditsi Mukuru agenga ibyerekeye gukodesha, kugurisha muri cyamunara ndetse no kwegukana ingwate, ushinzwe kugurisha ingwate ariwe ufite inshingano zo gukoresha igenagaciro ry'umutungo watanzweho ingwate, akaba ariwe urishyikiriza Umwanditsi Mukuru kugirango abe ariwe uryemeza mu mabwiriza y'icyamunara, bivuze ko igenagaciro nyiri ugutanga ingwate aba yakoreshereje nta bubasha bw'itegeko ryagira kabone niyo ryaba ryarakozwe n'inzobere zabiherewe ububasha. Rwasobanuye kandi ko kuba Nyiranjangwe Zura atarerekanye ikimenyetso kidashidikanwaho cy'uko inzu ye yagurishijwe ku giciro gihabanye kure n'ibiciro

biri ku isoko, icy'uko habonetse mu cyamunara umuguzi washoboraga gutanga ikiguzi kirenze icyo iyo ngwate yagurishijweho, n'icy'uko ku kagambane ka Ruganda Cryspin na B.P.R. Ltd iyo ngwate yagurishijwe ku giciro gito, Ruganda Cryspin na B.P.R. Ltd badashobora gukurikiranwaho gutesha agaciro ingwate yatanzwe na Nyiranjangwe Zura.

- [30] Amabwiriza y'igurisha mu cyamunara y'inzu ya Nyiranjangwe Zura agaragaza ko igurishwa muri cyamunara rizaba ku wa 24/2/2014, kandi ko riramutse ritabye kubera kubura kw'abapiganwa cyangwa batanze igiciro gito, iyo cyamunara yakwimurirwa bwa mbere ku wa 3/3/2014, ubwa kabiri ku wa 10/3/2014, ubwa gatatu ku wa 17/3/2014 naho ubwa nyuma ku wa 24/3/2014.
- [31] Ibaruwa y'Umwanditsi Mukuru yo ku wa 28/2/2014 igaragaza ko ku wa 5/2/2014, Nyiranjangwe Zura yamwandikiye asaba ko amabwiriza y'igurisha muri cyamunara y'inzu ye yateshwa agaciro kuko igenagaciro riri muri ayo mabwiriza ritesha agaciro umutungo we, maze Umwanditsi Mukuru amumenyesha ko kuba atishimira igenagaciro ryakozwe, ashobora gushyikiriza ikirego cye Urwego rw'abagenagaciro, hashingiwe ku ngingo ya 36 y'Itegeko Nº 17/2010 ryo ku wa 12/5/2010 ryavuzwe haruguru.
- [32] Dosiye y'urubanza igaragaza ko ku wa 20/3/2014, Acting Chairperson of the regulatory Council of Real Property Valuation yandikiye Umwanditsi Mukuru wa RDB ibaruwa yabonye ku wa 24/3/2014, agenera kopi Institute of Real Property Valuers, Managing Director of B.P.R. Ltd, Ruganda Cryspin na Nyiranjangwe Zura, amumenyesha ko raporo y'igenagaciro yakozwe ku mutungo utimukanwa wa Nyiranjangwe Zura, hashingiwe ku cyemezo N°14-003881 cyo

kugurisha ingwate cyo ku wa 27/1/2014, nta gaciro ifite kuko ibimenyetso by'agaciro igaragaza binyuranije n'amahame asanzwe akurikizwa mu igenagaciro ku mutungo utimukanwa, ko kuri uru rwego, mu nyungu z'ababuranyi bombi ku cyamunara cyakozwe, agaciro k'umutungo kadakwiye gufatwa nk'agaciro fatizo kuko bigoye kumenya niba ako gaciro gashingiye ku biciro biri ku isoko

- [33] Nk'uko bigaragara mu dosiye y'urubanza, Umwanditsi Mukuru wa RDB, asubiza ku ibaruwa yo ku wa 20/3/2014 yavuzwe haruguru, yandikiye Regulatory Council of Real Property Valuation ku wa 8/4/2014, agenera kopi Umuyobozi Mukuru wa B.P.R. Ltd, Ruganda Cryspin na Nyiranjangwe Zura, amubwira ko ashingiye ku ngingo ya 24 y'Itegeko N°10/2009 ryo ku wa 14/4/2009 ryerekeye ubugwate ku mutungo utimukanwa, asaba umuntu wese bireba kwitabaza Inkiko zibifitiye ububasha, zikamurenganura.
- [34] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga isuzuma ry'urubanza rujuririrwa rigaragaza ko mu gutesha agaciro urubanza rwaciwe ku rwego rwa mbere, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutasuzumye ikibazo nyamukuru cyatanzwe na Nyiranjangwe Zura cyo gutesha agaciro cyamunara cyabaye ku nzu ye ku wa 24/3/2014 kuko mu kugurisha ingwate iburanwa, Umuhesha w'Inkiko yashingiye kuri *expertise* yateshejwe agaciro n'Urwego rw'Abagenagaciro ku wa 20/3/2014, ahubwo ko rwasuzumye gusa ikibazo kirebana no kumenya niba Umuhesha w'Inkiko Ruganda Cryspin yaba yaratesheje agaciro inzu ya Nyiranjangwe Zura mu gihe cya cyamunara.
- [35] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga urwo Rukiko rwaragombaga byanze bikunze gusuzuma icyo kibazo cyatanzwe na Nyiranjangwe Zura mu rwego rwa mbere, cyane cyane ko mu

myanzuro yayo mu rwego rw'ubujurire, B.P.R. Ltd yajuriye, ivuga ko Urukiko rw'Ubucuruzi rutari kwemeza ko Nyiranjangwe Zura yari afite uburenganzira bwo kuregera urukiko, asaba gutesha agaciro cyamunara kuko nubwo yari afite ubwo burenganzira, bidakuraho ko cyamunara yakozwe mu buryo bukurikije amategeko.

- [36] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga isuzuma ry'ingingo ya 36 y'Itegeko N°17/2010 ryo ku wa 12/5/2010 ryavuzwe haruguru, hamwe n'ingingo ya 19, igika cya mbere, y'Itegeko N°10/2009 ryo ku wa 14/5/2009 ryavuzwe haruguru n'iya 267 y'Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/6/2012 ryavuzwe haruguru, ryumvikanisha ko mu gihe bigaragaye ko ingwate ishobora kugurishwa ku giciro kiri hasi y'igiciro gikwiye kiri ku isoko, bisabwe n'uwatanze ingwate cyangwa n'uwahawe ingwate, ucunga ingwate afata icyemezo cyo guhagarika icyamunara, akayishyira ku wundi munsi, kandi agakora ibishoboka byose kugirango hatagira urengana.
- [37] Urukiko rw'Ikirenga rurasanga kuba kuva ku wa 5/2/2014, Nyiranjangwe Zura yarandikiye Umwanditsi Mukuru asaba ko amabwiriza y'igurisha muri cyamunara y'inzu ye yateshwa agaciro kuko igenagaciro riri muri ayo mabwiriza ritesha agaciro umutungo we, nyuma akurikije ibyo Umwanditsi yamubwiye, agatanga ikirego rw'Abagenaciro, maze mu ibaruwa yo ku wa 20/3/2014, urwo Rwego rukandikira Umwanditsi Mukuru, rukagenera kopi *Institute of Real Property Valuers, Managing Director* of B.P.R. Ltd, Ruganda Cryspin na Nyiranjangwe Zura, rumumenyesha ko raporo y'igenagaciro yakozwe ku mutungo utimukanwa wa Nyiranjangwe Zura, nta gaciro ifite bitewe n'uko ibimenyetso by'agaciro igaragaza binyuranije n'amahame asanzwe

akurikizwa mu igenagaciro ku mutungo utimukanwa, rero aho guhagarika cyamunara yo ku wa 24/3/2014, Umuhesha w'Inkiko yabirenzeho, agurisha ingwate ashingiye ku igenagaciro ryateshejwe agaciro, bityo iyo cyamunara ikaba igomba guteshwa agaciro kuko yakozwe mu buryo bunyuranije n'amategeko.

[38] Hashingiwe ku bimaze gusobanurwa haruguru, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga ubujurire bwatanzwe na Nyiranjangwe Zura bufite ishingiro.

b. Kumenya niba ababuranyi bakwiye indishyi basaba muri uru rubanza

- [39] Me Kabasenga Berthilde na Me Mugabo Pio bavuga ko Nyiranjangwe Zura bunganira, asaba indishyi zingana na 1.500.000Frw zo gushorwa mu manza n'igihembo cy' Abavoka yishyuye mu manza zabanje, 3.000.000Frw y'indishyi z'ikurikiranarubanza, na 12.960.000Frw y'igihombo yatewe no kuba ataba mu nzu ye, abayifite bayikodesha we acumbikiwe n'abagiraneza, ayo asaba akaba yarayabaze ashingiye ko inzu yakodeshwaga 270.000Frw ku kwezi, mu gihe cy'imyaka ine (4), ndetse akaba asaba na 10.000.000Frw y'indishyi z'akababaro.
- [40] Me Kabasenga Berthilde na Me Mugabo Pio bakomeza bavuga ko Ruganda Cryspin ntacyo akwiye gusaba kuko uruhare runini ariwe warukoze agira ubushake buke mu kumva ikigenderewe, maze inzu yari ifite agaciro ka miliyoni mirongo itandatu n'umunani (68.000.000 Frw) mu kwandikisha ingwate, inzobere mu igenagaciro zikaza kwemeza ko ifite agaciro ka miliyoni mirongo ine n'ebyiri (42.000.000Frw), ndetse n'Umuhesha w'Inkiko yajya kugurisha iyo nzu akayivuga uko itari

- [41] Me Ntwali Justin, uhagarariye B.P.R. Ltd, avuga ko indishyi Nyiranjangwe Zura asaba, nta shingiro zifite cyane cyane ko atagaragaza uwo azisaba n'impamvu yazo, kandi ko Banki yo itazitanga mu gihe kugeza ubu yananiwe kwishyura umwenda kandi n'inyungu zikaba zarahagaritswe kubarwa kuva urubanza rugitangira, ku buryo byateye Banki igihombo, byongeye kandi ibyabaye akaba nta ruhare Banki yabigizemo. Avuga kandi ko impamvu nta ndishyi Banki yasabwa, ari uko mu gihe Urukiko rwakwemeza ko cyamunara isheshwe, inzu itaba iya Banki ahubwo ko yaba iya Nyiranjangwe Zura, ko rero ari we wakwishyura agaciro kiyongereye kuri iyo nzu.
- [42] Me Ndagijimana Ignace, wunganira Ruganda Cryspin, avuga ko batanze ubujurire bwuririye ku bundi basaba indishyi zingana na 3.000.000Frw, harimo 1.000.000Frw y'igihembo cy'Avoka na 2.000.000Frw z'ikurikiranarubanza, ndetse bagahabwa na 2.500.000Frw y'igihembo cya Avoka mu manza zose zabaye. Avuga kandi ko ibyakozwe ku nzu bitabazwa Umuhesha w'Inkiko, ahubwo ko byabazwa uhawe inzu, cyane cyane ko habayeho gusubiza amafaranga, atazagaruka ku Muhesha w'Inkiko, ariyo mpamvu ntacyo Ruganda Cryspin yabazwa.
- [43] Me Busogi Emmanuel, uhagarariye B.E.S. Supply Ltd, avuga ko inzu bayiguze miliyoni mirongo itatu n'eshanu (35.000.000Frw), barayivugurura, bashyiramo 16.735.800Frw, ku buryo raporo y'igenagaciro iheruka yagaragaje ko ubu ifite agaciro ka miliyoni mirongo irindwi n'icyenda ibihumbi magana biri n'imirongo itanu magana atandatu mirongo irindwi (79.250.670 Frw), ko rero basaba ko Ruganda Cryspin na B.P.R. Ltd bazabasubiza agaciro bayishyizeho, kandi uzagaragaraho

amakosa muri bo akishyura igihembo cya Avoka cya 1.000.000Frw.

UKO RUKIKO RUBIBONA

- [44] Ingingo ya 258 y'Igitabo cya gatatu cy'Urwunge rw'amategeko mbonezamubano iteganya ko ''igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse''.
- [45] Ku birebana na 1.500.000Frw y'igihembo cya Abavoka yishyuye mu manza zabanje no kuri uru rwego, Nyiranjangwe Zura asaba kwishyurwa na B.P.R. Ltd na Ruganda Cryspin, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga agomba kuyahabwa kuko byabaye ngombwa ko ashaka umuhagararira kuva mu rwego rwa mbere kugeza muri uru Rukiko.
- [46] Ku birebana na 3.000.000Frw y'ikurikiranarubanza kuva mu rwego rwa mbere kugeza muri uru Rukiko, Nyiranjangwe Zura asaba kwishyurwa na B.P.R. Ltd na Ruganda Cryspin, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga akwiye kuyahabwa kuko byabaye ngombwa ko akurikirana imanza ze, ariko kuba atagaragaza uko ayabara, mu bushishozi bwarwo rukaba rumugeneye 300.000Frw ku rwego rw'Urukiko rw'Ubucuruzi, 500.000Frw ku rwego rw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi na 500.000Frw kuri uru rwego, yose hamwe akaba 1.300.000Frw.
- [47] Ku birebana na 10.000.000Frw y'indishyi z'akababaro Nyiranjangwe Zura asaba kwishyurwa na B.P.R. Ltd na Ruganda Cryspin, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga akwiye kuyahabwa, ariko kuba ayo asaba ari ikirenga, akaba agomba kuyagenerwa mu bushishozi bw'Urukiko, agahabwa 2.000.000 Frw.

- [48] Ku birebana na 12.960.000 Frw Nyiranjangwe Zura asaba kwishyurwa na B.P.R. Ltd na Ruganda Cryspin, y'igihombo yatewe no kuba ataba mu nzu ye, abayifite bakaba bayikodesha, nyamara we acumbikiwe n'abagiraneza, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga nubwo bigaragara ko Nyiranjangwe Zura yakodeshaga inzu ivugwa mbere y'uko igurishwa mu cyamunara, kandi ko yayikodeshaga 120.000Frw buri kwezi nk'uko bigaragara mu masezerano y'ubukode yagiranye na Ecobank Rwanda Ltd yo ku wa 1/10/2012 na fagitiri No 03/06/2013 yashyikirijwe iyo banki ku wa 8/6/2013, adakwiye guhabwa indishyi asaba kuko azisaba bwa mbere muri uru Rukiko.
- [49] Ku birebana n'amafaranga B.P.R. Ltd na Ruganda Cryspin basaba Nyiranjangwe Zura, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga batazihabwa kuko batsinzwe muri uru rubanza.
- Ku byerekeye indishyi B.E.S. Supply Ltd isaba zirebana n'amafaranga bakoresheje bavugurura inzu yagurishijwe mu cyamunara na 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga itazihabwa kuko yagobotse ku bushake muri uru rubanza mu rwego rwa kabiri igamije gusaba Urukiko ko ikirego cya Nyiranjangwe Zura Rukuru kwemeza kitagombaga kwakirwa mu rwego rwa mbere kubera ko impamvu zashingiweho zari zarafashweho ibyemezo mu manza zabaye itegeko no kwemeza ko ingwate iburanwa yagurishijwe mu buryo bukurikije amategeko, nyamara nk'uko bigaragara mu mwanzuro wayo wo kwiregura muri uru Rukiko, yashyigikiye imyiregurire ya B.P.R. Ltd na Ruganda Cryspin, bityo ikaba idashobora gusaba bwa mbere kuri uru rwego ko B.P.R. Ltd na Ruganda Cryspin bategekwa kuyiha ayo mafaranga kandi kuva na mbere yarashyigikiye imiburanire yabo.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [51] Rwemeje ko ubujurire bwa Nyiranjangwe Zura bufite ishingiro;
- [52] Rwemeje ko cyamunara y'inzu ya Nyiranjangwe Zura yabaye ku wa 24/3/2014 n'amasezerano yose ashingiye kuri iyo cyamunara bisheshwe;
- [53] Rutegetse B.P.R. Ltd na Ruganda Cryspin gufatanya kwishyura Nyiranjangwe Zura 1.500.000Frw y'igihembo cya Abavoka, 1.300.000Frw y'ikurikiranarubanza kuva ku rwego rwa mbere kugeza muri uru Rukiko na 2.000.000 Frw y'indishyi z'akababaro, yose hamwe akaba 4.800.000Frw;
- [54] Rutegetse B.P.R. Ltd na Ruganda Cryspin gufatanya kwishyura 700.000Frw y'igenagaciro yategetswe n'uru Rukiko;
- [55] Rutegetse B.P.R. Ltd na Ruganda Cryspin gufatanya kwishyura amagarama y'urubanza angana na 100.000Frw.

IMANZA NSHINJACYAHA

UBUSHINJACYAHA v. DUSABIMANA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RPAA0066/15/CS (Rugege, P.J., Kayitesi Z.na Kayitesi R., J) 04 Mutarama 2019]

Amategeko agenga ibimenyetso — Kwemera icyaha — Buri gihe kwemera icyaha ntibiba ikimenyetso ntakuka gihagije cyashingirwaho mu kwemeza ko uregwa ahamwa n'icyaha akurikiranyweho — Kuba uregwa yemera icyaha ubundi akagihakana bishyira inshingano ku Bushinjacyaha zo gutanga ibindi bimenyetso bishyigikira ukwemera icyaha k'uregwa.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma Dusabimana akurikiranywe n'ubushinjacyaha ku cyaha cyo kwihekura buvuga ko afatanyije na Hategekimana yishe umwana we w'umuhungu witwa Sibomana wari ufite imyaka ibiri. Muri uru rukiko uregwa yaburanye ahakana icyaha asobanura ko atiyiciye umwana ko ahubwo yazize uburwayi ko kandi afite impapuro zo kwa muganga zibigaragaza, urukiko rwaciye urubanza rwemeza ko abaregwa bahamwa n'icyaha, ruhanisha buri wese igihano cy'igifungo cya burundu.

Abaregwa bajuririye Urukiko Rukuru, urugereko rwa Rwamagana, Dusabimana yaburanye noneho yemera icyaha abisabira imbabazi ariko urwo Rukiko ntirwemeye ukwemera icyaha kwe kuko rwasanze kutuzuye kuko ngo hari aho yavugaga ko yajyanye umwana kwa muganga agapfira mu nzira ubundi akavuga ko yishe uwo mwana abitewe n'uburakari bityo ntiyagabanyirizwa igihano.

Dusabimana yaje nanone kujuririra Urukiko rw'Ikirenga avuga ko yaburanye yemera icyaha akagisabira imbabazi, ariko Urukiko ntirumugabanyirize ibihano, rukamugumisha ku gifungo cya burundu ko mu nkiko zabanje yaburanye yemera icyaha atakoze bitewe nuko yari yabwiwe ko nacyemera ahita arekurwa, ko ariko atiyiciye umwana ahubwo ko uwo mwana yarwaye bakamutwara ku bitaro akaza gupfa bakamushyingura kwa sekuru ubyara se kandi ko ariwe mwana wenyine yabyaye. Yakomeje avuga ko kuba yaragiye arangwa no kwivuguruza byatewe nuko atari afite umwunganira mu mategeko ariko ko nta kimenyetso kigaragaza ko yiyiciye umwana.

Nyuma yo kumva ubujurire bw'uregwa ndetse nicyo ubushinjacyaha bubivugaho urukiko rwasanze mbere yo guca urubanza rugomba kwikorera iperereza ku birebana n'umwana uregwa ashinjwa kwica, urukiko rwanasabye kandi ko Dusabimana akorerwa isuzumwa kugirango hamenyekane niba nta kibazo cyo mu mutwe yaba afite, runategeka ko ubushinjacyaha bwongera gukora iperereza bukagaragaza umubare w'abana uregwa yaba yarabyaye, bukerekana igice umwana yiciwemo naho yashyinguwe. Urukiko rwanasanze kandi ari ngombwa ko umurambo washyinguwe kwa sekuru w'umwana utabururwa (exhumation) kugira ngo ukorerwe ikizamini cya DNA, hagaragazwe niba umwana ushyinguwe muri iyo mva ari umukobwa cyangwa ari umuhungu n'isano yaba afitanye na Dusabimana.

Ku byerekeranye n'ikibazo cyo mu mutwe yaba yari afite, ibitaro by'indwara zo mu mutwe by'i Ndera byagaragaje ko ibitekerezo bye biri ku murongo, naho ikizami cya ADN cyakozwe kigaragaza ko nta sano y'umwana n'umubyeyi ihari hagati ya Dusabimana n'umurambo w'umwana wapimwe.

Urubanza rwaje gusubukurwa Dusabimana avuga ko kuba ikizamini cya ADN kigaragaza ko umwana byavugwaga ko ari uwe nta sano y'umwana n'umubyeyi bafitanye bityo ko nta cyashingirwaho hemezwa ko yishe umwana we, ko ahubwo Ubushinjacyaha bwagombye kugaragaza ikindi cyaba cyarishe umwana.

Ubushinjacyaha bwo buvuga ko kuba uregwa ahakana icyaha mu bujurire kandi yaracyemeye mu nkiko zabanje byamutsindisha kandi ko imiburanire y'uregwa n'umwunganira itafatwaho ukuri kuko inyuranye n'ibimenyetso biri muri dosiye, naho ku bijyanye naho umwana Sibomana yaba yarashyinguwe, Ubushinjacyaha bwagaragaje ko aho umurambo w'umwana washyinguwe cyangwa wajugunywe hatazwi kuko uregwa yanze kuhavuga.

Incamake y'icyemezo: 1. Buri gihe kwemera icyaha ntibiba ikimenyetso ntakuka gihagije cyashingirwaho mu kwemeza ko uregwa ahamwa n'icyaha akurikiranyweho, bityo imvugo zashingiweho n'inkiko zibanza zihamya Dusabimana icyaha cyo kwihekura ntizihagije kugirango ahamwe n'icyaha kuko izo mvugo zitagaragaza neza icyaha yemeye.

- 2. Iyo uregwa yemera icyaha ubundi akagihakana bishyira inshingano ku Bushinjacyaha zo gutanga ibindi bimenyetso bishyigikira ukwemera icyaha k'uregwa.
- 3.Gushidikanya birengera ushinjwa,bityo kuba umurambo wapimwe udafitanye isano y'umwana n'umubyeyi n'uregwa utandukanye nuwo ubushinjacyaha bwavuze buhereye ku mvugo z'abatangabuhamya, no kuba ibimenyetso byatanzwe n'ubushinjacyaha bitemeza nta shiti ko uregwa yakoze icyaha cyo kwihekura, agomba kugirwa umwere.

Ubujurire bufite ishingiro; Amagarama aherereye ku isanduku ya Leta.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Ngenga N°01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, ingingo ya 143.

Itegeko N° 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 85 na 165.

Imanza zifashishijwe:

Ubushinjacyaha v. Nyirahabimana, RPA0229/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 19/09/2014.

Ubushinjacyaha v. Ndungutse, RPA0042/14/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 02/06/2017.

Inyandiko z'abahanga zifashishijwe:

Adrien Masset, Ann Jacobs & Michel Franchimont, Manuel de procédure pénale, Maison d'édition Larcier, 2009, p. 1174.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, Ubushinjacyaha burega Dusabimana Jeannette, ko ku wa 22/06/2013, afatanyije na Hategekimana Léonard, bishe umwana we witwa Sibomana Samuel, wari ufite imyaka 2 y'amavuko, kugira ngo bakunde babane nk'umugore n'umugabo.

- [2] Dusabimana Jeannette yaburanye avuga ko atishe uwo mwana ahubwo ko yazize uburwayi, ndetse ko afite n'impapuro zo kwa muganga zibihamya. Ku wa 21/11/2013, Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma rwaciye urubanza RP0678/13/TGI/Ngoma, rwemeza ko Dusabimana Jeannette na Hategekimana Léonard bahamwa n'icyaha bakurikiranyweho, ruhanisha buri wese igifungo cya burundu. Bombi barujuririye mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana maze ruca urubanza RPA0385/13/HCRWG–RPA394/13/HC/RWG, ku wa 12/06/2014 rwemeza ko ubujurire bwabo nta shingiro bufite.
- [3] Urukiko mu gusuzuma ingingo z'ubujurire bwa Dusabimana Jeannette, aho avuga ko yajuriye agira ngo asabe imbabazi ku cyaha yakoze, rwasanze ukwemera icyaha kwe kutuzuye kuko nubwo acyemera atagaragaje ukwicuza ahubwo ko yivuguruzaga, rimwe akavuga ko yajyanye umwana kwa muganga ari kumwe na Hategekimana Léonard, ari nawe wari umuteruye, bagera mu gashyamba akamubwira ngo umwana ashizemo umwuka kandi yaragiye amukandakanda, ubundi akavuga ko yishe uwo mwana abitewe n'uburakari bwuko umugabo we yamuriye umutungo w'iwabo, agafasha Hategekimana Léonard bakica uwo mwana.
- [4] Dusabimana Jeannette yajuriye mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko yaburanye yemera icyaha akagisabira imbabazi, ariko Urukiko ntirumugabanyirize ibihano, rukamugumisha ku gifungo cya burundu, no kuba yarashinjuye Hategekimana Léonard agaragaza ko ntaho ahuriye n'imikorere y'icyaha, ariko Urukiko ntirubihe agaciro, asaba ko Hategekimana Léonard yagirwa umwere, kuko icyaha ari gatozi. Ubujurire bwanditswe kuri N° RPAA0066/15/CS.

- [5] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 22/01/2018, Dusabimana Jeannette yitabye yunganiwe na Me Ndayambaje Gilbert naho Ubushinjacyaha buhagarariwe na Me Munyaneza Nkwaya Eric, Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu. Dusabimana Jeannette yatangiye ahakana ibikubiye mu nyandiko y'ubujurire yazanywe mu Rukiko rw'Ikirenga, avuga ko atari we wayanditse kuko yari arwaye, ko mu nkiko zabanje yaburanye yemera icyaha atakoze bitewe nuko yari yabwiwe ko nacyemera ahita arekurwa, ko ariko atiyiciye umwana Sibomana Samuel ahubwo ko uwo mwana yarwaye bakamutwara ku bitaro akaza gupfa bakamushyingura kwa sekuru ubyara se.
- [6] Nyuma yo kumva ubujurire bwa Dusabimana Jeannette, uhagarariye Ubushinjacyaha akagira icyo abuvugaho, Urukiko rwasanze mbere yo guca urubanza burundu, rugomba kwikorera iperereza ku birebana n'umwana Dusabimana Jeannette ashinjwa kwica. Ubwo uru Rukiko rwakoraga iperereza ku wa 28/02/2018, abatangabuhamya babajijwe aribo Uwimana Beatrice, Ntirenganya Fabien, Harerimana Damascene bavuze ko Tuyisenege na Dusabimana babyaranye abana babiri ariko bakaba batazi aho umwana wa kabiri witwaga Sibomana Samuel aherereye, kuko umwana bazi wapfuye arwaye ari uwitwa Uwineza Aline kandi ko bamushyinguye kwa sekuru ubyara se.
- [7] Mu iburanisha ryo ku wa 19/03/2018, uregwa yitabye Urukiko yunganiwe n'Ubushinjacyaha buhagarariwe nk'uko byari bimeze mu iburanisha riheruka. Nyuma yo gusuzuma uko Dusabimana Jeannette asobanura uko ibintu byabaye ugereranije nibyo yari yavuze mbere, Urukiko rwemeje ko hongera gukorwa iperereza, Ubushinjacyaha bugashyikiriza Dusabimana Jeannette abaganga babifitiye ubumenyi kugira ngo bamusuzume,

bamenyeshe Urukiko niba nta kibazo cy'uburwayi bwo mu mutwe yaba afite. Urukiko rwasanze kandi ari ngombwa ko Ubushinjacyaha bukora iperereza ry'inyongera, bukagaragaza niba Dusabimana Jeannette yaba yarabyaye abana babiri (Uwineza Aline na Sibomana Samuel) cyangwa niba yarabyaye umwe, ndetse bukanagerageza kwerekana igice buvuga ko Sibomana Samuel yiciwemo naho yashyinguwe. Urukiko rwanategetse ko Tuyisenge Emmanuel, umugabo wa Dusabimana Jeannette atumizwa kugira ngo agire ibyo arusobanurira, hemezwa ko iburanisha rizasubukurwa ku wa 25/06/2018

- [8] Ku wa 20/06/2018, Ibitaro by'Indwara zo mu Mutwe by'i Ndera byoherereje Urukiko raporo yerekana ko isuzuma Dusabimana Jeannette yakorewe kuva yinjira ibitaro ku wa 17/05/2018 kugeza ku wa 20/06/2018, ryagaragaje ko ibitekerezo bye biri ku murongo. Ikimenyetso kimwe yagaragaje n'icy'agahinda kuko rimwe na rimwe arira, akavuga ko ababara umutwe, ariko muganga akaba asobanura ko ibyo ashobora kuba abiterwa n'ubuzima yanyuzemo mbere na nyuma yo gufungwa, byanzura ko nta bimenyetso bifatika by'uburwayi bwo mu mutwe byamugaragayeho.
- [9] Ku wa 25/06/2018, ababuranyi bose baritabye, impande zombi zigira icyo zivuga ku byavuye mu iperereza no kuri raporo ya muganga. Kimwe mu byo Urukiko rwari rwasabye Ubushinjacyaha, ni ukugaragaza niba Dusabimana Jeannette yaba yarabyaye abana babiri (Uwineza Aline na Sibomana Samuel) cyangwa niba yarabyaye umwe. Ubushinjacyaha bukaba bwaragaragaje amafoto y'imva buvuga ko Uwineza Aline ariho ashyinguye, ko aho Sibomana Samuel yashyinguwe cyangwa yajugunywe hatazwi kuko uregwa yanze kuhavuga.

- [10] Dusabimana Jeannette we yavuze ko iyo mva ishyinguyemo Sibomana Samuel kandi ko ariwe mwana wenyine yabyaye kandi ko ajya kubana na Tuyisenge Emmanuel yasanze afite undi mwana w'umukobwa ukiriho.
- [11] Urukiko rwasanze mbere yo guca urubanza burundu, ari ngombwa ko umurambo washyinguwe kwa sekuru w'umwana utabururwa (exhumation) kugira ngo ukorerwe ikizamini cya DNA, hagaragazwe niba umwana ushyinguwe muri iyo mva ari umukobwa cyangwa ari umuhungu n'isano yaba afitanye na Dusabimana Jeannette, rutegeka ko Tuyisenge Emmanuel yongera guhamagazwa kugira ngo agire ibyo arusobanurira. Ikizamini cya ADN cyakozwe na Dr Christa Augustin wo mu kigo *UKE Institute of Legal Medecine, Hamburg, Germany,* kigaragaza ko umurambo wapimwe ari uw'umukobwa, ariko ko atari uwa Dusabimana, ntabe n'uwa Tuyisenge.
- [12] Urubanza rwongeye kuburanishwa mu ruhame ku wa 03/12/2018, uregwa yitabye Urukiko yunganiwe n'Ubushinjacyaha buhagarariwe na Rudatinya Nyangezi Gaspard, naho Tuyisenge atitabye, ariko yarahamagajwe mu buryo bukurikije amategeko, maze ababuranyi bahabwa umwanya kugira ngo bagire icyo bavuga kuri raporo ku kizamini cya DNA.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

Kumenya niba hari ibimenyetso bidashidikanywaho bigaragaza ko Dusabimana Jeannette yishe umwana we Sibomana Samuel.

- [13] Dusabimana Jeannette avuga ko mu nkiko zabanje yahamijwe icyaha atakoze kandi atariwe wiyiciye umwana, ko ahubwo yamujyanye kwa muganga ari kumwe na Tuyisenge Emmanuel (Se w'umwana), uwo mwana aza kuzira uburwayi. Avuga ko yemeye icyaha mu Bugenzacyaha no mu nkiko zabanje bitewe nuko yari yabwiwe n'abamufunze ko nacyemera ahita arekurwa, ko anajurira mu Rukiko rw'Ikirenga atariwe wanditse ibaruwa ijurira kuko yari arwaye.
- [14] Avuga ko umwana bamushinja ko yishe atapfuye mu 2013 nk'uko muri dosiye bivugwa ko ahubwo yapfuye mu 2011, bamushyingura mu murima wa Sekuru, mu Mudugudu wa Nyabageni, Akagari ka Kabazungu, Umurenge wa Musanze, Intara y'Amajyaruguru, kandi bakaba baramushyinguye Se w'umwana n'abaturanyi babo bahari, abo yibuka bari bahari barimo Ntirengaya Fabien, Harerimana Damascène, Ntawiha na Uwimana Nirere.
- [15] Abajijwe kugira icyo avuga ku mvugo z'abantu we yivugiye ko bamuherekeje kwa muganga ajya kuvuza umwana, nyamara bakaba barahakanye ko batazi iby'urupfu rwa Sibomana Samuel ndetse ko ntaho agaragara mu bitabo by'irangamimerere, yasubije ko muganga wabasuzumye ashobora kuba yararangaye ntiyandike mu gitabo cyabugenewe, naho kuba ababajijwe barahakanye ibyo yavuze, yasobanuye ko atamenya impamvu yabibateye kuko ibyabaye byabaye ku manywa, abantu bose babireba.
- [16] Ku birebana n'ibyavuye mu iperereza ry'inyongera, Dusabimana Jeannette yongeye gushimangira ko yabyaranye na Tuyisenge Emmanuel umwana umwe witwa Sibomana Samuel, ariko bajya kubana akaba yari afite undi mwana kandi ko nubu agihari, bityo abemeza ko yari afite abana babiri bakaba aribyo

bashingiyeho babivuga, umwana yabyaranye na Tuyisenge akaba yarapfuye afite imyaka 3 kandi ashyingurwa kwa Sekuru, ndetse ko mu gihe bimukaga bajya Kirehe uwo mwana yari yarapfuye.

- [17] Me Ndayambaje Gilbert umwunganira, yavuze ko kuba Dusabimana Jeannette yagiye arangwa no kwivuguruza, bitewe nuko atari afite umwunganizi mu mategeko, ariko muri rusange nta kimenyetso na kimwe kigaragaza ko uwo mwana yishwe na nyina, ndetse ko ababajijwe mu iperereza ryakozwe ntacyo bafashije urukiko, icyo bose bahurizaho nuko batazi icyishe uwo mwana.
- Me Ndayambaje Gilbert avuga ko ikizamini cy'ADN [18] cyakozwe kigaragaza ko nta sano ry'umwana n'umubyeyi hagati y'umurambo wapimwe na Dusabimana na Tuyisenge, ko kuba ADN igaragaza ko umwana bavugaga ko bahuriyeho atari uwabo, hakwibazwa icyashingirwaho bemeza ko Dusabimana yishe umwana we kandi nta kigaragaza aho yapfiriye, ahubwo ko ikigaragara ari uko babyaranye umwana nyuma akicwa n'urw'ikirago, bitafatwa bityo, Ubushinjacyaha bukaba bwagombye kugaragaza ikindi cyaba cyarishe uwo mwana. Asaba ko yagirwa umwere hashingiwe ku biteganywa n'ingingo 165 y'Itegeko rigenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha kuko hari ugushidikanya.
- [19] Uhagarariye Ubushinjacyaha we avuga ko ibivugwa na Dusabimana Jeannette ko yajyanye na Se w'umwana kumuvuza kandi ko yaguye kwa muganga nta kuri kurimo kuko mu Bugenzacyaha Tuyisenge Emmanuel, yasobanuye ko yabajije Dusabimana aho umwana ari undi aramwihorera, nyuma yaho aza kumubwira ko yapfuye, ibyo bikaba bigaragaza ko umwana apfa atari kumwe na Se.

- [20] Akomeza avuga ko nubwo Dusabimana Jeannette ahakana inyandiko y'ubujurire, ibiyikubiyemo birimo kuba yarasobanuye uburyo umwana yarize, agahinda kamwica akamuniga, akamuta mu kirombe cyari mu gasozi aho bacukuraga umucanga, izo mvugo ziri muri iyo baruwa zikaba zumvikanisha ko nta wazandikira undi cyane ko muri ubwo bujurire, ashinjura Hategekimana Léonard.
- [21] Avuga ko kuba Dusabimana Jeannette ahakana icyaha mu bujurire kandi yaracyemeye mu nkiko zabanje, byamutsindisha hashingiwe ku ngingo ya 104 y'Itegeko ry'ibimenyetso ndetse ko ibyo Dusabimana n'umwunganira bavugiye mu iburanisha bitafatwaho ukuri kuko binyuranye n'ibimenyetso biri muri dosiye kandi bikaba bihagije.
- [22] Yavuze ko ibyavuye mu iperereza bigaragaza neza uko ibintu byagenze, kuko ababajijwe bose bagaragaje ko umwana bazi washyinguwe kwa Sebukwe wa Dusabimana Jeannette, yitwaga Aline ndetse bagahuriza ko umwana wa kabiri wa Dusabimana yari mu kigero cy'imyaka 2, uwo mwana akaba atandukanye n'umwana witwa Sibomana wakiriwe ku Kigo Nderabuzima cya Bisate ku wa 25/05/2011. Asoza avuga ko inyandiko Dusabimana Jeannette yiyandikiye ajurira ariyo irimo ukuri kwe nubwo avuga ko yayandikiwe.
- [23] Ku ngingo ijyanye no kumenya aho Sibomana Samuel yiciwe n'igihe yiciwe, avuga ko bitaboroheye kubibonera igisubizo kuko abafite amakuru bose bavuze ko bayakuye kuri Dusabimana, ariko bakavuga ko umwana yaguye hagati ya Kirehe na Musanze. Akomeza avuga ko mu rwego rwo kumenya ukuri kw'ibivugwa na Dusabimana Jeannette ko atariwe wiyandikiye umwanzuro ujurira ngo kuko yari arwaye, habajijwe umutangabuhamya ufungiye muri Gereza ya Ngoma witwa

Nyirabarima Florida (umwe mu bandikira abandi imyanzuro muri Gereza ya Ngoma), yasobanuye ko yamwandikiye umwanzuro ari muzima ko atari arwaye ndetse bakaba barabanje no kuganira amwereka ibibi byo guhisha ukuri ndetse mu gihe yamwandikiraga uwo mwanzuro akaba yaricujije impamvu yabeshyeye Hategekimana Léonard.

[24] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko ikizamini cya ADN cyagaragaje ko umwana washyinguwe ari umwana w'umukobwa kandi ko icyo ari ikimenyetso kigaragaza ko uregwa yishe umwana we w'umuhungu witwa Sibomana Samuel, binyuranye n'ibyo uregwa avuga ko yapfuye agashyingurwa kwa sekuru, ko rero iki kimenyetso gishimangira ibindi bimenyetso batanze mbere, kikaba kigaragaza ko uwo mwana atashyinguwe kwa sekuru.

UKO URUKIKO RUBIBONA

- [25] Dusabimana Jeannette yarezwe icyaha cyo kwihekura giteganywa n'ingingo ya 143 y'Itegeko Ngenga N°01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana iteganya ko "kwihekura ni ubwicanyi bukorewe umwana wabyaye cyangwa uwo ubereye umubyeyi mu buryo bwemewe n'amategeko. Kwihekura bihanishwa igifungo cya burundu".
- [26] Ingingo ya 85 y'Itegeko N°30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko "ubushinjacyaha, uwakorewe icyaha cyangwa abamufiteho uburenganzira iyo baregeye indishyi z'akababaro cyangwa biregeye umuburanyi, nibo bagomba gutanga ibimenyetso byemeza icyaha". Dosiye y'urubanza igaragaraza ko

Dusabimana Jeannette yahamijwe icyaha cyo kwihekura n'inkiko zibanza zishingiye ku kuba yaba yaremeye icyaha.

[27] Dosiye y'uru rubanza inagaragaza ko Dusabimana Jeannette abazwa mu Bugenzacyaha ku wa 06/08/2013 (cote 17-20) yahakanye icyaha aregwa, asobanura ko umwana we yishwe n'uburwayi bwo mu nda kandi ko yari yaramuvuje. Dusabimana Jeannette yahinduye imvugo mu Bushinjacyaha ku wa 12/08/2013, yemera icyaha avuga ko ari Hategekimana wanize umwana we ubwo yari agiye kumwereka umuvuzi wa gakondo. Yongeye guhindura imvugo ageze mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, ahakana icyaha cyo kwihekura, avuga ko atishe umwana we ahubwo ko yamurwaje agapfa. Na none kandi Dusabimana Jeannette, yongeye guhindura imvugo aburana mu Rukiko Rukuru, yemera ko yafatanyije na Hategekimana Léonard kwiyicira umwana bakamushyingura mu gashyamba. Aburana mu Rukiko rw'Ikirenga yahakanye icyaha.

Ukwemera icyaha kwa Dusabimana mu Bushinjacyaha [28] kugaragara muri aya magambo " icyaha ndegwa ndacyemera. Hari tariki 22/06/2013 mu gihe cya saa cyenda z'amanywa ubwo Musanze, umwana yararwaye twarajyanye twari i Hategekimana agiye kunyereka umuvuzi wa gakondo icvo gihe Hategekimana niwe wari ufashe umwana, tugeze mu nzira hagati arambwira ati umwana avuye mu mubiri mubaza uko bigenze ambwira ko yapfuye. Icyo nabivugaho nuko ashobora kuba yaramunize akabimpisha [....]". Iyi mvugo ya Dusabimana mu Bushinjacyaha yiyongera kuyindi ye mu Bugenzacyaha (C7) aho avuga "[...] icyo nsabira imbabazi nuko nahishiriye icyaha cyo kwica umwana wacu nkaba ntaragaragaje ukuri [...]". Nubwo yaburanye mu Rukiko Rwisumbuye ahakana icyaha, izi mvugo nizo urwo rukiko rwashingiyeho rumuhamya icyaha.

- [29] Indi mvugo ya Dusabimana yemera icyaha, yayivugiye mu Rukiko Rukuru aburana. Yagize ati: "ndemera icyaha nkagisabira imbabazi kuko naburanye ngihakana. Nemeye ko umwana wange yicwa. Yarambwiye ngo uyu mwana simushaka aramufata aramuhotora [...]. Ndasaba kugabanyirizwa ibihano [...]". Nkuko bigaragara mu gika cya 9 cy'urubanza RPA0385&394/13/HC/RWG rwaciwe n'Urukiko Rukuru, imvugo ya Dusabimana yafashwe nk'ikimenyetso kimushinja, ariko urwo Rukiko rusanga atarasobanuye ku buryo bufatika uko yakoze icyo cyaha.
- [30] Imvugo zashingiweho n'inkiko zibanza zihamya Dusabimana Jeannette icyaha cyo kwihekura uru Rukiko rurasanga ubwazo zidahagije kugirango ahamwe n'icyaha kuko Bugenzacyaha no mu Bushinjacyaha izo mvugo ntizigaragaza neza icyaha Dusabimana yemeye kuko nawe yavuze ko yakekaga ko umwana we yishwe na Hategekimana. Nkuko ingingo ya 85 y'Itegeko N°30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryavuzwe haruguru ibiteganya, Ubushinjacyaha nibwo bufite inshingano yo kugaragaza ibimenyetso by'icyaha burega Dusabimana, no gusobanura uko cyakozwe. Bwashoboraga guhera kuri izi mvugo za Dusabimana Jeannette bushingiraho yemeye icyaha, bugashaka ibimenyetso buvuga ko bizishyigikira. Ntibyumvikana ukuntu yabwiye Ubugenzacyaha aho baba barataye umurambo w'umwana ntibumujyane ngo ahabereke, kandi umurambo ufatwa nka kimwe mu bigize icyaha.
- [31] Kwemera icyaha, ni kimwe mu bimenyetso bishobora gushingirwaho n'urukiko rukemeza ko uregwa yakoze icyaha. Ariko, buri gihe, kwemera icyaha ntibiba ikimenyetso ntakuka kihagije cyashingirwaho mu kwemeza ko uregwa ahamwa n'icyaha akurikiranyweho. Abahanga mu mategeko Adrien

Masset, Ann Jacobs, Michel Franchimont bo bemeza mu gitabo banditse kitwa "Manuel *de procédure pénale*" ko kwemera icyaha ari ikimenyetso nk'ibindi, gishobora no kudahabwa agaciro, kuko gishobora kuba ikimenyetso kidafatika kandi cyoroshye. Babivuga muri aya magambo: "l'aveu n'est plus qu'un élément parmi d'autres de la conviction du juge, dont il faut d'ailleurs se méfier, car il peut être une preuve fragile". ¹

[32] Ku birebana n'uru rubanza, Dusabimana yatangiye ahakana icyaha, nyuma avuga ko acyemeye nabwo akabikora mu buryo budasobanutse. Urukiko rurasanga guhitamo imvugo yemera icyaha nk'icyimenyetso gishinja uregwa, rukirengagiza imvugo ye igihakana bigomba kugendana n'ibindi bimenyetso cyane cyane nko muri uru rubanza aho uregwa ari umuturage utajijutse, utazi gusoma no kwandika² ushobora kwemera ibyo abandi bamubwiye atabanje gushishoza ngo amenye ingaruka zibyo avuga.

[33] Iby'uko kwemera icyaha kudashobora kuba ikimenyetso cyonyine gihagije gishobora gutuma uregwa ahamwa n'icyaha mu gihe nta kindi kimenyetso gifatika kicyunganira, byemejwe mu rubanza RPA0229/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 19/09/2014 haburana Ubushinjacyaha na Nyirahabimana Esperance no mu rubanza RPA0042/14/CS rwaciwe ku wa 02/06/2017 haburana Ubushinjacyaha na Ndungutse Deo. Muri izi manza zombi, Urukiko rwasanze kuba uregwa yaremeye ibyaha nyuma akaza kubihakana, bishyira inshingano ku

_

¹ Adrien Masset, Ann Jacobs & Michel Franchimont, *Manuel de procédure pénale*, Maison d'édition Larcier, 2009, p. 1174.

² Kuba Dusabimana Jeannette atazi gusoma no kwandika yabivuze ubwo yabazwaga mu Bugenzacyaha ku wa 6/8/2013, yongera kubivuga ku wa 12/8/2013 abazwa mu Bushinjacyaha.

Bushinjacyaha yo gutanga ibindi bimenyetso bishyigikira imvugo z'uregwa zemera icyaha.

- [34] Aburana mu Rukiko rw'Ikirenga, Dusabimana Jeannette yavuze ko Sibomana Samuel yishwe n'uburwayi, ashyingurwa mu isambu yo kwa sekuru. Ubushinjacyaha n'ababajijwe mu iperereza bavuze ko umwana ushyinguwe aho Dusabimana Jeannette yavuze ari undi mwana we witwa Uwineza Aline yabyaranye na Tuyisenge. Kugaragaza ko umwana ushyinguye aho Dusabimana Jeannette yavuze, ari umwana we w'umukobwa nkuko Ubushinjacyaha bwabivuze, byari kuba ikimenyetso kigaragaza ko atari Sibomana Samuel (umwana w'umuhungu) uhashyinguwe.
- [35] Ikizamini cy'ADN cyakozwe cyagaragaje ko umurambo wapimwe ari uw'umwana w'umukobwa, ariko ko hagati ye na Dusabimana Jeannette nta sano y'umwana n'umubyeyi ihari. Ibyo ninako bimeze hagati y'uwapimwe na Tuyisenge, ibizamini byagaragaje ko atari se. Urukiko rurasanga ibyo bigize ugushidikanya ku murambo wapimwe, kuko nubwo ikizamini cyagaragaje ko ar'uw'umukobwa, ntabwo ari uw'umwana wa Dusabimana nkuko byari byavuzwe n'Ubushinjacyaha.
- [36] Ubushinjacyaha nibwo bwakoresheje ikizamini cya ADN hasuzumwa umurambo bwavugaga ko ari uwa Uwineza Aline ushyinguye kwa sekuru Gakaramu wafatanije n'umuhungu we Tuyisenge Emmanuel gutanga ikirego bavuga ko Dusabimana yishe Sibomana. Ibirebana n'ipimishwa ry'umurambo byakozwe n'Ubushinjacyaha Dusabimana atabigizemo uruhare kuko afunzwe. Igiteye gushidikanya nuko hapimwe umurambo utandukanye nuwo Ubushinjacyaha bwavuze buhereye ku mvugo ya Gakaramu sekuru w'umwana Sibomana Samuel, n'abandi batangabuhamya b'Ubushinjacyaha bavuze ko umwana

w'umukobwa wa Dusabimana witwa Uwineza Aline ariwe ushyinguwe kwa sekuru, ko atari Sibomana Samuel. Sekuru w'umwana wagaragaje imva ntiyakabaye yitiranya imva yaho umwuzukuru we avuga witwa Uwineza Aline iherereye. Ibi bitera gushidikanya kukuri kw'ibyavuzwe na Gakaramu ndetse n'abandi batangabuhamya.

- [37] Urukiko rurasanga ikindi gituma habaho gushidikanya ari imiterere ya dosiye idasobanura neza uko ibintu byagenze cyane cyane uko Sibomana Samuel yapfuye, icyamwishe ndetse naho ashyinguwe. Mu rwego rwo gushaka kubimenya neza no kuvanaho urujijo, Urukiko rw'Ikirenga rwatumije mu buryo bukurikije amategeko Tuyisenge Emmanuel se w'umwana Sibomana Samuel inshuro ebyiri kugirango rugire ibyo rumubaza, yanga kwitaba nta mpamvu kandi ariwe watanze ikirego. Bikaba byatera kwibaza niba ibyo yavugiye mu Bugenzacyaha yaravugishije ukuri cyangwa niba hari ibyo ashaka guhisha.
- [38] Nkuko biteganywa n'ingingo ya 85 y'Itegeko N°30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryavuzwe haruguru, Ubushinjacyaha nibwo bufite inshingano zo gutanga ibimenyetso byemeza ko uwo bwareze yakoze icyaha. No muri uru rubanza nibwo bwagombaga gutanga ibimenyetso bigaragaza nta shiti ko Dusabimana yishe umwana we Sibomana, uko yamwishe, aho yamwiciye n'ibindi bimenyetso ku mikorere y'icyaha. Muri uru rubanza, Urukiko rurasanga byarakozwe igice, Ubushinjacyaha bugendera gusa ku mvugo z'uregwa nazo zidahagije nkuko byasobanuwe hejuru.
- [39] Ingingo ya 165 y'Itegeko rivugwa muri iki gika ivuga ko "gushidikanya birengera ushinjwa. Iyo urubanza rwakurikiranywe mu buryo bwose, ntihagire ibimenyetso nyakuri

biboneka byemeza nta shiti abacamanza ko ushinjwa yakoze icyaha koko, bagomba kwemeza ko atsinze". Urukiko rurasanga rero hasesenguwe ibimaze kuvugwa n'ingingo z'amategeko zavuzwe haruguru, hari ugushidikanya gukabije gutuma Dusabimana Jeannette agomba kugirwa umwere ku cyaha yarezwe cyo kwihekura kubera ko ibimenyetso byatanzwe n'Ubushinjacyaha bitemeza nta shiti ko yagikoze koko.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [40] Rwemeje ko ubujurire bwa Dusabimana Jeannette bufite ishingiro.
- [41] Rwemeje ko Dusabimana Jeannette adahamwa n'icyaha cyo kwihekura kubera gushidikanya.
- [42] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RPA0385&394/13/HC/RWG rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana ku wa 12/06/2014 ihindutse mu ngingo zayo zose.
- [43] Rutegetse ko Dusabimana Jeannette ahita arekurwa urubanza rukimara gusomwa.
- [44] Rutegetse ko amagarama y'urubanza aherera mu Isanduku ya Leta kuko uregwa afunze.

UBUSHINJACYAHA v. SIBOMANA

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPAA00327/2018/CA (Hitiyaremye, P.J.) 07 Ukuboza 2018]

Amategeko agenga ibimenyetso — Ibimenyetso — Gukekwaho icyaha — Kuba uregwa n'uwahohotewe (victim) bari basanzwe bafitanye amakimbirane ntago ubwabyo byafatwa nk'ikimenyetso gihamya icyaha.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, Ubushinjacyaha bukurikiranye Sibomana n'umugore we Mukanyiriminega nyuma yuko uwitwa Munyensanga arasiwe muri Boutique ye n'umuntu utazwi mu ijoro ryo ku wa 16/12/2014, abaregwa bakaba baraketswe kuko hari abatangabuhmya bahamije ko bari basanzwe bafitanye amakimbirane na nyakwigendera. Abaregwa baburanye bahakana icyaha.

Uru Rukiko rwahamije Sibomana icyaha aregwa rumuhanisha igihano cy'igifungo cya burundu naho umugore we Mukanyiriminega agirwa umwere.

Uregwa ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza maze arujuririra mu Rukiko Rukuru, urugereko rwa Nyanza avuga ko yahamijwe icyaha atakoze maze urwo rukiko rwemeza ko ubujurire bwe nta shingiro bufite hashingiwe ku batangabuhamya bemeje ko uregwa yari yarahize kuzicisha nyakwigendera.

Yaje kongera kujuririra Urukiko rw'Ikirenga, ariko ruza koherezwa mu Rukiko rw'Ubujurire kubera ivugurwa ry'inkiko. Mu mpamvu z'ubujurire akagaragaza ko Urukiko Rukuru rwahaye agaciro imvugo z'abamushinja gusa maze rwanga

kumva abatangabuhamya bamushinjura, anasaba Urukiko kwikorera iperereza aho nyakwigendera yarasiwe. Uregwa kandi yakomeje avuga ko atigeze yigamba kuzica nyakwigendera ndetse ko atigeze agerageza kumurogesha nkuko hari ababimushinje.

Ubushinjacyaha bwo bugaragaza ko abatangabuhamya babajijwe bose bemeje ko yari afitiye urwango nyakwigendera kandi ikindi kigaragaza ko Sibomana yagize uruhare mu iraswa rya nyakwigendera aruko hari umutangabuhamya wemeje ko mbere yuko icyaha gikorwa moto ya Sibomana yamunyuzeho ihetse abantu atazi mu kanya gato nyakwigendera agahita araswa.

Incamake y'icyemezo: 1. Kuba uregwa n'uwahohotewe (victim) bari basanzwe bafitanye amakimbirane ntago ubwabyo byafatwa nk'ikimenyetso gihamya icyaha.

Ubujurire bufite ishingiro; Amagarama aherereye ku isanduku ya Leta.

Amategeko yashingiweho:

- Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ingingo ya 2, igika cya 1, agace ka 5.
- Itegeko N°30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 165.
- Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 62, 65 na 119.

Nta manza zifashishijwe.

Inyandiko z'abahanga zifashishijwe:

Etienne Vergès, Géraldine Vial, Olivier Leclerc, Droit de la Preuve, 1ère Edition 2015, p. 552, para. 570.

Henri-D. Bosly et Damien Vandermeersch, Droit de la Procédure Pénale, 4ème Edition, Bruxelles, 2005, P. 1316.

Michel Franchimont, Ann Jacobs, Adrien Masset, Manuel de Procédure pénale, 2^{ème} édition, p. 1028.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

- [1] Ku itariki ya 16/12/2014 mu gihe cya saa mbiri n'igice z'ijoro, uwitwa Munyensanga Protogène yarasiwe muri *boutique* ye n'umuntu utazwi waje yambaye igikoti cy'umukara n'ingofero, Polisi itangira iperereza hakekwa Sibomana Valens n'umugore we Mukanyiriminega Sylvie bari basanzwe bafitanye amakimbirane na nyakwigendera, kuko hari abatangabuhamya bemeza ko bagendaga bigamba kuzamwikiza hakoreshejwe imbunda, ariko abaketswe babajijwe bahakana icyaha.
- [2] Nyuma y'iperereza, Ubushinjacyaha bwabaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Muhanga, imbere y'Urukiko abaregwa bakomeza guhakana icyaha. Ku itariki ya 12/06/2015, urwo Rukiko rwaciye urubanza RP0111/15/TGI/MHG rwemeza ko Sibomana Valens ahamwa n'icyaha cy'ubwicanyi aregwa, rumuhanisha igifungo cya burundu, naho Mukanyiriminega Sylvie agirwa umwere kuri icyo cyaha kuko Ubushinjacyaha butabashije kugaragaza ibimenyetso simusiga byerekana uruhare rwe mu ikorwa ryacyo.

- [3] Sibomana Valens yajuririye Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, avuga ko yahamijwe icyaha atakoze, ku itariki ya 21/01/2016, urwo Rukiko ruca urubanza RPA0389/15/HC/NYA rwemeza ko ubujurire bwe nta shingiro bufite kuko abatangabuhamya batandukanye babajijwe bemeje ko yari yarahize kuzicisha Munyensanga Protogène inkuba cyangwa amasasu, bitewe n'amakimbirane bari bafitanye akomoka ku mpamvu y'uko yavugaga ko ari we wamurogeye umwana.
- [4] Sibomana Valens yajuririye Urukiko rw'Ikirenga avuga ko Urukiko Rukuru rwanze kumva abatangabuhamya bamushinjura ahubwo ruha agaciro imvugo z'abamushinja gusa, avuga ko uwitwa Munyaneza Florien wakekwaga ko ari we warashe nyakwigendera atigeze amushinja, asaba ko Urukiko rwajuririwe rwakwikorera iperereza muri *centre* ya Nyabuhuzu aho Munyensanga Protogène yarasiwe.
- [5] Nyuma y'ishyirwaho ry'Urukiko rw'Ubujurire, ubujurire bwe bwoherejwe muri urwo Rukiko hashingiwe ku ngingo ya 105 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko¹.
- [6] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku itariki ya 07/11/2018, Sibomana Valens yunganiwe na Me Nkundirumwana Joseph, Ubushinjacyaha buhagarariwe na Rudatinya N. Gaspard, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu

¹ Ingingo ya 105, igika cya mbere: "Guhera igihe iri tegeko ritangiriye gukurikizwa, uretse imanza zatangiye kuburanishwa, imanza zose zitakiri mu bubasha bw'urukiko zaregewe, zohererezwa Urukiko rubifitiye ububasha hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko".

II. IKIBAZO KIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYACYO

Kumenya niba nta bimenyetso bidashidikanywaho byashingiweho n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, mu guhamya Sibomana Valens icyaha.

- [7] Sibomana Valens avuga ko yajuriye kubera ko Urukiko Rukuru rwamurenganyije cyane, ruvuga ko ari we warashe nyakwigendera Munyensanga Protogène nyamara atarigeze aba umusirikare cyangwa ngo akore imyitozo ya gisirikare, rwanga kubaza abatangabuhamya bamushinjura, ntirwanakora iperereza yasabye kugira ngo ukuri kugaragare, icyo cyaha akaba atari we wagikoze kuko yatabaye kimwe n'abandi.
- [8] Ku birebana n'ibyavuzwe n'Urukiko Rukuru ko ari we wari waragaragarije urwango rukomeye nyakwigendera Munyensanga Protogène, ko ndetse yari yaranavuze ko azakora ibishoboka byose akamwica, byaba ngombwa agakoresha amasasu, Sibomana Valens avuga ko yagaragarije Urukiko ko icyo bapfaga ari uburengere, ko ariko icyo kibazo cyari cyarakemuwe n'Inteko y'Abunzi ndetse akaba yaramutsinze, hakaba nta mpamvu ihari yari gutuma amwica kandi yaramutsinze.
- [9] Sibomana Valens akomeza avuga ko amagambo yo kwigamba ko azica Munyensanga Protogène ntayo yigeze avuga, ndetse n'ibyo kuba yaragerageje kumurogesha mbere y'uko araswa nk'uko hari ababimushinje bikaba ntabyabayeho, ko ahubwo hari umupfumu baturanye wamusabye amafaranga ibihumbi ijana (100,000Frw) ngo amurogorere umwana kuko yamubwiraga ko inzu ye yubakiye ku magini arayamwima, akaba ari yo mpamvu yamushinje ibinyoma. Asoza asaba

kurenganurwa kuko Urukiko Rukuru rwamuhamije icyaha hashingiwe ku bimenyetso bidafite ireme, byuzuyemo ugushidikanya gusa.

- Me Nkundirumwana Joseph avuga ko abashinja [10] Sibomana Valens bose bafitanye isano na Munyensanga Protogène, kandi ko muri bo ntawamushinje ko ari we wamurashe, akaba yarasabye ko hakorwa iperereza ariko Urukiko ntirwarikora. Avuga ko mu bimenyetso Urukiko Rwisumbuye rwashingiyeho ruhamya Nsabimana Valens icyaha harimo imvugo ya Munyensanga Protogène mbere y'uko apfa, aho yavugaga ko uwamurashe yari yambaye igikoti cy'umukara n'ingofero kandi akeka ko ari Nsabimana Valens, ibi Urukiko rutaragombaga kubishingiraho rukaba kuko harimo ugushidikanya, ahubwo ko Ubushinjacyaha bwari gushakisha ibimenyetso bihagije, byabura akarenganurwa.
- [11] Ku birebana n'uruhare Sibomana Valens aregwa muri uru rubanza, Me Nkundirumwana Joseph avuga ko mu Rukiko Rwisumbuye yarezwe nk'icyitso, ariko Urukiko rumuhamya icyaha nka gatozi (auteur principal) rushingiye ku mvugo ya Munyensanga Protogène mbere y'uko apfa aho yavugaga ko akeka ko ariwe wamurashe, ibi nabyo bikaba biteye urujijo no gushidikanya kuko mu gihe yafatwa nk'icyitso hakwibazwa impamvu uwarashe atakurikiranywe. Asoza asaba ko uwo yunganira yagirwa umwere.
- [12] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko Sibomana Valens yakurikiranywe nk'icyitso kuko ariwe woheje uwishe Munyensanga Protogène. Mu gusobanura uruhare rwe mu ikorwa ry'icyaha, avuga ko abatangabuhamya babajijwe bose bemeje ko yari afitiye urwango Munyensanga Protogène ndetse akaba

yaragerageje kumurogesha, bityo rero akaba ari we wagiye gushaka uwamurashe.

- Uhagarariye Ubushinjacyaha akomeza avuga ko mu [13] batangabuhamya babajijwe harimo umupfumu witwa Hitabatuma Janvier ushinja Sibomana Valens ko yamubwiye ko Protogène Munyensanga azica ndetse n'Umukuru w'Umudugudu witwa Ntuyenabo Alexis akaba yaremeje ko yumvise ayo magambo, agahamya ko Munyensanga Protogène amaze kumenya imigambi ya Sibomana Valens yahise ajya kwishinganisha. Avuga ko ikindi kigaragaza ko Sibomana Valens yagize uruhare mu iraswa rya Munyensanga Protogène, ari uko hari umutangabuhamya wemeje ko mbere y'uko icyaha gikorwa moto ya Sibomana Valens yamunyuzeho ihetse abantu atazi, mu kanya gato nyakwigendera agahita araswa.
- [14] Ku birebana no kuba umucamanza w'Urukiko Rwisumbuye yarashingiye ku mvugo ya nyakwigendera mbere y'uko apfa wavuze ko yarashwe na Sibomana Valens ndetse n'Urukiko Rukuru rukayigarukaho, uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko iyo mvugo itakwitabwaho kuko yabajijwe amerewe nabi yenda gupfa, kuba yaravuze ko yarashwe na Sibomana Valens bikaba byaratewe n'uko yari yarumvise ko yahigiye kuzamwica

UKO URUKIKO RUBIBONA

[15] Ingingo ya 62 y'Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, iteganya ko "ubuhamya ni ibivugwa mu rukiko bivuzwe n'umuntu

wabibonye cyangwa wabyumvise ubwe ku byerekeye ikiburanwa".

- [16] Ingingo ya 65 y'iryo Tegeko, iteganya ko "urukiko ni rwo rwonyine rupima ko imikirize y'abatangabuhamya ihuye n'ikiburanwa, ifite ingingo zikiranuye kandi ikaba ikwiye kwemerwa cyangwa guhakanwa. Ntirwitsitsa ku mubare w'abatangabuhamya. Rwita cyane cyane ku bumenyi bwabo bw'ibyabaye, no ku buryo babivuga uko byagenze ntacyo bihimbira".
- [17] Ingingo ya 119, igika cya kabiri, y'Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, iteganya ko "Urukiko ruhamya ku buryo butavuguruzwa ko ibimenyetso byose birega cyangwa biregura ari byo kandi ko bishobora kwemerwa".
- [18] Inyandiko zigize dosiye y'urubanza, zigaragaza ko ibimenyetso byashingiweho mu rubanza rujuririrwa mu guhamya Sibomana Valens icyaha cy'ubwicanyi bwakorewe Munyensanga Protogène warashwe ku itariki ya 16/12/2014, ahanini bigizwe n'imvugo z'abatangabuhamya bemeje ko yababwiye ko azica nyakwigendera cyangwa ababyumvise.
- [19] Abo batangabuhamya barimo umuvuzi wa gakondo witwa Hitabatuma Janvier wavuze ko Sibomana Valens yamwibwiriye ko afite umugambi wo kurasa Munyensanga Protogène, akaba yarahise abimenyesha nyir'ubwite ndetse n'ubuyobozi bw'umudugudu, uyu mutangabuhamya akaba yaranasobanuye ko yajyanye na Sibomana Valens n'umugore we mu Murenge wa Mushishiro mu Karere ka Muhanga kurogesha

Munyensanga Protogène kubera ko yavugaga ko ari we wabiciye umwana.

[20] Undi mutangabuhamya ni umukuru w'umudugudu witwa Nturanyenabo Alexis wemeje ko Sibomana Valens na Munyensanga Protogène bari bafitanye urwango rukomeye ku buryo uyu yari yaramubwiye ko Sibomana Valens arimo gucura umugambi wo kumwica, avuga ko urupfu rwe nta wundi rwabazwa uretse Sibomana Valens n'umugore we, ariko ko atazi umuntu bakoresheje, iby'izi nzangano kandi bikaba byaranemejwe n'abatangabuhamya bandi barimo Nyirahabimana Emerthe, Karemera Célestin, Bahigabose Eugène, Gahutu Viateur, Ndatimana Vianney, Kayitesi Marie Jeanne, Uwitonze Lucie na Musabyimana.

rw'Ubujurire Urukiko rurasanga imvugo z'abatangabuhamya bose babajijwe bakemeza ko Sibomana afitiye urwango rukabije nyakwigendera Valens vari Munyensanga Protogène kandi ko yagendaga yigamba ko azamwica zitashingirwaho mu kumuhamya icyaha cy'ubwicanyi nk'uko yagihamijwe n'Urukiko rwaciye urubanza rujuririrwa, kuko nta n'umwe wigeze avuga ko yamubonye akora icyaha cyangwa se ngo abe yarabyumvanye uwabibonye nk'uko biteganywa n'ingingo ya 62 y'Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryavuzwe haruguru. Ibi kandi akaba ari nako n'abahanga mu mategeko babisobanura, aho bemeza ko abatangabuhamya ari abavuga ibyo babonye cyangwa bumvise [...] (Le témoignage ou preuve testimoniale n'a pas été défini par aucun texte. La doctrine s'accorde cependant pour admettre qu'il s'agit de la preuve résultant des déclarations de personnes qui

relatent ce qu'elles ont vu ou entendu [...])². Ibyavuzwe n'abo batangabuhamya wenda byafatwa nk'impamvu zari gutuma Sibomana Valens akekwa, ariko ntibyafatwa nk'ibimenyetso bikomeye, bisobanuye kandi bihuye byashingirwaho mu kumuhamya icyaha.

[22] Ku bivugwa n'uhagarariye Ubushinjacyaha ko Sibomana Valens yakurikiranywe nk'icyitso mu rupfu rwa Munyensanga Protogène, uru Rukiko rurasanga Ubushinjacyaha buterekana ikimenyetso cy'igikorwa na kimwe kigaraza ko yafashije uwakoze icyaha nk'uko biteganywa n'ingingo ya 2, igika cya mbere, agace ka 5, y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange³, iby'uko ari Sibomana

-

² Etienne Vergès, Géraldine Vial, Olivier Leclerc, Droit de la Preuve, 1ère Edition 2015, p. 552, para. 570.

³ Icyitso: umuntu wafashije uwakoze icyaha mu byagiteguye bigaragarira muri kimwe mu bikorwa bikurikira:

a) utuma hakorwa icyaha akoresheje igihembo, isezerano ry'igihembo, iterabwoba, agakabyo k'ubutegetsi cyangwa k'ububasha cyangwa amabwiriza agamije gukoresha icyaha;

b) ufasha uwakoze icyaha mu byagiteguye, mu byoroheje imikorere yacyo cyangwa mu byakinonosoye kandi yarabikoze abizi, cyangwa uwashishikaje uwakoze icyaha;

c) utuma undi akora icyaha akoresheje imbwirwaruhame, urusaku rushishikaza cyangwa iterabwoba, bibereye ahantu hateraniye abantu barenze babiri (2), inyandiko, ibitabo cyangwa ibindi byanditswe n'icapiro, biguzwe cyangwa bitangiwe ubuntu cyangwa byatangarijwe ahantu hateraniye abantu benshi, amatangazo amanitse cyangwa yeretswe rubanda;

d) uwahishe uwakoze icyaha, umufatanyacyaha cyangwa uwahishe icyitso kugira ngo ataboneka cyangwa adafatwa, umufasha kwihisha cyangwa gucika cyangwa umuha aho kwihisha cyangwa uwamufashije guhisha ibintu byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoreshwa icyaha;

e) uwahishe abizi ikintu cyangwa ibikoresho byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoresha icyaha;

Valens wagiye gushaka uwishe Munyensanga Protogène akamushuka nta kimenyetso na kimwe gitangwa n'Ubushinjacyaha uretse gukeka gusa, cyane cyane ko buvuga ko n'uwakoze icyaha nka gatozi (auteur principal) atashoboye kumenyekana, ibyo abatangabuhamya bavuze ko bari bafitanye urwango bishingiye ku gukeka gusa nk'uko byasobanuwe haruguru, kuko n'iyo urwango bavuga rwaba rwari ruhari koko, ibyo ubwabyo si ikimenyetso ko Sibomana Valens hari icyo yafashije uwakoze icyaha kuko atari ihame ko ufitanye n'undi urwango byanze bikunze amugirira nabi.

[23] Uru Rukiko rurasanga kandi ikindi kimenyetso gitangwa n'Ubushinjacyaha cy'uko hari umutangabuhamya wemeje ko mbere y'uko icyaha gikorwa moto ya Sibomana Valens yamunyuzeho ihetse abantu atazi, mu kanya gato nyakwigendera agahita araswa, nacyo nta shingiro cyahabwa kuko uwo mutangabuhamya witwa Ntakirutimana Jean Pierre atemeje niba abo bantu ari bo bishe Munyensanga Protogène ngo byumvikane ko ari abo Sibomana Valens yari ahetse kuri moto ye bagiye kwica nyakwigendera.

[24] Abahanga mu mategeko Henri-D. Bosly na Damien Vandermeersch, bavuga ko umucamanza adashobora guhamya uregwa icyaha atabonye ko ibimenyetso yabishyikirijwe mu buryo bwemewe n'amategeko, bitarimo ugushidikanya, kandi ibyo bimenyetso impande zombi zikaba zarabigiyeho impaka, ubundi akabisesengura mu bwisanzure (Le juge ne peut déclarer un prévenu coupable que s'il a acquis l'intime conviction de sa culpabilité au-delà de tout doute raisonnable sur la base

f) uwiba, uhisha cyangwa wonona nkana ku buryo ubwo aribwo bwose ibintu byagombye gufasha kugenza icyaha, gutahura ibimenyetso cyangwa guhana abakoze icyaha;

d'éléments de preuve qui lui ont été régulièrement produits et soumis à la contradiction et qu'il apprécie, en règle, souverainement)⁴. Ibi kandi bigarukwaho n'undi muhanga mu mategeko Michel Franchimont, uvuga ko Urukiko rusesengura mu bwisanzure ibimenyetso biba byatanzwe, ubundi rugashingira ku myumvire yarwo rutaziritswe n'ikimenyetso iki n'iki kiba cyatanzwe (...Le juge forme sa conviction librement sans être tenu par telle preuve plutôt que par telle autre. Il interroge sa conscience et décide en fonction de son intime conviction...)⁵.

Hashingiwe ku ngingo ya 165 y'Itegeko N°30/2013 ryo [25] ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, iteganya ko "gushidikanya birengera ushinjwa. Iyo urubanza rwakurikiranywe mu buryo bwose, ntihagire ibimenyetso nyakuri biboneka byemeza nta shiti abacamanza ko ushinjwa yakoze icyaha koko, bagomba kwemeza ko atsinze", no ku ngingo ya 119, igika cya kabiri, y'Itegeko N°15/2004 ryavuzwe haruguru, no ku bisobanuro bitangwa n'abahanga mu Urukiko rw'Ubujurire rurasanga ibimenyetso mategeko. byatanzwe n'Ubushinjacyaha kimwe n'ibyashingiweho n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, mu kwemeza ko Sibomana Valens yagize uruhare mu rupfu rwa Munyensanga Protogène, birimo ugushidikanya nk'uko byasesenguwe haruguru, bityo akaba agomba kugirwa umwere kuri icyo cyaha.

⁴ Henri-D. Bosly et Damien Vandermeersch, *Droit de la Procédure Pénale*, 4ème Edition, Bruxelles, 2005, P. 1316.

⁵ Michel Franchimont, Ann Jacobs, Adrien Masset, Manuel de Procédure pénale, 2ème édition, p. 1028 (appréciation des preuves).

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

- [26] Rwemeje ko ubujurire bwa Sibomana Valens bufite ishingiro;
- [27] Rwemeje ko Sibomana Valens ahanaguweho icyaha cy'ubwicanyi yaregwaga kubera gushidikanya;
- [28] Ruvuze ko imikirize y'urubanza RPA0389/15/HC/NYA rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Nyanza, ku itariki ya 21/01/2016 ihindutse muri byose;
- [29] Rutegetse ko Sibomana Valens ahita arekurwa urubanza rukimara gusomwa;
- [30] Rutegetse ko amagarama y'urubanza aherera ku Isanduku ya Leta.

RWANDA LAW REPORTS

ENGLISH VERSION



TABLE OF CONTENTS

TEAM OF EDITORS	iii
MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE	iv
PREFACE	vi
SCOPE OF THE REPORTS	vii
CITATION	vii
LIST OF STATUTES AND STATUTORY CONSIDERED	
LIST OF CASES CONSIDERED	X
SUBJECT INDEX	Xi
Re MUGISHA	1
NISHIMWE v. MUGENGA ET.AL	69
MUKARWEGO ET.AL v. NGIRIYABANDI	89
ARLCOM Ltd v. ECOBANK RWANDA Ltd	107
NYIRANJANGWE v. BPR Ltd Et.Al	125
PROSECUTION v. DUSABIMANA	147
PROSECUTION v. SIBOMANA	165

TEAM OF EDITORS

LAW REPORTING TEAM

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

MWIHOREZE Claudine

MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE

Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse: President of the Committee

Judge of the Court of Appeal

Dr. MUHIRE G. Yves : Vice President of the Committee

Lecturer in the School

of Law/UR

Dr.KARIMUNDA M. Aimé : President of Court of Appeal

NDAHAYO Xavier : President of High Court

RUTAZANA Angeline : Vice President of

Commercial High Court

NGENDAKURIYO Alice : Secretary of the Committee

Inspector of Courts

Me BAGABO Faustin : Advocate at Rwanda

Bar Association

BWIZA N. Blanche : Inspector of Courts

GIRANEZA Clémentine : Judge of the

Intermediate Court

HABARUREMA Jean Pierre: Prosecutor at National

Level

KALIWABO Charles: Judge of the Court of Appeal

Dr. KAYIHURA Didas : Rector of ILPD

KIBUKA Jean Luc : Judge at Commercial

High Court

Lt. col. MADUDU A. Charles : Judge at Military

High Court

MUREREREHE Saouda : Judge at High Court

BUNYOYE Grace : Prosecutor at National

Level

KABIBI Specioza : State Attorney

RUKUNDAKUVUGA F. Regis : Judge at Supreme Court

UWANTEGE Yvette : President of the Intermediate

Court

PREFACE

Dear Readers,

The Rwandan judiciary is pleased to publish the third volume of Rwanda Reports for the year 2019. We reiterate our thanks to you, for regularly providing us with your ideas and showing us the areas of improvement. This helps us to publish a more enhanced Law Reports, useful to those who face legal challenges in their profession.

This volume of Rwanda Law Reports, contains seven (7) cases, of which six (6) of them were rendered in merit: two (2) commercial cases, two (2) criminal case, one (1) civil case and one (1) petition seeking to declare a law unconstitutional, while the remaining one (1) is a procedural case.

We are also pleased to remind you that published cases can also be accessed on the website of the judiciary http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do which facilitates the users to find cases easily.

Prof. Sam RUGEGE
President of the Supreme Court
President of the High Council of Judiciary

SCOPE OF THE REPORTS

These reports cover cases decided by the Supreme Court and the Court of appeal cited under the heading below:

CITATION

The Reports in this volume are cited thus: [2019] 3 RLR

LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED

Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, article 4,10,15,17,18,38,41,97,98 and 10810
Universal Declaration of Human Rights 1948, article 1910
International Covenant on Civil and Political Rights, (ICCPR), article 1911
Law $N^{\circ}22/2018$ of $29/04/2018$ relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure,
article 9,147 and 153
Law $N^{\circ}68/2018$ of $30/08/2018$ determining offences and penalties in general, article 2 para 1 litera 5166
Law N°30/2013 of 24/5/2013 relating to the code of criminal procedure, article 85 and 165150 article 165166
Law $N^{\circ}54/2011$ of $14/12/2011$ relating to the rights and the protection of the child11
Law N°17/2010 of 12/05/2010 establishing and organising the real property valuation profession in Rwanda, article 36127
Law N°10/2009 of 14/5/2009 on mortgage, article 19 and 24127
Law $N^{\circ}15/2004$ of $12/06/2004$ relating to evidence and its production,
article 392
article 62, 65 and 119

Organic Law N°01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the penal code, article 143150
Organic - Law N°03/2012/OL of 13/06/2012 determining the organization, functioning and jurisdiction of the Supreme Court, article 8192
Law $N^{\circ}21/2012$ of $14/6/2012$ relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, article 208 and 267127
Law N°18/2004 of 20/6/2004 relating to civil, commercial, labour and administrative procedure article 36092
Minister of justice's order N°002 of 06/01/2005 regulating Court fees in civil, commercial, labour, and administrative cases, article 2
Decree-Law of 30/07/1888 relating to contracts or convetional obligations,
article 33 and 552
article 258127

LIST OF CASES CONSIDERED

European Court of Human Rights, Handyside v. United Kingdom, Judgment of 7 Dec. 1976, Series A \mathbb{N}° 24
Joseph Burstyn, Inc. v. Wilson, U.S. Supreme Court, 343 U.S. 495 (1952)11
Joseph Shine v Union of India 2018 SCC Online SC1676 delivered on 27 September, 201811
Prosecution v. Ndungutse, RPA0042/14/CS rendered on 02/06/2017 by Supreme Court150
Prosecution v. Nyirahabimana, RPA0229/10/CS rendered on 19/09/2014 by Supreme Court
Re Uwinkindi, RS/INCONST/PEN0005/12/CS rendered by the Supreme Court on 22/02/201311

SUBJECT INDEX

Civil	procedure – Appeal – Suing someone who shares the same interests in the case – For a person to sue another on the appeal, he has to establish the interests he is pursuing, it is impossible to pursue interests against someone with whom you share the same case (whether you are both plaintiffs or respondents), while on the first instance they did not have a claim against each other NISHIMWE v. MUGENGA ET AL69
	Litigants who share interests on the same subject matter — When many parties share interests in the subject matter, the appeal of one of them has consequences on all even though they were not summoned in the case. NISHIMWE v. MUGENGA ET.AL
	A judgment which acquired the force of res judicata – Rendering a judgment on the object which had already been the object of the claim in the final judgment, it is an irregularity which shall be corrected by the annulment of that judgment. MUKARWEGO ET.AL v. NGIRIYABANDI89
Cons	titution – Acts prejudicial to the general interests – A legislator may criminalize some acts and determine the penalty of imprisonment thereof, even though they are related to contracts, this does not impede the offended party to institute a civil claim seeking for damages or the

Re MUGISHA.....1

execution of the of the contract.

Consequences of imprisonment sentence on the family – The consequences of imprisonment sentence on the family

should not be based on as grounds to repeal the provisions laying down that penalty, because imprisonment sentence is imposed in order to deter people from committing crimes, with the purpose of punishing, rehabilitate, and educate

Re MUGISHA.....1

Flourishment of the family – Flourishment of the family does not mean liberty to do whatever anybody wants rather it denotes liberty and security of the family members which cannot be achieved in a family characterized with adultery, concubinage and desertion of the marital home, therefore penalizing these crimes, is neither breaking the family nor encroaching on its flourishment rather, it is preventing what might threaten it – the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, article 18.

Re MUGISHA.....1

Freedom of press and expression – In exercising the freedom of expression a person may express his/her opinion about religious rituals, symbols and religious items and the right to seek, receive and impart information and opinions in the public on religious rituals, symbols and religious items as long as he/she does not act contrary to what is prohibited by Article 38 of the Constitution of the Republic of Rwanda.

Re MUGISHA.....1

Withdrawal of a claim of adultery – The offended spouse may at any stage of the procedure request that the proceedings be terminated when he/she withdraws the complaint – Stopping the proceedings or the execution of the judgement has effects on the co-offender.

Re MUGISHA.....1

Separation of people – Separating per se, is not discrimination, or treating people unequally before the law, it can be done upon reasonable ground to defend persons in the vulnerable category, that ground must be objectively justifiable and legitimate and such separation should be proportionate.

Re MUGISHA.....1

Expression of the views and opinions on the actions of National leaders – Freedom of expression, and to impart information on the activities of National leaders, stresses the democratic principle of transparency and accountability of the leaders who serve the people.

Re MUGISHA.....1

Freedom of press and expression – Information or opinions should not necessarily be gratifying the administration nor prejudicing some people, rather on the contrary the opinion and views which is not pleasant to the administration and to some citizens should be tolerated because when there are no diverse opinions, tolerance, broad views, democracy is unattainable.

Re MUGISHA.....1

Contract – Loan agreement – Computation of interests – Interests and late fees should not continue to be charged after the loan contract has been cancelled in case the debtor conveyed a mortgage for that loan which should have been sold and get the payment of the loan.

ARLCOM Ltd v. ECOBANK RWANDA Ltd......107

Evidence law – Summary of judgment – Summary of judgment is not a copy of judgment but it is irrefutable evidence that

PETITION REQUESTING THE REPEAL OF UNCONSTITUTIONAL LAWS

Re MUGISHA

[Rwanda SUPREME COURT — RS/INCONST/SPEC 00002/2018/SC (Rugege, P.J., Kayitesi Z, Mutashya, Kayitesi R, Cyanzayire, J.) 24 April 2019]

Constitution — Acts prejudicial to the general interests — A legislator may criminalize some acts and determine the penalty of imprisonment thereof, even though they are related to contracts, this does not impede the offended party to institute a civil claim seeking for damages or the execution of the of the contract.

Constitution – Consequences of imprisonment sentence on the family – The consequences of imprisonment sentence on the family should not be based on as grounds to repeal the provisions laying down that penalty, because imprisonment sentence is imposed in order to deter people from committing crimes, with the purpose of punishing, rehabilitate, and educate.

Constitution – Flourishment of the family – Flourishment of the family does not mean liberty to do whatever anybody wants rather it denotes liberty and security of the family members which cannot be achieved in a family characterized with adultery, concubinage and desertion of the marital home, therefore penalizing these crimes, is neither breaking the family nor encroaching on its flourishment rather, it is preventing what might threaten it – the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, article 18.

Constitution – Freedom of press and expression – In exercising the freedom of expression a person may express his/her opinion about religious rituals, symbols and religious items and the right

to seek, receive and impart information and opinions in the public on religious rituals, symbols and religious items as long as he/she does not act contrary to what is prohibited by Article 38 of the Constitution of the Republic of Rwanda.

Constitution – Withdrawal of a claim of adultery – The offended spouse may at any stage of the proceedings request that the case be terminated when he/she withdraws the complaint – Stopping the proceedings or the execution of the judgement has effects on the co-offender

Constitution – Differentiation among people – Differentiation per se, is not discrimination, or treating people unequally before the law, it can be done upon a reasonable ground to defend persons in the vulnerable category, that ground must be objectively justifiable and legitimate and such differentiation should be proportionate to the purpose to be achieved.

Constitution — Expression of the views and opinions on the actions of the leadership — Freedom of expression, and to impart information on the activities of leaders, stresses the democratic principle of transparency and accountability of the leaders who serve the people

Constitution – Freedom of press and expression – Information or opinions should not necessarily be gratifying to the leadership nor prejudicing some people, rather on the contrary the opinion and views which are not pleasing to the leadership and to some citizens should be tolerated because when there are no diverse opinions, tolerance, broad minded views, democracy is unattainable.

Facts: After the publication of the Law N°68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general in the Official

Gazette, Mugisha Richard petitioned the Supreme Court seeking to declare that articles 233, 236, 136, 138, 154 and 139 of that law infringe articles 15, 18 and 38 of the constitution. He further stated that the articles which he seeks to be repealed are in two categories the first one contains three articles: 154, 233 and 236 and the second has three articles; 136,138 and 139.

The State Attorney raised a prelinary objection of inadmissibility of the petition on the ground that the petitioner has no interest in the petition. On the 18/03/2019 the Court found that he has the interest to petition the court requesting to declare unconstitutional some of the provisions of the law and thus overruled that objection. Because of the importance of the issues in that case the Court requested individuals, institutions or non Governmental organisations with expertise, who would like to give their opinions in the case as Amicus Curiae to apply. The Court examined applications and concluded that the following are the ones who are eligible to appear before the court hearing as amicus curiae: Association Rwandaise Des Journalistes or Rwanda Association (ARJ), The women's Organisation- PRO-FEMMES / TWESE HAMWE; and The University of Rwanda -School of Law.

Concerning the provisions the petitioner has in the second category which are 136 providing that any spouse who has sexual intercourse with a person other than his/her spouse, commits an offence, 138 which provides that a person who lives as a husband and wife with a person other than his/her spouse while one or both of them are married, commits an offence and that of 139 providing that a spouse who, without serious reasons, deserts his/her marital home for more than two (2) months and evades his/her obligations, commits an offence, the petitioner argues that those provisions infringe on article 18 because they provide for

a penalty of imprisonment for one of the spouses convicted of the crime of adultery, concubinage or desertion of the marital home yet a family cannot be protected, nor flourish when one of the spouses is incarcerated, especially that article 18 of the Constitution of the Republic of Rwanda provides that the State puts in place appropriate legislation and organs for the protection of the family, which is the reason why he is of the opinion that incorporating the acts of adultery, concubinage and desertion of the marital home in the Law determining offences and penalties in general is not a reasonable approach to protect a family. He furthermore argues that the provisions of those articles should be incorporated in the civil laws because they originate from the agreement between two people.

The State Attorney argues that there are various acts around the world that are criminalized yet they emanate from contracts moreover those offences of adultery, concubinage and desertion of marital home are bad acts with harmful consequences to the general public, to human dignity, to the national values adhered to by the nationals and such conduct is contrary to the good conduct and good morals which degrade a person, that is the reason the State should intervene in order to prevent and punish such acts.

PRO-FEMMES / TWESE HAMWE argues that those articles should not be repealed as this would result in the perception that adultery, concubinage and desertion of the marital home are legalized acts and this would have effects that would ruin the Rwandan family to the extent that there will no longer be stable families since they will be insecure and article 18 of the Constitution of the Republic of Rwanda mandates the state to protect the family as it is the natural foundation of the Rwandan society

The University of Rwanda - School of Law argues that marriage is premised on the will emanating from love with the purpose to establish a marriage. In case that will or love is no more to the degree that one of the spouses decides to breach the commitment he/she had towards the other, shouldn't be a matter to refer to criminal courts but rather to civil courts; - the courts with jurisdiction to hear and resolve family cases and moreover punishing adultery, concubinage and desertion of the marital home with imprisonment causes misunderstandings between spouses, leading to the neglect of their duties of upbringing of their children and paying their tuition fees to the extent that the offended spouse is compelled to grant forgiveness.

In respect of the category comprising of article 154, 233 and 236, article 154, provides that any person who publicly defames religious rituals, symbols and religious objects by use of actions, words, signs, writings, gestures or threats, whether carried out at the place where rituals are intended to be performed or where they are normally performed, commits an offence. The petitioner argues that the provisions of this article are not clear to the extent that they may be wrongly applied when prosecuting someone who commits such acts and that it encroaches on the freedom of press and of expression and that of expressing opinions on religions and their functioning, thus, for fear of prosecution, journalists will fear to criticize religions.

The State Attorney contends that, the fact that some of the provisions of that article are ambiguous, does not constitute a ground to repeal the whole law or the article, but rather it should given proper interpretion. The Rwanda Journalist Association (ARJ) argues that this article disregards the people's freedom of religion to the extent that what is provided therein, may deter people from expressing their views on beliefs. Instead, if a person

or an organization with legal personality believes that it was defamed by the press or journalist should lodge a civil claim so that it may be accorded justice and damages. On the part of the University of Rwanda -School of Law it is argued that the article is ambiguous since it does not define what religion is, nor does it define where religious rituals are designated to be performed or where they are normally observed, therefore this implies that people would be unjustly treated if this article remains the way it is now. There is a need for a clear definition of what religion is so that even its rituals may be clearly understood.

For article 233 which provides for the offence of humiliating a member of Parliament, Cabinet, security officers or any other person in charge of a public service, the petitioner avers that it infringes on article 15 and 38 of the constitution of the republic of Rwanda because it discriminates among the people it's supposed to protect and prejudices the freedom of press, of expression and of access to information.

The state Attorney argues that article 15 of the Constitution of the Republic provides for the equality before the law, and equal protection of the law, implying that all people should be treated equally whenever they are in the same circumstances, which is the reason why some people are protected by the law because they do certain duties or work in given organs especially that it is the organ or the duties that are protected not the person per se, considering that if that person vacates the office, the successor is protected the same way the predecessor was.

The Rwanda Journalist Association (ARJ) urges that the article mentioned above violates the freedom of press and of expression as it criminalizes the act of publishing any information on the leader's or a public servants' poor leadership because a public servant should not fear to have information published on them if they are really innocent. It further argues that this would shield public servants or other people in charge of public services, who manifest elements of misconduct from any comment or any criticism. The University of Rwanda, School of Law argues that the article does not distinguish between the time when one of the members mentioned in this article is exercising his/her mandate and when the exercise is solely in connection with the performance of his/her duties, neither does it clarify if the protected persons in this article are any public servants. It also does not define what defamation really means, and for that matter they contend that this article is contrary to the principle of legal certainty.

With regard to article 236 which provides that any person who insults or defames the President of the Republic, commits an offence, the applicant states that this crime could be used as a pretext in violating the freedom of press, especially considering that the crime of defamation is ambiguous. He argues that the article infringes on article 15 of the Constitution since it does not protect people equally by punishing those who insult or defame one person only.

The State Attorney states that the freedom of press is limited by the honor and security of the leader and that besides, the article does not prohibit anybody from publishing anything on the President of the republic, but rather, it prohibits insulting or defaming him/her.

For the Rwanda Journalists Association (ARJ), they also concur that, given the nature of the responsibilities he/she has, the President of the Republic should possess the highest level of discipline. However, publishing information on him/her should not be criminalized. The University of Rwanda, School of Law argues that if those provisions are compared to those provided by

article 161 which punishes the crime of Public insult, the crime is penalized when committed in the public, whereas article 236 indicates that this crime is penalized wherever it may be committed, signifying that, even if two people in a secret place insulting each other, one may falsely accuse another of committing that crime, and he/she may be prosecuted for the same. It concludes by remarking that the same grounds that led to the repealing of this crime for other people, should be applied in repealing the crime of defaming the President of the Republic.

- **Held:** 1. Based on the purpose to be achieved, a legislator may criminalize some acts and determine the penalty of imprisonment thereof, even though they are related to contracts, this does not impede the offended party to institute a civil claim seeking for damages or the execution of the of the contract, therefore for the offences of adultery, concubinage, and desertion of the marital home being related to the contract of marriage does not prevent those acts from being prosecuted as crimes.
- 2. The consequences of imprisonment sentence on the family should not be based on as grounds to invalidate the provisions laying down that penalty, because imprisonment sentence is imposed in order to deter people from committing crimes, with the purpose of punishing, rehabilitate, and educate. Also these penalties are reasonable and proportional to the crimes thereof.
- 3. Flourishing of the family does not mean liberty to do whatever anybody wants rather it denotes liberty and security of the family members which cannot be achieved in a family characterized with adultery, concubinage and desertion of the marital home, therefore penalizing these crimes, is neither breaking the family nor encroaching on its ability to flourish rather, it is preventing what might threaten it.

- 4. The offended spouse may at any stage of the case request that the proceedings be terminated when he/she withdraws the complaint and stopping the proceedings or the execution of the judgement has effects on the co-offender.
- 5. In exercising the freedom of expression a person may express his/her opinion about religious rituals, symbols and religious items and the right to seek, receive and impart information and opinions in the public on religious rituals, symbols and religious items as long as he/she does not act contrary to what is prohibited by Article 38 of the Constitution of the Republic of Rwanda.
- 6. differentiating among people per se, is not discrimination, or treating people unequally before the law, it can be done upon reasonable ground to defend persons in the vulnerable category, that ground must be objectively justifiable and legitimate and such differention should be proportionate to the purpose to be achieved.
- 7. Freedom of expression, and to impart information on the activities of the leadership, stresses the democratic principle of transparency and accountability of the leaders who serve the people.
- 8. Information or opinions to be disseminated should not necessarily be those gratifying to the leadership nor those which do not displeased people, rather on the contrary the opinions and views which do not please the leadership and some of the citizens should be tolerated because when there are no diverse opinions, tolerance, broad minded views, democracy is unattainable.

Petition has merit in part; Paragraph 3 of article 136 is amended as follows: The offended spouse may at any stage of the case request that the proceedings be terminated when he/she withdraws the complaint and stopping the proceedings or the execution of the judgement has effects on the co-offender;

Paragraph one, two and three of article 136 of the Law N°68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is consistent with article 18 of the Constitution;

Paragraph four and five of article 136 of the Law N°68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general are invalid and of no effect;

Article 138 and 139 of the Law N°68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general are not inconsistent with article 18 of the Constitution;

Article 154 of the Law N° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general infringes on article 38 of the Constitution, thus is invalid and of no effect; Article 233 of the Law N°68/2018 of the Law 30/08/2018 determining offences and penalties in general infringes 15 and 38 of the Constitution, thus is invalid and of no effect:

Article 236 of the Law N°68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is not inconsistent with article 15 and 38 of the Constitution; Orders that this judgment be published in the official gazette of the republic of Rwanda.

Statutes and statutory instruments referred to:

Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, article 4,10,15,17,18,38,41,97,98,108 Universal Declaration of Human Rights 1948, article 19

- International Covenant on Civil and Political Rights, (ICCPR), article 19
- Law N°54/2011 of 14/12/2011 relating to the rights and the protection of the child.

Cases referred to:

- Re Uwinkindi, N°RS/INCONST/PEN0005/12/CS rendered by the Supreme Court on 22/02/2013
- Joseph Shine v Union of India 2018 SCC Online SC1676 delivered on 27 September, 2018
- Joseph Burstyn, Inc. v. Wilson, U.S. Supreme Court ,343 U.S. 495 (1952)
- European Court of Human Rights, Handyside v. United Kingdom, Judgment of 7 Dec. 1976, Series A N° 24

Authors cited:

- Bizimana Simon na Kayumba Charles, Inkoranyamagambo Iciriritse, 2010 p. 410.
- UN Working Group on Women's Human Rights: Report (18 October, 2012)
- UN Human Rights Committee, General Comment 34 on the International Covenant on Civil and Political Rights, concerning freedoms of opinion and expression, July 2011.
- Human Rights Committee, General Comment XVIII, Non-discrimination (1989)
- United Nations ("UN") Human Rights Committee, General Comment No. 34, Article 19: Freedoms of opinion and expression, CCPR/C/GC/34 (12 September 2011) ("General Comment No. 34")

UN Human Rights Committee, Communication No. 414/1990, Mika Miha v. Equatorial Guinea, Views adopted on 8 July 1994.

